

REPUBLIC OF RWANDA SUPREME COURT P.o. Box. 2197 KIGALI www.judiciary.gov.rw



# ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 2 - 2020 Mata, 2020



# **RWANDA LAW REPORTS**

Law Report V. 2 - 2020 April, 2020





# ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

Icyegeranyo V. 2 - 2020 Mata, 2020



# **RWANDA LAW REPORTS**

Law Report V. 2 - 2020 April, 2020

## ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

## **IKINYARWANDA**

## ISHAKIRO

ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI	iii
KOMITE YEMEZA IMANZA	iv
IRIBURIRO	vii
IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO	viii
INYITO	viii
AMATEGEKO YASHINGIWEHO	ix
IMANZA ZIFASHISHIJWE	xi
AMAGAMBO MPINE	xiii
Re. KABASINGA	1
BRALIRWA v. GISA	35
ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) BRALIRWA Ltd	
CANDARI v. MUKAMANA N'ABANDI	65
NIYIGENA v. NYIRISHEMA	
UBUSHINJACYAHA v. NIYOMURAGIJE	
UBUSHINJACYAHA v. NZITAKUZE	

## ABAGIZE KOMITE Y'UBWANDITSI

#### ITSINDA RY'ABANYAMATEGEKO BATEGUYE IMANZA

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

## KOMITE YEMEZA IMANZA

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse	: Perezida wa Komite, Umucamanza mu Rukiko rw'Ubujurire
Dr. MUHIRE G. Yves	: Visi Perezida wa Komite, Umwalimu muri Kaminuza y'u Rwanda
BUKUBA Claire	: Umwanditsi wa Komite, Umugenzuzi w'Inkiko
Dr. KARIMUNDA M. Aimé	: Perezida w'Urukiko rw'Ubujurire
RUKUNDAKUVUGA F. Regis	: Umucamanza mu Rukiko rw'Ikirenga
NDAHAYO Xavier	: Perezida w'Urukiko Rukuru
<b>RUTAZANA Angeline</b>	: Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko
KALIWABO Charles	: Umucamanza w' Urukiko rw'Ubujurire
Dr. KAYIHURA Didas	: Umuyobozi wa ILPD
<b>BWIZA N. Blanche</b>	: Umugenzuzi w'Inkiko
KIBUKA Jean Luc	: Umucamanza w'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

HABARUREMA Jean Pierre	: Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
BUNYOYE Grace	: Umushinjacyaha ku Rwego rw'Igihugu
KABIBI Specioza	: Intumwa ya Leta
MUREREREHE Saouda	: Umucamanza mu Rukiko Rukuru
Lt. col. MADUDU A. Charles	: Umucamanza mu Rukiko rwa Gisirikare
UWANTEGE Yvette	: Umwanditsi Mukuru mu Rukiko rw'Ubujurire
GIRANEZA Clémentine	: Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye
<b>BAGABO Faustin</b>	: Avoka mu Rugaga rw'Abavoka

## IRIBURIRO

Basomyi bacu,

Tunejejwe no kubagezaho Icyegeranyo cy'Ibyemezo by'Inkiko, Volime 2 [2020]. Nk'uko mubizi, tubahitiramo imanza zirimo inyigisho zikubiyemo bimwe mu bisubizo by'ibibazo muhura nabyo kenshi, haba mu mirimo yanyu ndetse no buzima bwa buri munsi.

Muri iyi nomero murasangamo imanza zirindwi (7) zirimo eshanu (5) zaburanishijwe mu mizi zikurikira: ebyiri (2) z'imbonezamubano, ebyiri (2) z'inshinjabyaha, na rumwe (1) rurebana n'ikirego gisaba kwemeza ko itegeko rinyuranye n'Itegeko Nshinga, mu gihe ebyiri (2) zisigaye zerekeye imiburanishirize y'imanza.

Nk'uko mumaze kubimenyera imanza ziri muri iki cyegeranyo ziboneka no kurubuga rwa murandasi rw'Urukiko rw'Ikirenga: <u>http://decisia.lexum.com/rlr/kn/nav.do.</u>

Dr NTEZILYAYO Faustin Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza

## **IBIKUBIYE MURI IKI CYEGERANYO**

Iki cyegeranyo gikubiyemo imanza zaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga n'Urukiko rw'Ubujurire zikoreshwa hakurikijwe inyito ivugwa hasi.

### **INYITO**

### Imanza ziri muri iyi volime zikoreshwa muri ubu buryo: [2020] 2 RLR

## **AMATEGEKO YASHINGIWEHO**

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu 2015, ingingo ya 29 n'iya 615
Amasezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki, ingingo ya 146
Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 49, 58, 60 niya 1515
Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 351
Itegeko N° 17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 14251
Itegeko N°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo mu manza, ingingo ya 3
165
Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, (ryavanweho), ingingo 78
Itegeko Ngenga N°06/2012/OL ryo ku wa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi, ingingo ya 2

Itegeko	$N^{o}$	30/2013	ryo	kuwa	24/05/2013	ryerekeye
imiburar	iishir	ize y'imanz	a z'ins	shinjaby	aha,	
ir	iging	o ya 165				
ir	iging	o ya 165				123

## IMANZA ZIFASHISHIJWE

Prosecutor vs Ntagerura, ICTR-99-46-A Judgment, 7 July 2006, par.306
Rural Development Solution Company Ltd v Akarere ka Nyabihu, RCOMAA 00020/2016/SC – RCOMAA 0025/15/CS rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/04/2017
South Africa: Supreme Court of Appeal, S v Toms; S v Bruce (139/89, 289/89) [1990] ZASCA 38; 1990 (2) SA 802(A D); [1990] 2 All SA 248 (A) (30 March 1990)
Supreme Court of Canada, R. v. Beauregard, [1987] LRC (Const.)
Supreme Court of Canada, R v Smith, [1987] 1 S.C.R. 10456
Supreme Court of India, Mithu v. State of Punjab [1983] 2 SCR 6906
Supreme Court of the United States, Graham v. Florida, 560 U.S. 48 (2010)
Supreme Court of the United States, Lockett v. Ohio, 438 U.S. 586 (1978)
Ubushinjacyaha na Barakagwira Gilbert, RP 00062/2019/TGI/HYE, rwaciwe n' Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 18/02/20196
Ubushinjacyaha na Barimenya Venant, RP00357/2018/TGI/NGOMA, rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa NGOMA ku wa 14/06/20196

Ubushinjacyaha na	a Ntahorutaba	Wellars,	RP
00499/2018/TGI/MUS	rwaciwe n'Urukiko	Rwisumbuye	rwa
Musanze			6
United States Supreme (1976), July 2, 1976			
United States Supreme 76-5206, June 6, 1977		( )	-

## AMAGAMBO MPINE

Amategeko agenga ibimenyetso – Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Ukwivuguruza k'umuburanyi – Amakimbirane hagati y'uregwa n'uwakorewe icyaha – Ukwivuguruza k'umuburanyi si ikimenyetso gihagije kimushinja icyaha mu gihe nta bindi bimenyetso simusiga bikimushinja, kuko adafite inshingano yo gutanga ibimenyetso bimushinja – Amakimbirane hagati y'uregwa n'uwakorewe icyaha ubwabyo si ikimemyetso kigaragaza ko uregwa yakoze icyaha ashinjwa

#### UBUSHINJACYAHA v. NIYOMURAGIJE......105

Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Ibimenyetso biziguye (les preuves indirectes) – Ibimenyetso biziguye (les preuves indirectes) bigira agaciro iyo isesengura ryabyo ryerekana ko nta wundi mwanzuro byageraho uretse ibikorwa bigize icyaha ushinjwa akurikiranyweho.

#### UBUSHINJACYAHA v. NIYOMURAGIJE.....105

Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Agaciro k'inyandiko – Inenge – Inyandiko nubwo yakorerwa imbere ya noteri ariko igakorwa hirengagijwe ibyo amategeko ateganya, ntabwo iyo nyandiko yahabwa agaciro.

#### CANDARI v. MUKAMANA N'ABANDI......65

Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Isosiyete – Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite umuyobozi umwe – Gusimbura umuyobozi wa Sosiyete – Icyemezo gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) n'icyo kigaragaza uwasimbuye umuyobozi wa sosiyete mu gihe bigaragara ko ari we munyamigabane umwe rukumbi.

ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) Ltd v. BRALIRWA Ltd......49

Ububasha bw'inkiko – Ububasha bushingiye ku ndishyi zagenwe mu rubanza – Urugero rw'indishyi zagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka nirwo rugomba gushingirwaho mu kwemeza niba ubujurire buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, aho kuba gusa agaciro k'ikiburanwa katanzwe n'umuburanyi mu kirego cye. – Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingigo ya 7.

BRALIRWA v. GISA......35

Iyakirwa ry'ikirego – Ububasha byo kurega – Kugira ngo ikirego cyakirwe urega n'uregwa bagomba kuba bafite ububasha (qualité) – Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 3.

ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) Ltd v. BRALIRWA Ltd......49 Amategeko agenga ubutaka – Umutungo utimukanwa – Inkomoko y'umutungo utimukanwa – Amasezerano y'ubugure – Amasezerano y'ubugure ubwayo gusa ntahagije gushingirwaho hemezwa ko umuntu ari nyiri umutungo utimukanwa ahubwo hagomba n'ukugaragazwa ko uwo awukomoraho nawe yari nyirawo Ntibihagije kuvuga ko umuntu ari nyir'umutungo utimukanwa hashingiwe ku masezerano y'ubugure, hagomba no kugaragazwa ibimenyetso by'uko uwo awukomoraho nawe yari nyirawo.

#### NIYIGENAV. NYIRISHEMA......85

Amategeko agenga umuryango – Umuryango – Izungura – Abana batabyawe na nyakwigendera ntabwo bamuzungura kuko ntaho baba bahuriye kereka bigaragara ko yabagize abe ku bw'amategeko. (adoption).

#### CANDARI v. MUKAMANA N'ABANDI......65

Umuryango – Imicungire y'umutungo w'abashingiranywe – Iyo abantu basezeranye ivangamutungo rusange, umwe muri bo ntashyire "réserve" (umwihariko) muri ayo masezerano, ku bijyanye n'umutungo yita uw'abana yashakanye, imitungo yose ifatwa ko ari iyabashyingiranywe.

CANDARI v. MUKAMANA N'ABANDI......65

Amategeko mpanabyaha – Ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi – Kugira ngo habeho uburyozwacyaha ku cyaha cy'ubwiracyaha bw'ubwicanyi, ntibihagije gushingira gusa ku bikoresho cyangwa intwaro uregwa yafatanywe ahubwo hagomba kugaragazwa niba yari afite umugambi cyangwa ubushake bwo kwica – Itegeko N° 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko, ingingo ya 27.

#### UBUSHINJACYAHA v. NZITAKUZE.....121

Itegeko Inshinga – Ubutabera buboneye – Ubutabera buboneye bugizwe n'uruhererekane rw'ibigomba kubahirizwa mu migendekere y'urubanza hashingiwe ku mahame ateganywa n'amategeko (procedural due process) n'ubutabera bunogeye bubuza ishyirwaho ry'amategeko cyangwa izindi ngamba zidashyira mu gaciro zibangamira uburenganzira bw'abaturage (substantive due process) – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 ingingo ya 29.

Re. KABASINGA.....1

Urubanza rutabera (fair trial) – Igihano ntayegayezwa – Igihano ntayegayezwa kinyuranye n'ihame ryo guca urubanza rutabera (fair trial) kuko uwo cyahamye ntashobora kujuririra ibirebana n'igihano bitewe n'uko umucamanza uburanisha ubujurire adashobora kugihindura bitewe n'uko nyine ari ntayegayezwa – Mu manza mpanabyaha, Umucamanza afite inshingano zo gutanga igihano gishingiye ku mikorere y'icyaha, ku myitwarire n'imibereho y'uwagikoze, ku muryango cyakorewemo no ku wagikorewe.

#### Re. KABASINGA.....1

Ubwisanzure n'ubwigenge bw'umucamanza – Igihano ntayegayezwa – Umucamanza afite ubwisanzure bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n'uburyo biteganywa n'amategeko, akabikora nta gitutu icyo ari cyo cyose cyaba icy'inzego za Leta, n'icy'abandi – Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n'uburemere bw'icyaha, uburyo cyakozwemo, n'igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma

agabanyirizwa igihano – Itegeko Nshinga rya Repub	ulika
y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2	2015
ingingo ya 151.	
Re. KABASINGA	1

## IKIREGO GISABA KWEMEZA KO ITEGEKO RINYURANYE N'ITEGEKO

## **Re. KABASINGA**

#### [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INCONST/SPEC 00003/2019/SC (Rugege, P.J., Nyirinkwaya, Cyanzayire, Rukundakuvuga na Hitiyaremye, J.) 04 Ukuboza 2019]

Itegeko Inshinga – Ubutabera buboneye – Ubutabera buboneye bugizwe n'uruhererekane rw'ibigomba kubahirizwa mu migendekere y'urubanza hashingiwe ku mahame ateganywa n'amategeko (procedural due process) n'ubutabera bunogeye bubuza ishyirwaho ry'amategeko cyangwa izindi ngamba zidashyira mu gaciro zibangamira uburenganzira bw'abaturage (substantive due process) – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 ingingo ya 29.

Itegeko Inshinga – Urubanza rutabera (fair trial) – Igihano ntayegayezwa – Igihano ntayegayezwa kinyuranye n'ihame ryo guca urubanza rutabera (fair trial) kuko uwo cyahamye ntashobora kujuririra ibirebana n'igihano bitewe n'uko umucamanza uburanisha ubujurire adashobora kugihindura bitewe n'uko nyine ari ntayegayezwa – Mu manza mpanabyaha, Umucamanza afite inshingano zo gutanga igihano gishingiye ku mikorere y'icyaha, ku myitwarire n'imibereho y'uwagikoze, ku muryango cyakorewemo no ku wagikorewe.

Itegeko Inshinga – Ubwisanzure n'ubwigenge bw'umucamanza – Igihano ntayegayezwa – Umucamanza afite ubwisanzure bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n'uburyo biteganywa n'amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy'inzego za Leta, n'icy'abandi – Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n'uburemere bw'icyaha, uburyo cyakozwemo, n'igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano – Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 ingingo ya 151.

**Incamake y'ikibazo:** Kabasinga Florida yatanze ikirego asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko ingingo ya 133, igika cya gatanu y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko: "[....] iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha. Iyo ngingo inyuranyije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo zaryo za 29 na 151, bitewe n'uko asanga ibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye ikaba inabangamira ubwigenge bw'umucamanza mu gutanga ibihano.

Ko rero mu gihe hari ingingo y'itegeko ibuza gusuzuma impamvu nyoroshyacyaha, ituma uregwa washoboraga kugabanyirizwa ibihano, avutswa ubwo burenganzira ku butabera buboneye, kuko iyo haciwe urubanza, mu gutanga Umucamanza agomba ku igihano, kwita mpamvu nyoroshyacyaha iyo zihari kuko biri mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'Itegeko Nshinga. Asobanura ko imiterere ya gace k'iyo ingingo karebana no gusambanya umwana bigakurikirwa no kubana nk'umugabo n'umugore, iteje ikibazo kuko igihano cya burundu kidashobora kugabanywa, hari abo kibangamira hakurikijwe imikorere y'icyaha bigatuma hari abahanwa cyane kurusha abandi kandi mu buryo busanzwe atariko byakagombye kugenda.

Kubirebana n'uko iyo ingingo inyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 151, 5° y'itegeko Nshinga, aho iyo ngingo iteganya

ko abacamanza bakora umurimo wabo w'Ubucamanza mu batavugirwamo n'ubutegetsi bwigenge kandi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose, avuga ko iyo urwego rushinga amategeko rushyizeho itegeko rizirika umucamanza ku buryo atabona umwanya n'ubwinyagamburiro bwo gushyira mu gaciro, ruba rumubujije umudendezo wo gutanga ubutabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'itegeko Nshinga. Bityo basaba ko ingingo ya 133, agace ka kane y'Itegeko rihana ibyaha, ibuza umucamanza gutanga ubutabera buboneye ashingira ku mpamvu nyoroshyacyaha, yavaho kuko ituma umucamanza atigenga mu kazi ke, kuko ategetswe gutanga igifungo cya burundu gusa, ibyo bikaba binyuranyije n'ingingo ya 151 y'Itegeko Nshinga.

Leta y'u Rwanda ivuga ko ingingo ya 133 y'itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange itanyuranyije n'Itegeko Nshinga, ko ntaho ibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye bw'uregwa kandi iyo ngingo ntaho ibangamiye ubwigenge bw'umucamanza kuko ntaho bigaragara ko abantu babuzwa uburenganzira ku butabera buboneye, ko ibyo uwareze avuga abishingira ku marangamutima. Ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga igaragaza uburenganzira umuntu afite kandi bugomba kubahirizwa kugira ngo ahabwe ubutabera buboneye, ariko ko urega atagaragaza uburyo ingingo iregerwa yica bumwe muri ubwo burenganzira

Naho ku birebana nuko iyo ingingo inyuranyije n'ingingo ya 151 y'itegeko Nshinga, ivuga ko nta rwego na rumwe rwabujije umucamanza ubwisanzure ndetse n'ubwigenge kubera ko mu mirimo akurikiza itegeko kandi rikaba rihari, bityo isanga iyo ingingo ntaho inyuranyije n'Itegeko Nshinga, mu ngingo yaryo ya 151. **Incamake y'icyemezo:** 1. Ubutabera buboneye bugizwe n'uruhererekane rw'ibigomba kubahirizwa mu migendekere y'urubanza hashingiwe ku mahame ateganywa n'amategeko (procedural due process) n'ubutabera bunogeye bubuza ishyirwaho ry'amategeko cyangwa izindi ngamba zidashyira mu gaciro zibangamira uburenganzira bw'abaturage (substantive due process).

2. Igihano ntayegayezwa kinyuranye n'ihame ryo guca urubanza rutabera (fair trial) kuko uwo cyahamye ntashobora kujuririra ibirebana n'igihano bitewe n'uko umucamanza uburanisha ubujurire adashobora kugihindura bitewe n'uko nyine ari ntayegayezwa.

3. Mu manza mpanabyaha, Umucamanza afite inshingano zo gutanga igihano gishingiye ku mikorere y'icyaha, ku myitwarire n'imibereho y'uwagikoze, ku muryango cyakorewemo no ku wagikorewe. Bityo kuba umucamanza adashobora gusuzuma no gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha igihe zihari, ngo agabanyirize igihano uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, biba binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga ivuga ko buri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye, kuko bituma uwahamwe n'icyo cyaha hanishwa iginaho atari akwiye.

4. Umucamanza afite ubwisanzure bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n'uburyo biteganywa n'amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy'inzego za Leta, n'icy'abandi.

5. Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n'uburemere bw'icyaha, uburyo cyakozwemo, n'igihe hari

impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano. Bityo n'ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibihano muri rusange ivuga ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, binyuranye n'ingingo ya 151,5<sup>0</sup> y'Itegeko Nshinga iteganya ko abacamanza bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge, kuko babujijwe gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha batanga igihano gikwiye.

#### Ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, igika cyayo cya gatanu kinyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015. Icyo gika kikaba nta gaciro gifite nkuko biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga.

#### Amategeko yashingiweho:

Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003
ryavuguruwe muri 2015 ingingo ya 29 niya 61.
Itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha
n'ibihano muri rusange, ingingo ya 49, 58, 60 niya 151,
Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012
rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana, ingingo 78
(ryavanyeho)
Itegeko nº 09/2004 ryo ku wa 29/04/2004 ryerekeye imyitwarire
mu kazi k'ubucamanza, ingingo ya 4 niya 5
Masezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu
by'Imbonezamubano na Politiki, ingingo ya 14.

#### Imanza zifashishijwe:

- Urubanza RP 00062/2019/TGI/HYE, Ubushinjacyaha na BARAKAGWIRA Gilbert rwaciwe n' Urukiko Rwisumbuye rwa Huye ku wa 18/02/2019.
- Urubanza RP00357/2018/TGI/NGOMA, Ubushinjacyaha na BARIMENYA Venant rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, ku wa14/06/2019
- Urubanza RP 00499/2018/TGI/MUS, Ubushinjacyaha na NTAHORUTABA Wellars rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze

#### Izo mu mahanga:

- United States Supreme Court, Jurek v. Texas, 428 U.S. 262 (1976), July 2, 1976
- United States Supreme Court, ROBERTS v. LOUISIANA (1977), No. 76-5206, June 6, 1977.
- Supreme Court of the United States, Lockett v. Ohio, 438 U.S. 586 (1978)
- Supreme Court of Canada, R. v. Beauregard, [1987] LRC (Const.)
- Supreme Court of Canada, R v Smith, [1987] 1 S.C.R. 1045
- South Africa: Supreme Court of Appeal, S v Toms; S v Bruce (139/89, 289/89) [1990] ZASCA 38; 1990 (2) SA 802(A
  - D); [1990] 2 All SA 248 (A) (30 March 1990)
- Supreme Court of the United States, Graham v. Florida, 560 U.S. 48 (2010)
- Supreme Court of India, Mithu v. State of Punjab [1983] 2 SCR 690

#### Ibitekerezo bya bahanga:

Dato' Param Cumaraswamy 'Mandatory Sentencing: the individual and Social Costs' (2001) 7(2) Australian

Journal of Human Rights at ttp://www.austlii.edu.au/au/other/ahric/ajhr/ajhrindex.ht ml/2001/14.html#Heading140. The label of life imprisonment in Australia: A principled or Populist approach to an ultimate sentence. John L Andeson, P. 748 available at http://www.austlii.edu.au/au/journals/UNSWLJ/2012/30 .html, accessed on 27 November 2019 Definition of due process, available at; https://dictionary.findlaw.com/legal-terms/d.html accessed on 2nd December 2019 2 John N. Ferdico. Criminal Procedure for the Criminal Justice Professional. Thomson, wads worth 9th Edition, P.22 The label of life imprisonment in Australia: A principled or Populist approach to an ultimate sentence. John L Anderson. P. 748 available at http://www.austlii.edu.au/au/journals/UNSWLJ/2012/30 .html, accessed on 27 November 2019 Mandatory Sentencing & the Independence of the Judiciary, available at: https://www.ruleoflaw.org.au/wpcontent/uploads/2015/11/MandatorySentencing.pdf, visited on November 30, 2019

## Urubanza

## I. IMITERERE Y'IKIREGO

[1] Kabasinga Florida yatanze ikirego asaba Urukiko rw'Ikirenga kwemeza ko ingingo ya 133, igika cya gatanu y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, inyuranyije n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo zaryo za 29 na 151, bitewe n'uko asanga ibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye ikaba inabangamira ubwigenge bw'umucamanza mu gutanga ibihano.

[2] Iyo ngingo ya 133, igika cya gatanu y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 iteganya ko: "[....] Iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha. [...]".

[3] Leta y'u Rwanda ivuga ko ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange itanyuranyije n'Itegeko Nshinga, ko ntaho ibangamiye uburenganzira ku butabera buboneye bw'uregwa kandi iyo ngingo ntaho ibangamiye ubwigenge bw'umucamanza.

[4] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 06/11/2019, Kabasinga Florida watanze ikirego yunganiwe na Me Rwagitare Fred Fiston na Me Mugabonabandi Jean Maurice, Leta y'u Rwanda ihagarariwe na Me Batsinda Aline.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

#### Kumenya niba igika cya gatanu cy'ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange kinyuranije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015.

[5] Kabasinga Florida n'abamwunganira bavuga ko ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 ivuga ko buri wese afite uburenganzira ku butabera buboneye. Bakomeza bavuga ko agace k'ingingo ya 133 kanyuranye n'Itegeko Nshinga ari akavuga ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

[6] Basobanura ko iyo haciwe urubanza hagatangwa igihano hitawe ku mpamvu nyoroshyacyaha iyo zihari, biri mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye buteganywa n'Itegeko Nshinga. Ko rero mu gihe hari ingingo y'itegeko ibuza gusuzuma izo mpamvu nyoroshyacyaha, ituma uregwa washoboraga kugabanyirizwa ibihano, avutswa ubwo burenganzira ku butabera buboneye. Bakomeza basobanura ko imiterere y'ingingo ya 133, agace kayo karebana no gusambanya umwana bigakurikirwa no kubana nk'umugabo n'umugore, iteje ikibazo kuko igihano cya burundu kidashobora kugabanywa, hari abo kibangamira hakurikijwe imikorere y'icyaha bigatuma hari abahanwa cyane kurusha abandi kandi mu buryo busanzwe atariko byakagombye kugenda. [7] Batanga urugero rw'ushobora guhamwa n'icyaha cyo gusambanya umwana ufite imyaka iri hagati ya 14 na 18, yagikoze afite imyaka iri hejuru ya 50, ko we ashobora kugabanyirizwa ibihano agahanishwa igifungo cy'imyaka 25, naho ufite imyaka 19 wasambanye n'ufite 17 babyumvikanyeho, nyuma bakabana nk'umugabo n'umugore azahanishwa igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa. Basanga ibyo binyuranye n'Itegeko Nshinga mu ngingo yaryo ya 29, bagasaba ko ingingo ya 133 ibiteganya, yavanwaho.

[8] Me Batsinda Aline uhagarariye Leta y'u Rwanda avuga ko ibiteganywa n' ingingo ya 133 y'itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, bitanyuranye n'Itegeko Nshinga kuko ntaho bigaragara ko abantu babuzwa uburenganzira ku butabera buboneye, ko ibyo uwareze avuga abishingira ku marangamutima.

Akomeza avuga ko ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga [9] uburenganzira umuntu afite kandi bugomba igaragaza kubahirizwa kugira ngo ahabwe ubutabera buboneye, ariko ko urega muri uru rubanza atagaragaza uburyo ingingo ya 133 y'itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange yica bumwe muri ubwo burenganzira. Ntiyerekana niba iyo ngingo itubahiriza uburenganzira buteganywa mu ngingo ya 29 ari bwo kumenyesha imiterere n'impamvu z'icyaha akurikiranyweho, uregwa uburenganzira bwo kwiregura no kunganirwa, ubwo gufatwa nk'umwere kugeza igihe Urukiko rubifitiye ububasha ruhamije uregwa icyaha, uburenganzira bwo kuburanira imbere y'Urukiko rubifitive ububasha, ubwo kudakurikiranwa, kudafatwa. kudafungwa cyangwa kudahanirwa ibyo ukurikiranwe yakoze, cyangwa atakoze iyo amategeko y'igihugu cyangwa amategeko mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byakorwaga.

[10] Asoza avuga ko ibijyanye n'ubutabera buboneye Umushingamategeko yabyitayeho, ko ntaho ingingo ya 133 inyuranyije n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga, ko ahubwo izo ngingo zombi zijyanye hakurikijwe ibiteganywa mu gace ka 4 k'ingingo ya 29, aho iteganya ko ibyaha n'ibihano bijyanye nabyo biteganywa n'amategeko. Ibyo urega yasobanuye mu kirego cye, asanga ashaka kuvanga ubukure mu rwego rusanzwe (social) no mu rwego rw'amategeko. Asoza asaba ko Urukiko rwakwemeza ko ingingo ya 133 itanyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[11] Ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga ivuga ko: "Buri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye, [...]". Iyo ngingo ikomeza irondora bimwe mu bigize ubwo burenganzira.

[12] Iyo ngingo ya 29 y'Itegeko Nshinga igaragaza bimwe mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye. Nkuko bigaragazwa n'imyandikire y'iyo ngingo, ntabwo ibigize uburenganzira ku butabera buboneye byarondowe byose. Hakoreshejwe ijambo burimo, mu cyongereza "includes". Ibi bivuze ko uretse ibivugwa muri iyo ngingo ya 29, hari n'ibindi bigize uburenganzira ku butabera buboneye.

[13] Ubutabera buboneye busobanurwa mu buryo butandukanye, hari ubutabera buboneye bushingiye ku migendekere procedural due process: a course of formal proceedings (such as legal proceedings) carried out regularly and <u>in accordance with established rules and principles<sup>1</sup></u>. Ni ukuvuga uruhererekane rw'ibigomba kubahirizwa mu migendekere y'urubanza hashingiwe ku mahame ateganywa n'amategeko. Hari n'Ubutabera buboneye bushingiye ku biteganywa n'itegeko <u>substantive due process: protection against enactement of</u> <u>arbitrary and unreasonable legislation or other measures that</u> <u>would violate peoples'rights.<sup>2</sup></u> Ubu buryo bwo bubuza ishyirwaho ry'amategeko cyangwa izindi ngamba zidashyira mu gaciro zibangamira uburenganzira bw'abaturage.

[14] Ikibazo gisigaye ni ukumenya niba ibirebana no gusuzuma impamvu nyoroshyacyaha n'itangwa ry'igihano gikwiye, nabyo biri mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye. Kuri iki kibazo, Urukiko rusanga mu manza nshinjabyaha, uburenganzira ku butabera buboneye butangirana n'ibikorwa by'iperereza, bugakomereza ku bikorwa by'ikurikiranacyaha, iby'iburanisha n'itangwa ry'ibihano ku byaha biteganyijwe n'amategeko ahana. Bivuze ko n'ibirebana n'isuzumwa ry'impamvu nyoroshyacyaha n'ibihano biri mu gice cy'iburanisha, nabyo bigomba kubahiriza amahame agize ubutabera buboneye kuri izo ngingo.

[15] Ingingo ya 49, igika cya mbere y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange igaragaraza ibyo umucamanza akurikiza mu gutanga igihano. Iyo ngingo ya 49 igira iti: "Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara,

12 \_\_\_\_

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> Definition of due process, available at ; https://dictionary.findlaw.com/legal-terms/d.html accessed on 2nd December 2019

<sup>&</sup>lt;sup>2</sup> John N. Ferdico. Criminal Procedure for the Criminal Justice Professional. Thomson, wadsworth 9th Edition, P.22

imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo. [...]". Urukiko rusanga ibiteganywa n'iyi ngingo ari byo bigenderwaho n'Umucamanza mu kugena igihano; kunyuranya nabyo, byaba ari ukunyuranya n'ibigize uburenganzira ku butabera buboneye mu itangwa ry'igihano.

Ingingo ya 133 y'itegeko Nº 68/2018 iteganya igihano [16] cya burundu ku wahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore. Iyo ngingo ntiyemera ko icyo gihano kigabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha. Ibyo bikaba bivuguruza kuba Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye uregwa agikora, uko yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo nkuko biteganywa n'ingingo ya 49 ivugwa mu gika kibanziriza iki. Hakurikijwe uko ingingo ya 133, igika kirebana n'uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana bigakurikirwa no kubana nk'umugabo n'umugore iteye, bigaragara ko ububasha bw'Umucamanza ku wahamwe n'icyo cyaha, bugarukira gusa ku kwemeza ko ahamwa n'icyaha, naho ibishingirwaho hatangwa igihano, nta bubasha abifiteho kuko igihano cy'igifungo cya burundu giteganywa n'itegeko cyagizwe ntayegayezwa. Ibi bikaba binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 49 iteganya ibyo umucamanza ashingiraho atanga igihano.

[17] Igihano ntayegayezwa kandi kinanyuranye n'ihame ryo guca urubanza rutabera (fair trial) riboneka mu Masezerano Mpuzamahanga ku Burenganzira mu by'Imbonezamubano na Politiki <sup>3</sup> mu ngingo ya 14 (5) ivuga ko: "Everyone convicted of

<sup>&</sup>lt;sup>3</sup> International Covenant on Civil and Political Rights, (ICCPR), entry into force on 23/03/1976. U Rwanda ruyemeza ku wa 12/02/1975 (reba Itegeko Teka No 8/75 ryo ku wa 12/02/1975, Igazeti ya Leta n° 5 of 01/03/1975

a crime shall have the right to his conviction and sentence being reviewed by a higher tribunal and according to law". Icyo iyi ngingo iteganya n'uko uwahamwe n'icyaha afite uburenganzira bwo kujuririra urukiko ruri hejuru y'urwaciye urubanza rumuhamya icyaha. Ku birebana n'igihano ntayegayezwa giteganywa ku cyaha runaka, uwo cyahamye ntashobora kujuririra ibirebana n'igihano kuko umucamanza uburanisha ubujurire adashobora kugihindura bitewe n'uko nyine ari ntayegayezwa. Ibi kandi byanavuzwe n'Intumwa yihariye y'Umuryango w'Abibumbye ku bwigenge bw'ubucamanza (The United Nations Special Rapporteur on the Independence of the Judiciary). Yagize ati: "[...] the right of appeal contained in Article 14(5): [...] is negated when the trial judge imposes the prescribed minimum sentence, since there is nothing in the sentencing process for an appellate court to review. Hence, legislation prescribing mandatory minimum sentences may be perceived as restricting the requirements of the fair trial principle and may not be supported under international standards"<sup>4</sup>. N'uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugore n'umugabo, kujuririra igihano cyo gufungwa burundu ntacyo byamumarira kuko icyo gihano kidashobora guhindurwa. Bityo, ibyo bikaba binyuranye n'ingingo ya 14 (5) iyugwa muri iki gika.

[18] Ingingo ya 49 igika cya kabiri y'iri Tegeko yemera ko hashobora kubaho impurirane y'impamvu nkomezacyaha n'impamvu nyoroshyacyaha mu rubanza rumwe ndetse ikanagaragaza uko zitabwaho mu guca urubanza mu magambo

<sup>&</sup>lt;sup>4</sup> Dato' Param Cumaraswamy 'Mandatory Sentencing: the individual and Social Costs' (2001) 7(2) Australian Journal of Human Rights at http://www.austlii.edu.au/au/other/ahric/ajhr/ajhrindex.html/2001/14.html#H eading140.

akurikira: "Iyo hari impurirane z'impamvu zashingirwaho, umucamanza agomba kwita ku rutonde rukurikira mu kugena igihano: 10 impamvu nkomezacyaha; 2° impamvu nyoroshyacyaha". Kuba itegeko ryemera ko umucamanza yita ku mpamvu nkomezacyaha no ku mpamvu nyoroshyacyaha icyarimwe, Urukiko rusanga ibyo ari kimwe mu bigize uburenganzira ku butabera buboneye. Kuba rifata kubana nk'umugabo n'umugore nk'impamvu nkomezacyaha ku wasambanyije umwana, rigakumira umucamanza gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha yabona ngo abe yagabanya ibihano, binyuranye n'ihame ry'uko buri wese afite uburenganzira ku butabera buboneye ku birebana n'ibihano.

Ibiteganywa n'ingingo ya 49 ko Umucamanza asuzuma [19] nkomezacyaha icyarimwe impamvu n'impamvu nvoroshyacyaha, ni ihame ryemewe n'ahandi kandi itegeko rinyuranyije naryo riba rigomba kuvaho. Urugero ni urubanza Jurek v. Texas rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ruhereye no kuzindi manza rwaciye rwavuze ko mu guhana hagomba kwitabwa ku mpamvu nyoroshyacyaha, itegeko ryabuza kwita kuri izo mpamvu riba rinyuranye n'Itegeko Nshinga. Rwagize ruti: "But a sentencing system that allowed the jury to consider only aggravating circumstances would almost certainly fall short of providing the individualized sentencing determination that we today have held in Woodson v. North Carolina, [428 U.S.,] at 303-305, to be required by the Eighth and Fourteenth Amendments. For such a system would approach the mandatory laws that we today hold unconstitutional in Woodson and Roberts v. Louisiana [ 428 U.S. 325 (1976)]. A jury must be allowed to consider on the basis of all relevant evidence not only why a death sentence should be imposed, but also why it should not be imposed. "Thus, in order

to meet the requirement of the Eighth and Fourteenth Amendments, a capital-sentencing system must allow the sentencing authority to consider mitigating circumstances."5. Ingingo ya 58 y'itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko: "Umucamanza ubwe ni we ugena niba impamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza zahabwa agaciro. Kwemeza impamvu cyemezo nyoroshyacyaha bigomba gusobanurwa mu cy'urukiko". Iya 59 iyuga zimwe mu mpamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza. Ibiteganywa n'izi ngingo, bishingiye ku nshingano umucamanza afite mu manza mpanabyaha zo gutanga igihano gishingiye ku mikorere y'icyaha, ku myitwarire n'imibereho y'uwagikoze, ku muryango cyakorewemo no ku wagikorewe. Ibi bikaba ari muri bimwe bigize ubutabera buboneye, Itegeko cyangwa ingingo yaryo yatuma bitagerwaho yaba inyuranye n'Itegeko Nshinga. Nkuko byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, mu rubanza ROBERTS v. LOUISIANA, uca urubanza agomba kwita ku mpamvu nyoroshyacyaha zaba izirebana n'uregwa cyangwa izirebana n'icyaha, itegeko ryanga ko izo mpamvu zisuzumwa rifatwa nk'irinyuranye n'Itegeko Nshinga. Rwabivuze muri aya magambo: "As we emphasized [...], it is essential that the capital sentencing decision allow for consideration of whatever mitigating circumstances may be relevant to either the particular offender or the particular offense. Because the [Louisiana] statute does not allow for consideration of particularized mitigating factors, it is unconstitutional<sup>6</sup>".

16

<sup>&</sup>lt;sup>5</sup> U 6 United States Supreme Court, ROBERTS v. LOUISIANA (1977), No. 76-5206, June 6, 1977.nited States Supreme Court, Jurek v. Texas, 428 U.S. 262 (1976), July 2, 1976

<sup>&</sup>lt;sup>6</sup> United States Supreme Court, ROBERTS v. LOUISIANA (1977), No. 76-5206, June 6, 1977.

[20] Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, rifata ibikorwa bitandukanye nk'icyaha cyo gusambanya umwana iyo byakorewe ku muntu utarageza ku myaka cumi n'umunani. Igihano kuri icyo cyaha kiri hagati y'igifungo cy'imyaka makumyabiri (20) na makumyabiri n'itanu (25). Iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore bifatwa nk'impamvu nkomezacyaha, igihano kikaba igifungo cya burundu kidashora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha kuko itegeko ritabibuza. Itegeko ariko ntirifata gusambanya umwana igihe kirekire nk'impamvu nkomezacyaha iyo batabanye nk'umugabo n'umugore. Ibi na byo bikaba bitumvikana.

gushingirwaho [21] Harebwe ibishobora nk'impamvu nyoroshyacyaha, Urukiko rusanga hari ibyumvikana byatuma uwahamwe no gusambanya umwana bigakurikirwa no kubana nk'umugabo n'umugore agabanyirizwa ibihano, kurusha uwahamwe n'icyo cyaha ariko batabanye nk'umugabo n'umugore. Ntibyumvikana ukuntu uwahamwe no gusambanya umwana aruta cyane mu myaka y'ubukure, yarabikoze ku gahato, akamwangiza, ashobora kugabanyirizwa ibihano hashingiwe ku mpamvu nyoroshyacyaha, mu gihe uwagikoze afite imyaka 19, ubana n'uwagikorewe ufite imyaka 17 nk'umugabo n'umugore ku bwumvikane bwa bombi, ndetse bashobora no kuba barabyaye abana, babana mu bwumvikane bagamije kubaka umuryango, ahanishwa igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa. Hari n'ababana kuko babona aribyo byakoroshya ubuzima bwabo, nk'igihe bombi cyangwa umwe muri bo ari imfubyi nta bundi bufasha bafite.

[22] Ibi ntabwo ari ibishoboka gusa ahubwo bigaragara mu manza zaciwe. Urugero ni urubanza RP 00062/2019/TGI/HYE

17

rwaciwe n' Urukiko Rwisumbuye rwa Huye kuwa 18/02/2019, aho Ubushinjacyaha bwaregaga uwitwa Barakagwira Gilbert w'imyaka 19, icyaha cyo gusambanya umwana w'umukobwa w'imyaka 16, akaza kumutera inda, maze aba bombi bagafata icyemezo cyo kubana nk'umugore n'umugabo, ariko ababyeyi b'umukobwa bakaza kumukurayo amaze yo ijoro rimwe gusa. Muri uru rubanza uwarezwe yemeye icyaha ndetse avuga ko uwo yateye inda bakundanaga, uwakorewe icyaha nawe yemeraga ko yakundanye n'uwamuteye inda ndetse bakemeranywa kubana nyuma y'uko amuteye inda. Urukiko rwahamije Barakagwira Gilbert icyaha cyo gusambanya umwanya ndetse rumukatira igifungo cya burundu nkuko amategeko abiteganya, kuko nyuma yo kumusambanya baje kubana nk'umugore n'umugabo umunsi umwe nk'uko uregwa abyiyemerera. Uregwa muri urwo rubanza afite imyaka 19 y'amavuko gusa, ku buryo nk'uko amategeko y'u Rwanda abiteganya nawe ubwe adafite ububasha bwo kuba yasezerana byemewe n'amategeko.

[23] Mu rundi rubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, Barimenya Venant w'imyaka 66, wari uzi ko abana n'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA, yahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana babiri, umwe ufite imyaka itanu undi ufite imyaka 10. Yahanishijwe gufungwa burundu. Naho mu rubanza RP 00499/2018/TGI/MUS rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Musanze, Ntahorutaba Wellars w'imyaka iri hagati ya 18 na 19, yahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana w'imyaka 16 bumvikanye, yamuteye inda ndetse babana nk'umugabo n'umugore. Ubushinjacyaha bwari bwamusabiye gufungwa imyaka 20, Ntahorutaba Wellars ariko Urukiko rumuhanisha gufungwa burundu. Izi manza zombi zivugwa muri iki gika zatanzwemo igihano cya burundu hashingiwe ku ngingo ya 133, igika cya gatanu. Nkuko bigaragarira buri wese, imikorere y'icyaha kuri aba bantu bombi iratandukanye cyane, ingaruka z'icyaha ku bakorewe icyaha ziratandukanye. Iyo hataza kuba hari igihano ntayegayezwa, Umucamanza yashoboraga gutanga ibihano bitandukanye yitaye ku mwihariko wa buri wese. Hakaba hakwibazwa niba ubutabera bwaragezweho muri izo manza za Barakagwira Gilbert na Ntahorutaba Wellars.

[24] Imiterere y'Itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ku birebana no guhana icyaha cyo gusambanya abana, igaragaza ko ryashatse kugihana ryihanukiriye bitewe n'ingaruka zacyo. Urukiko rwemera rudashidikanya ko icyaha cyo gusambanya umwana ari kibi kandi ko kigomba guhanwa. Ariko mu kugihana ntibikuraho uburenganzira uregwa afite bwo guhabwa ubutabera buboneye burimo no kugabanyirizwa igihano igihe hari impamvu nyoroshyacyaha.

[25] Muri rusange, kuba umucamanza adashobora gusuzuma no gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha igihe zihari, ngo agabanyirize igihano uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, Urukiko rusanga binyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga ivuga ko buri muntu wese afite uburenganzira ku butabera buboneye, kuko bituma uwahamwe n'icyo cyaha ahanishwa iginaho atari akwiye. Ingingo y'itegeko ibigena gutyo, igomba kuvaho nkuko byavuzwe mu rubanza Lockett v. Ohio "A statute that prevents the sentencer in capital cases from giving independent mitigating weight to aspects of the defendant's character and record and to the circumstances of the offense proffered in mitigation creates the risk that the death penalty will be imposed in spite of factors that may call for a less severe penalty, and, when the choice is between life and death, such risk is unacceptable and incompatible with the commands of the Eighth and Fourteenth Amendments<sup>7</sup>". Nubwo uru rubanza rwarebaga igihano cy'urupfu kidateganyijwe mu mategeko y'u Rwanda, ibyo ruvuga byanavugwa ku gihano kiremereye kurusha ibindi aricyo gufungwa burundu.

[26] N'ubusanzwe abahanga ntibavuga rumwe ku gihano cy'igifungo cya burundu, kuko hari abavuga ko gitesha agaciro amwe mu mahame mpuzamahanga y'imihanire, nko kuba igihano gikwiye gushingira ku buremere bw'icyaha cyakozwe ndetse no kubaha agaciro ka muntu : mandatory sentence of life imprisonment arguably undermines a number of established common law and internationally recognised sentencing principles, including proportionality, equality before the law and respect for human dignity.<sup>8</sup>

[27] Hashingiwe ku bisobanuro bitanzwe mu bika bibanziriza iki, Urukiko rusanga ibiteganywa n'ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 iteganya ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, binyuranye na rimwe mu mahame agize uburenganzira ku butabera buboneye rivuga ko umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo

20 \_\_\_\_

<sup>&</sup>lt;sup>7</sup> Supreme Court of the United States, Lockett v. Ohio, 438 U.S. 586 (1978)

<sup>&</sup>lt;sup>8</sup> The label of life imprisonment in Australia: A pricipled or Populist approach to an ultimate sentence. John L Andeson. P. 748 available at http://www.austlii.edu.au/au/journals/UNSWLJ/2012/30.html, accessed on 27 November 2019

icyaha cyakozwemo, ikaba inyuranye n'ingingo ya 29 y'Itegeko Nshinga.

## Kumenya niba igika cya gatanu cy'ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange kinyuranije n'ingingo ya 151 y'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015.

[28] Kabasinga Florida n'abamwunganira bavuga ko ingingo ya 133 y'itegeko ryavuzwe haruguru inyuranyije n'ibiteganywa n'ingingo ya 151, 50 y'itegeko Nshinga, aho iyo ngingo iteganya ko Abacamanza bakora umurimo wabo w'Ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose. Bakomeza bavuga ko umucamanza akwiye kubaho akora inshingano ze, akurikiza amategeko mu kazi ke ariko nta rwego rwaba urwa Leta cyangwa urwigenga rumubuza ubwisanzure, niyo yaba ari Inteko Ishinga Amategeko.

[29] Bakomeza bavuga ko iyo urwego rushinga amategeko rushyizeho itegeko rizirika umucamanza ku buryo atabona umwanya n'ubwinyagamburiro bwo gushyira mu gaciro, ruba rumubujije umudendezo wo gutanga ubutabera buboneye buteganywa n'ingingo ya 29 y'itegeko Nshinga. Basoza bavuga ingingo ya 133, agace ka kane y'Itegeko rihana ibyaha, ibuza umucamanza gutanga ubutabera buboneye ashingira ku mpamvu nyoroshyacyaha, yavaho kuko ituma umucamanza atigenga mu kazi ke, kuko ategetswe gutanga igifungo cya burundu gusa, ibyo bikaba binyuranyije n'ingingo ya 151 y'Itegeko Nshinga.

[30] Intumwa ya Leta, Me Batsinda Aline avuga ko ingingo ya 151 y'itegeko Nshinga igaragaza amahame agenga ubucamanza, ariko ko urega atagaragaza rimwe muri ayo mahame cyangwa menshi muriyo anyuranije n'ingingo ya 133, akaba adasobanura uburyo iyo ngingo itubahiriza ihame ryo guca imanza mu izina ry'abaturage n'irvo kuba ntawe ushobora kwicira urubanza ubwe, irvo kuburanishiriza imanza mu ruhame no kuburanishiriza mu muhezo mu gihe no mu buryo biteganywa n'amategeko, iryo kugaragaza impamvu zashingiweho mu icibwa ry'urubanza no kurwandika mu ngingo zarwo zose no irvo gukurikiza mu ruhame, icyemezo kurusomera cy'ubucamanza bikozwe na buri wese, iryo kuba abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge nta kuvugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo aribwo bwose.

[31] Akomeza avuga ko akurikije ibyo urega yasobanuye, asanga urega yagaragaje uburyo abona uburemere bw'ibihano itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ryateganyije mu ngingo yaryo ya 133. Avuga ko nta rwego na rumwe rwabujije umucamanza ubwisanzure ndetse n'ubwigenge kubera ko mu mirimo akurikiza itegeko kandi rikaba rihari. Asanga ingingo ya 133 ntaho inyuranyije n'Itegeko Nshinga, mu ngingo yaryo ya 151.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

Ingingo ya 61 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u [32] Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015 iteganya ko: "Inzego z'Ubutegetsi bwa Leta [...] Ubutegetsi ni Nshingamategeko, Ubutegetsi Nyubahirizategeko, Ubutegetsi bw'Ubucamanza. Ubu butegetsi uko ari butatu buratandukanye butegetsi burigenga [...]". Ubwigenge kandi buri bw'Ubucamanza bukomoka ku ihame riteganywa n'iyi ngingo ryuko inzego z'Ubutegetsi bwa Leta uko ari butatu (Ubutegetsi

Nshingamategeko, Nyubahirizategeko n'Ubutegetsi bw'Ubucamanza) butandukanye kandi buri butegetsi bwigenga (separation of powers).

Ingingo ya 151, 5° y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u [33] Rwanda ryo muri 2003 nkuko ryavuruwe muri 2015, iteganya ko: «[...] Abacamanza bakurikiza itegeko kandi bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge kandi batavugirwamo n'ubutegetsi cyangwa ubuyobozi ubwo ari bwo bwose ». Naho ingingo ya 4 n'iya 5 z'Itegeko nº 09/2004 ryo ku wa 29/04/2004 ryerekeye imyitwarire mu kazi k'ubucamanza zivuga ko: « Umucamanza arigenga mu kazi ke. Asuzuma, mu bwisanzure, ibirego yashyikirijwe kandi akabifataho ibyemezo, atitaye ku bamushyiraho igitugu. Mu manza yaregewe, umucamanza agomba kwirinda ikintu cyose cyatuma afata ibyemezo byaba binyuranyije n'imiburanishirize yagenwe n'amategeko. Ategetswe guca urubanza akurikije amategeko arugenga ». Ingingo zivugwa muri iki gika, zishyiraho ihame ry'uko umucamanza yigenga mu kazi ndetse zikanagaragaza ibigize ubwo bwigenge birimo kutavugirwamo, gusuzuma mu bwisanzure ibirego yashyikirijwe, kwirinda ibyatuma afata ibyemezo binyuranyije n'amategeko no gukurikiza amategeko arebana n'urubanza aca.

[34] Ihame ry'ubwigenge bw'umucamanza mu kazi ke, rijyana n'ihame ry'ubwigenge bw'urwego rw'Ubucamanza. Rifatwa nk'ubwisanzure umucamanza afite bwo kuburanisha no guca imanza mu nzira n'uburyo biteganywa n'amategeko, akabikora nta gitutu icyo aricyo cyose cyaba icy'inzego za Leta, n'icy'abandi. Urukiko rw'Ikirenga rwa Canada rwasobanuye mu rubanza R. v. Beauregard ubwigenge bw'umucamanza mu magambo akurikira : « The core of the principle of judicial independence is the complete liberty of the judge to hear and decide the cases that come before the court; no outsider—be it Government, pressure group, individual or even another judge—should interfere, or attempt to interfere, with the way in which a judge conducts a case and makes a decision"<sup>9</sup>. Icyo aricyo cyose cyabuza umucamanza guca urubanza mu bwisanzure cyaba kinyuranyije n'ihame ry'ubwigenge bw'umucamanza. Ku birebana n'uru rubanza, ikibazo gihari ni ukumenya niba ibiteganywa n'itegeko ko igihano kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha byaba byambura cyangwa bibangamiye ubwigenge bw'umucamanza.

Ingingo ya 133 iteganya igihano ntayegayezwa, ibuza [35] umucamanza gutanga igihano mu bushishozi bushingiye ku mpamvu nyoroshyacyaha yabonye. Ibi bikaba byambura umucamanza ubwigenge bwo gutanga igihano kigendanye n'icyaha cyakozwe, ashingiye ku mikorere yacyo, uko cyakozwe, imyitwarire y'uwagikoze, n'ingaruka zacyo kuwagikorewe no ku muryango nyarwanda muri rusange. Urukiko rw'Ikirenga rwo muri Afurika v'epfo rwabisobanuye neza mu rubanza S v. Toms; S v. Bruce alo rwavuze ko: "the first principle is that the infliction of punishment is pre-eminently a matter for the discretion of the trial court. That courts should, as far as possible, have an unfettered discretion in relation to sentence is a cherished principle which calls for constant recognition. Such a discretion permits of balanced and fair sentencing, which is a hallmark of enlightened criminal justice. The second, and somewhat related principle, is that of the individualization of punishment, which

<sup>&</sup>lt;sup>9</sup> Supreme Court of Canada, R. v. Beauregard, [1987] LRC (Const.)

requires proper consideration of the individual circumstances of each accused person"<sup>10</sup>.

[36] Nkuko byavuzwe n'Urukiko rw'lkirenga muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu rubanza Graham v. Florida<sup>11</sup>, guca urubanza mu bwigenge bijyana no guhuza icyaha n'uburemere bw'igihano kuri icyo cyaha kandi bikozwe n'umucamanza. Urukiko rwagize ruti: "The judicial exercise of independent judgment requires consideration of the culpability of the offenders at issue in light of their crimes and characteristics, along with the severity of the punishment in question". Urukiko rusanga mu gihe umucamanza nta mahitamo afite uretse gutanga igihano ntayegayezwa, akabuzwa gutanga igihano kijyanye n'uburemere bw'icyaha, bimwambura ubwigenge bwo guca urubanza ahuje uburemere bw'igihano n'icyaha.

[37] Mu gihugu cy'Ubuhinde, Urukiko rw'Ikirenga rwaho rwaciye urubanza Mithu v. State of Punjab ruvanaho ingingo ya 303 y'itegeko rihana ry'icyo gihugu yagenaga igihano ntayegayezwa kuko yatumaga umucamanza atisanzura mu gutanga agihano ashingiye ku mpamvu zitandukanye zijyanye

<sup>&</sup>lt;sup>10</sup> South Africa: Supreme Court of Appeal, S v Toms; S v Bruce (139/89,

<sup>289/89) [1990]</sup> ZAŠCA 38; 1990 (2) ŠA 802 (AD); [1990] 2 All SA 248 (A) (30 March 1990)

<sup>&</sup>lt;sup>11</sup> Supreme Court of the United States, Graham v. Florida, 560 U.S. 48 (2010), "holding that a life imprisonment without parole sentence on a juvenile offender convicted of armed burglary with assault, and attempted robbery, was offensive to the Eighth Amendment. [The Constitution prohibits the imposition of a life without parole sentence on a juvenile offender who did not commit homicide. A State need not guarantee the offender eventual release, but if it imposes a sentence of life it must provide him or her with some realistic opportunity to obtain release before the end of that term. The judgment of the First District Court of Appeal of Florida is reversed, and the case is remanded for further proceedings not inconsistent with this opinion]

n'urubanza. Urwo Rukiko rwagize ruti:"a provision of law which deprives the court of the use of its wise and beneficent discretion in a matter of life and death, without regard to the circumstances in which the offence was committed and, therefore, without regard to the gravity of the offence, cannot but be regarded as harsh, unjust and unfair<sup>12</sup>". Nta wavuga ko umucamanza yigenga mu gutanga igihano mu gihe agomba gutanga igihano ntayegayezwa kitajyanye n'uburemere bw'icyaha, uburyo cyakozwemo, n'igihe hari impamvu nyoroshyacyaha zikomeye zari gutuma agabanyirizwa igihano.

[38] Hashingiwe ku bisobanuro bitanzwe mu bika bibibanziriza iki, ibiteganywa n'ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ko iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo n'umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha, binyuranye n'ingingo ya 151,5° y'Itegeko Nshinga iteganya ko abacamanza bakora umurimo wabo w'ubucamanza mu bwigenge, kuko babujijwe gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha batanga igihano gikwiye.

[39] Hari izindi ngingo ziteganya ibihano bidashobora kugabanywa, Urukiko rukaba nta cyemezo rwazifataho kuko zitaregewe. Leta yazisuzuma ikareba niba zidakwiye guhindurwa kugirango zihuzwe n'ibivugwa muri uru rubanza.

[40] Mu gihe cyo gusuzuma iki kirego rwasanze hari n'ikindi kibazo mu itangwa ry'ibihano muri rusange kijyanye n'intera iri hagati y'igihano gito (minimum) n'ikinini (maximum) rukaba rukwiye kugira icyo rukivugaho kuko kiri mu murongo umwe n'ikibazo rwaregewe.

<sup>&</sup>lt;sup>12</sup> Supreme Court of India, Mithu v. State of Punjab [1983] 2 SCR 690

## Ibirebana n'ibihano biteganywa n'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange mu gihe hari impamvu nyoroshyacyaha.

[41] Ingingo ya 60 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange iteganya ko: "Iyo hari impamvu zigabanya ububi bw'icyaha, ibihano bishobora kugabanywa ku buryo bukurikira: 1° haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 107 igihano cyo gufungwa burundu gishobora kugabanywa ariko ntikijye munsi y'imyaka makumyabiri n'itanu (25); 2° igihano cy'igifungo kimara igihe kizwi cyangwa ihazabu bishobora kugabanywa ariko ntibijye munsi y'igihano gito ntarengwa giteganyirijwe icyaha cyakozwe."

Mbere y'itegeko rivugwa mu gika kibanziriza iki, [42] hakoreshwaga Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana. Uburyo ibihano bigabanywa iyo hari impamvu nyoroshyacyaha biteganywa n'ingingo ya 78 y'iryo Tegeko mu buryo bukurikira: "igihano cyo gufungwa burundu cyangwa cya burundu y'umwihariko gisimbuzwa igihano cy'igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10); 2° igihano cy'igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka makumyabiri n'itanu (25) gishobora kugabanywa kugeza ku gifungo cy'imyaka (5); 3° igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitageze ku myaka icumi (10) gishobora kugabanywa kugeza ku gifungo cy'umwaka umwe (1); 4° igihano cy'igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka itanu (5) gishobora kugabanywa kugeza ku gifungo cy'amezi abiri (2); 5° igihano cy'igifungo kiri munsi y'amezi atandatu (6) gishobora gusubikwa".

[43] Itegeko Nº 68/2018 ryemera ko igihe hari impamvu nyoroshyacyaha, igihano cyagabanywa ariko ntikijye munsi y'igihano gito giteganywa n'Itegeko. Mu gihe Itegeko Ngenga N° 01/2012/OL, ryo ryemeraga ko igihe hari impamvu nyoroshyacyaha igihano kigabanywa kikajya munsi y'igihano gito mu buryo bwagenwe n'ingingo yaryo ya 78 ivugwa mu gika kibanziriza iki. Ku byaha byinshi, igihano gito ntarengwa (minimum) ntikigeze gihinduka ukurikije uko ayo mategeko yagiye akurikirana, ndetse hari naho cyazamuwe. Ibyo bituma n'impamvu nyoroshyacyaha, uwahamwe n'icyaha hari atagabanyirizwa igihano ku buryo bukwiye, ndetse rimwe na rimwe akaba yahanwa hafi kimwe y'uwakoze icyaha hatari impamvu nyoroshyacyaha.

[44] Kuba Umushingamategeko yarahisemo ko mu gihe hari nyoroshyacyaha, ibihano bitangwa bishobora impamvu kugabanywa ariko ntibijye munsi y'igihano gito ntarengwa giteganyirijwe icyaha cyakozwe, Urukiko rusanga byaba biri mu gaciro, mu gihe intera hagati y'igihano gito (minimum) n'igihano kinini (maximum) ibaye nini, hibandwa ku kugabanya igihano gito. Ibi nibyo byatuma ibiteganywa n'Ingingo ya 49, igika cya mbere y'itegeko Nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 iteganya ko Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo, bishyirwa mu bikorwa mu buryo nyabwo. Gushingira ku mpamvu nyoroshyacyaha hagatangwa igihano gito ntarengwa giteganyirijwe icyaha (minimum) kandi kiri hejuru, ntacyo bimarira uregwa, n'ubutabera muri rusange.

[45] Ubushakashatsi bwagaragaje ko iyo itegeko riteganya igihano umucamanza adashobora kugabanya, hari ubwo ahitamo

kudahamya umuntu icyaha kuko abona uburyo yagikoze ndetse n'imyitwarire ye muri rusange bihabanye n'uburemere bw'igihano ashobora guhabwa<sup>13</sup>. Iyo bigenze gutyo icyo itegeko ryagiriyeho ntikiba kigezweho.

rusange, gushyiraho [46] Muri gutanga igihano, no byagombye gushingira ku kamaro kacyo n'icyo kigamije. Hari uguhana uwakoze icyaha (denunciation), guca intege no gukanga n'abandi bashobora gukora icvaha uwahanwe nk'icyo, (deterrence), kugorora no kwigisha (rehabilitation), kurengera rubanda binyuze mu gufunga uwakoze icyaha kugirango adakomeza kugira nabi (protection of the public). Nkuko byavuzwe mu rubanza R v Smith<sup>14</sup> rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga wa Canada. Rwabivuze muri aya magambo: "[T]he court must first consider the gravity of the offence, the personal characteristics of the offender and the particular circumstances of the case in order to determine what range of sentences would have been appropriate to punish, rehabilitate or deter this particular offender or to protect the public from this particular offender. The other purposes which may be pursued by the imposition of punishment, in particular the deterrence of other potential offenders, are thus not relevant at this stage of the inquiry. This does not mean that the judge or the legislator can no longer consider general deterrence or other penological purposes that go beyond the particular offender in determining a sentence, but only that the resulting sentence must not be grossly disproportionate to what the offender deserves". N'ingingo

<sup>&</sup>lt;sup>13</sup> Mandatory Sentencing & the Independence of the Judiciary, available at: https://www.ruleoflaw.org.au/wp

content/uploads/2015/11/MandatorySentencing.pdf, visited on November 30, 2019

<sup>&</sup>lt;sup>14</sup> Supreme Court of Canada, R v Smith, [1987] 1 S.C.R. 1045

z'amategeko ahana mu Rwanda, zagombye guteganya ibihano bifite intera nini hagati y'igihano gito (minimum) n'igihano kinini (maximum) ituma umucamanza atanga igihano akurikije akamaro kacyo nkuko kavuzwe hejuru.

[47] Kubw'ibyo, Urukiko rusanga byihutirwa ko hashyirwaho politiki yo guhana ishingiye ku bushakashatsi bwimbitse, ihuza amahame mpuzamahanga mu guhana n'ibibazo byihariye biri mu muryango nyarwanda, kandi umucamanza agahabwa ubwisanzure bwo gutanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[48] Rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Kabasinga Florida gifite ishingiro.

[49] Rwemeje ko ingingo ya 133 y'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, igika cyayo cya gatanu kivuga ko: "Iyo gusambanya umwana byakurikiwe no kubana nk'umugabo umugore, igihano kiba igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha" kinyuranyije n'ingingo ya 29, n'iya 151 z'Itegeko Nshinga ryo muri 2003 ryavuguruwe muri 2015. Icyo gika kikaba nta gaciro gifite nkuko biteganywa n'ingingo ya 3 y'Itegeko Nshinga.

[50] Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa mu igazeti ya Leta.

# IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA

# IMANZA ZEREKERANYE N'IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO, IZ'UBUCURUZI, IZ'UMURIMO N'IZ'UBUTEGETSI

## **BRALIRWA v. GISA**

## [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCOMAA00023/2017/SC (Hatangimbabazi, P.J., Ngagi na Kanyange, J.) 06 Ukwakira 2017]

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Ububasha bw'inkiko z'ubucuruzi – Inshingano zidashingiye ku masezerano – Inshingano zidashingiye ku masezerano zifatwa nk'iz 'ubucuruzi iyo zikomoka ku murimo w'ubucuruzi – Imanza zikomoka kuri izo nshingano zikaba ziri mu mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi.

Amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'ubucuruzi – Ububasha bw'inkiko – Ububasha bushingiye ku ndishyi zagenwe mu rubanza – Urugero rw'indishyi zagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka nirwo rugomba gushingirwaho mu kwemeza niba ubujurire buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, aho kuba gusa agaciro k'ikiburanwa katanzwe n'umuburanyi mu kirego cye – Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, ingigo ya 7.

**Incamake y'ikibazo:** Gisa Frediane yareze BRALIRWA Ltd mu mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge avuga ko yarakoresheje amafoto ye mu itangazamakuru (TVR na You tube) mu gikorwa cyo kwamamaza igicuruzwa cyayo cya Heineken nta burenganzira ayihaye, ku byibyo akaba asaba Urukiko kumugenera indishyi zinyuranye zingana na 130.000.000Frw. BRALIRWA Ltd yatanze inzitizi y'iburabubasha bw'inkiko z'ubucuruzi ivuga ko ikirego kitagombaga kwakira, ahubwo ko yagombaga kuregera mu nkiko zisanzwe kuko icyo aregera ni "violation de la vie privée" biyo kikaba ari ikirego cy'imbonezamubano, kiri mu bubasha bw'inko zisazwe.

Kuri iyi nzitizi, Urukiko rwemeje ko ikirego kiri mu bubasha bwarwo kuko uregwa ari sosiyete y'ubucuruzi, kandi ko igikorwa iregwa cyo kuba yarakoreshejemo amashusho n'amafoto by'urega cyo kwamamaza igicuruzwa cyayo gifatwa nk'igikorwa cy'ubucuruzi.

Mu mizi y'urubanza, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa nyarugenge rwemeje ko ikirego cy'urega nta shingiro gifite, bityo ko atagomba guhabwa indishyi asaba kuko urukiko rwasanze BRALIRWA Ltd itigeze yamamaza igicuruwa cyayo ikoresheje amashusho n'amajwi ye, ahubwo rumutegeka guha Bralirwa indishyi z'ikurikiranarubanza.

Gisa ntiyishimiye imikirize y'urubanza maze ajurira mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi avuga ko Urukiko rubanza rwirengagije uruhare rwa BRALIRWA Ltd mu bikorwa byo kwamamaza igicuruzwa cyayo cya Heineken hifashishijwe amashusho n'amafoto bye, kandi ko uwo baburana yiyemereye ko ayo mashusho n'amafoto yakoreshejwe mu kwamamaza inzoga zayo kandi nta masezerano bagiranye, avuga ko amafoto yayahawe na sosiyete EXP RWANDA, ariko akaba atarashoboye kugaragaza amasezerano yagiranye n'iyo sosiyete, ku bwibyo, Gisa akaba asaba urukiko guhabwa indishyi yari yatse atagenewe.

Muri uru rukiko, BRALIRWA Ltd yongeye gutanga inzitizi ishingiye ku kuba uru rubanza rutari mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi, ivuga ko mu gihe amashusho cyangwa amafoto y'umuntu akoreshejwe mu bikorwa byo kwamamaza

36

atabitangiye uburenganzira byaba ari ikibazo cy'imbonezamubano kigomba kujyanwa mu nkiko zisanzwe. Uru rukiko rwemeje ko ubujurire bufite ishingiro kuko rwasanze Bralirwa yarakoresheje amshusho n'amafoto bya Gisa nta burenganzira ibifitiye, bityo ko imikirize y' urubanza ihindutse, ko ubujurire buri mu bubasha bwarwo, rutegeka Bralirwa kumuha indishyi zingana na 8.200.000Frw.

Bralirwa yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga isaba uru rukiko gusuzuma niba koko yaryozwa indishyi kubwo gukoresha amajwi n'amashusho ya Gisa mu kwamamaza igicuruzwa cyayo ivuga ko ntaho yigeze ihurira nayo. Gisa nawe atanga inzitizi avuga ko uru rukiko rudafite ububasha bwo kwakira ubujurire kuko indishyi zagenwe mu rubanza rujuririrwa zitageze kuri 50.000.000Frw. BRALIRWA Ltd ivuga ko uru rukiko rufite ububasha kuko indishyi zaregewe zirenze 50.000.000Frw kuko icyaregewe kw'ikubitiro ari indishyi zingana na 130.000.000Frw kandi ko ububasha bw'uru Rukiko bushingiye ku kuba uru rubanza rwaraciwe n'inkiko z'ubucuruzi kandi zitabifitiye ububasha kandi ko n'indishyi zaregewe zirenze 50.000.000Frw.

Gisa Frediane we, avuga ko ashingiye kw'Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi, asanga inkiko zibanza zaciye urubanza zibifitiye ububasha kuko ibikorwa bivugwa muri urubanza ari iby'ubucuruzi.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Inshingano zidashingiye ku masezerano zifatwa nk'iz'ubucuruzi iyo zikomoka ku murimo w'ubucuruzi, bityo imanza zibishingiyeho zikaba ziri mu mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi.

2.Urugero rw'indishyi zagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka nirwo rugomba gushingirwaho mu kwemeza niba ubujurire buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, aho kuba gusa agaciro k'ikiburanwa katanzwe n'umuburanyi mu kirego cye. Bityo inzitizi y'iburabubasha bw'urukiko rw'ikirenga ifite ishingiro.

## Inzitizi y'iburabubasha ishingiye ku kuba indishyi zagenwe mu rubanza rujurirwa zitageze nibura kuri 50.000.000 Frw ifite ishingiro; bujurire ntibwakiriwe; Ingwate y'igarama yatanzwe ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

#### Amategeko yashingiweho:

Itegeko Ngenga N°06/2012/OL ryo ku wa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi, ingingo ya 2.

#### Imanza zifashishijwe:

RCOMAA 00020/2016/SC–RCOMAA 0025/15/CS, Rural Development Solution Company Ltd v Akarere ka Nyabihu rwaciwe n'Urukiko rw'Ikirenga ku wa 21/04/2017

#### Ibitekerezo by'abahanga:

D. FASQUELLE, M.- A. FASQUELLE, Droit de l'entreprise 2010/2011, "Introduction au droit et au droit commercial", Paris, Lamy, 2010 p. 143.

# Urubanza

# I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Gisa Frediane yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, arega Bralirwa Ltd kuba yarakoresheje amashusho ye mu kwamamaza ubucuruzi bw'inzoga yayo yitwa Heineken nta burenganzira ayihaye, no kuba yarakoresheje amafoto ye mw'itangazamakuru rya televiziyo (RTV), "You tube", "Websites" itabiherewe uburenganzira, bityo ayisaba indishyi zinyuranye.

[2] Mu iburanisha ry'ibanze ryo ku wa 05/10/2016, uburanira Bralirwa Ltd yatanze inzitizi yo kutakira ikirego kubera kitari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ubucuruzi, aho uyiburanira yavugaga ko icyo kirego gishingiye ku itegeko rigenga umutungo bwite mu by'ubwenge, mu gihe nyamara Gisa atabanje kwerekana ko ibyo aburana bigize koko umutungo bwite mu by'ubwenge, ko kandi nta masezerano y'ubucuruzi afitanye na Bralirwa Ltd. Ku wa 11/10/2016, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwemeje ko ikirego cyatanzwe na Gisa Frediane kiri mu bubasha bwarwo, nyuma yo gusanga Bralirwa Ltd ari sosiyete y'ubucuruzi, ko kandi igikorwa iregwa kuba yarakoreshejemo amashusho n'amafoto bya Gisa Frediane ari icyo kwamamaza igicuruzwa cyayo cya Heineken, kikaba gifatwa nk'igikorwa cy'ubucuruzi.

[3] Mu mizi y'urubanza RCOM 00965/2016/TC/NYGE rwaciwe ku wa 28/10/2016, Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge rwemeje ko ikirego cya Gisa Frediane nta shingiro gifite, ko Bralirwa Ltd itigeze yamamaza igicuruzwa cyayo cyo mu bwoko bwa Heineken ikoreshesheje amashusho n'amajwi bye ku buryo yabimuhera indishyi. Rwamutegetse guha Bralirwa

Ltd indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka zingana na 600.000Frw.

[4] Gisa Frediane ntiyishimiye imikirize y'urubanza rwaciwe n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge, ajuririra Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi avuga ko Urukiko rubanza rwirengagije uruhare rwa BRALIRWA Ltd mu bikorwa byo kwamamaza Heineken hifashishijwe amashusho n'amafoto bye, akaba anenga ko indishyi yatse atazigenewe.

[5] BRALIRWA Ltd, nayo, yongeye gutanga inzitizi ishingiye ku kuba uru rubanza rutari mu bubasha bw'inkiko kuko gihe amashusho z'ubucuruzi. mu cyangwa amafotoy'umuntu akoreshejwe mu bikorwa byo kwamamaza uburenganzira, byaba atabitangiye ari ikibazo cy'imbonezamubano kigomba kujyanwa mu nkiko zisanzwe.

[6] Mu rubanza RCOMA 00645/2016/CHC/HCC rwaciwe ku wa 09/02/2017, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwasanze uru rubanza ruri mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi, rwemeza ko ubujurire bwa Gisa Frediane bufite ishingiro. Rwemeje kandi ko BRALIRWA Ltd yakoresheje amashusho n'amafoto bya Gisa Frediane nta burenganzira ibifitiye, ruyitegeka kumuha 8.200.000Frw no kumusubiza amagarama yose yishyuye atanga ikirego ku rwego rwa mbere no ku rwego rw'ubujurire.

[7] BRALIRWA Ltd yajuririye imikirize y'urubanza mu Rukiko rw'lkirenga, isaba ko rwasuzuma ibibazo bikurikira:

- Gusuzuma niba BRALIRWA Ltd yaryozwa indishyi kubera amashusho n'amafoto bya Gisa Frediane itigeze igira aho ihurira nayo;

- Gusuzuma ingaruka zigomba guhabwa urubanza rwaciwe nta tegeko na rimwe rishingiweho; - Gusuzuma niba Urukiko rwemerewe kugena indishyi mu bushishozi bwarwo mu gihe nyamara uzisaba azishingira ku rwunguko yemeza ko uziregwa yamukomoyeho;

- Gusuzuma niba Urukiko rutarivuguruje mu kugenera Gisa indishyi mu kirego cy'ubucuruzi, nyamara rugahindukira, rukemeza ko izo ndishyi zitanzwe gusa kubera ko amafoto n'amashusho byakoreshejwe nta burenganzira nyirabyo abitangiye.

[8] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 12/09/2017, BRALIRWA Ltd ihagarariwe na Me Umurerwa Jeanne Marie Christine afatanyije na Me Mpayimana Isaïe, naho Gisa Frediane ahagarariwe na Me Ruton Ndasheja Sonia, uyu akaba yaratanze inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga kubera ko indishyi zagenwe mu rubanza rujuririrwa zitageze kuri 50.000.000Frw, ababuranira BRALIRWA Ltd nabo bavuga ko ububasha bw'uru Rukiko bushingiye ku kuba uru rubanza rwaraciwe n'inkiko z'ubucuruzi kandi zitabifitiye ububasha kandi ko n'indishyi zaregewe zirenze 50.000.000Frw.

# II. IKIBAZO KIGIZE URU RUBANZA N'ISESENGURWA RYACYO

# Kumenya niba uru rubanza ruri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga

[9] Mu gusuzuma iki kibazo, Urukiko rurasanga ari ngombwa kubanza gusuzuma niba uru rubanza ruri mu bubasha bwarwo bushingiye ku kuba rwaraciwe n'inkiko zidafite ububasha, nyuma rwongere rusuzume niba rutari mu bubasha

bwarwo kubera ko urubanza rujuririrwa rutagenwemo indishyi zingana nibura na 50.000.000Frw.

## a. Ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga bushingiye ku kuba, mu rwego rwa mbere n'urwa kabiri, uru rubanza rwaraciwe n'inkiko zidafite ububasha

[10] Ababuranira BRALIRWA Ltd bavuga ko ububasha bw'Urukiko rw'Ikirenga bushingiye ku ngingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 2°, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, kubera ko Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwakiriye ubujurire ku rubanza rutari mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi, ko Gisa Frediane yatanze ikirego mu Rukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge kigamije gusaba indishyi za 130.000.000Frw zituruka ku gukoresha amashusho ye mu kwamamaza ubucuruzi bw'inzoga za BRALIRWA Ltd nta burenganzira ayihaye no gukoresha amafoto ye mu itangazamakuru rya Televiziyo, "You Tube", "websites" n'ibindi, akaba yarashingiye ku itegeko rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge (loi sur la propriété intellectuelle), ndetse arondora n'ingingo z'iryo tegeko (*iva 1, 2, 3, 6, 7, 16, 177, 178, 179, 180, 181, 183 na 184*); ko mu myiregurire yayo, BRALIRWA Ltd yagaragaje ko icyo kirego atari ikibazo cy'ubucuruzi, ko rero kidashobora kwakirwa mu nkiko z'ubucuruzi (exception d'incompétence des juridictions de commerce) kubera ko:

> 1. Mu ngingo z'iryo tegeko rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, nta n'imwe muri zo igaragaramo ko amafoto n'amashusho by'umuntu ku giti cye, ari igihangano gishobora kurengerwa nk'umutungo bwite mu by'ubwenge;

42

2. Ingingo ya mbere y'iryo tegeko igaragaza urutonde rw'ibihangano bishobora kurengerwa nk'umutungo bwite mu by'ubwenge, kandi amafoto n'amashusho by'umuntu, bikaba bitarimo;

3. Gisa ubwe yiyemerera ko ntaho yigeze ahurira na BRALIRWA Ltd ku buryo bari kugirana ibikorwa by'ubucuruzi;

4. Nta kuntu iki kirego cyaba icy'ubucuruzi ngo kandi kinabeicy 'imbonezamubano, mu gihe Gisa aregera «violation de la vie privée», anashingiye ku ngingo ya 23 y'itegeko Nshinga, ndetse ko n'indishyi Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rwaciye BRALIRWA Ltd usanga ariho honyine zishingiye, bityo iki kirego kikaba ari icy'imbonezamubano, kiri mu bubasha bw'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge.

[11] Bavuga, na none, ko uretse no kuba inkiko zombi zibanza zitarashingiye ku mpamvu zimwe ku kibazo cy'ububasha bwazo kuri iki kirego cya Gisa, ingingo ya 178 y'Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko, ubwayo yihagije kugira ngo Urukiko rw'Ikirenga rwakire ubu bujurire, kuko mu manza z'imbonezamubano, amategeko yerekeye ububasha bwo kuziburanisha ari indemyagihugu.

[12] Me Ruton Ndasheja Sonia, uburanira Gisa Frediane, avuga ko ashingiye ku ngingo ya 2 y'Itegeko Ngenga N°06/2012/OL ryo ku wa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi, inkiko zibanza zaciye urubanza zibifitiye ububasha kuko ibikorwa bivugwa muri urubanza ari iby'ubucuruzi.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[13] Ingingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 2, y'Itegeko Ngenga N°03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko: "Urukiko rw'Ikirenga rufite kandi ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe ku rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, iyo izo manza zashingiye kuitegeko ritariho cyangwa ingingo z'amategeko zitakiriho, cyangwa zaciwe n'urukiko rutabifitiye ububasha".

[14] Ingingo ya 2 y'Itegeko Ngenga N° 06/2012/OL ryo ku wa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi, iteganya ko: "[...] ibibazo by'ubucuruzi bivuga imanza z'ubucuruzi, iz'imari, iz'imisoro n'amahoro n'ibindi bibazo bifitanye isano byerekeye: (10) impaka zivutse ku masezerano cyangwa ku bikorwa by'ubucuruzi hagati y'abantu cyangwa ibigo by'ubucuruzi. [...]". Ingingo ya 12, igika cya mbere, y'iryo Tegeko Ngenga, iteganya ko: "Inkiko z'Ubucuruzi ziburanisha mu rwego rwa mbere imanza zose z'ubucuruzi, iz'imari, iz'imisoro n'ibindi bibazo bifitanye isano, nk'uko bisobanurwa mu ngingo ya 2 y'iri tegeko ngenga"

[15] Abahanga mu mategeko, Daniel FASQUELLE na Marie-Alice FASQUELLE basobanura ko kubyerekeye inshingano zidashingiye ku masezerano, izi nshingano aba ari iz'ubucuruzi igihe cyose zakomotse ku gikorwa cy'ubucuruzi<sup>1</sup>.

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> Pour ce qui concerne les engagements extra-contractuels, ceux-ci sont commerciaux dès lors qu'ils sont nés à l'occasion de l'activité commerciale (D. FASQUELLE, M.- A. FASQUELLE, Droit de l'entreprise 2010/2011, "Introduction au droit et au droit commercial", Paris, Lamy, 2010 p. 143.

[16] Muri uru rubanza, dosiye igaragaza ko ikibazo Gisa Frediane afitanye na sosiyete y'ubucuruzi BRALIRWA Ltd, cyerekeranye n'amashusho n'amafoto ye yakoreshejwe (na BRALIRWA Ltd) mu kwamamaza ikinyobwa cyo mu bwoko bwa Heineken atabiyihereye uburenganzira, akaba asaba indishyi zikomoka kuri icyo gikorwa. Dosiye igaragaza na none ko uburanira BRALIRWA Ltd, mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, yemeye ko koko ayo mashusho n'amafoto yakoreshejwe na BRALIRWA Ltd mu kwamamaza inzoga zayo kandi nta masezerano yagiranye na GISA Frediane, avuga ko BRALIRWA Ltd yayahawe na sosiyete EXP RWANDA, ariko akaba atarashoboye kugaragaza amasezerano yagiranye n'iyo sosiyete.

[17] Urukiko rurasanga kuba BRALIRWA Ltd ari sosiyete y'ubucuruzi, ibyo byerekana ko kwamamaza igicuruzwa cyayo cyo mu bwoko bwa Heineken hakoreshejwe amashusho n'amafoto bya Gisa Frediane, ari igikorwa gifitanye isano n'ubucuruzi, bityo, hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 2 n'iya 12 zavuzwe haruguru, impaka zigikomotseho zikaba zigomba gukemurwa n'inkiko z'ubucuruzi, cyane cyane ko, nk'uko n'abahanga mu mategeko bavuzwe haruguru babisobanura, inshingano zidashingiye ku masezerano zifatwa nk'iz'ubucuruzi iyo zikomoka ku murimo w'ubucuruzi, bityo imanza zibishingiyeho zikaba ziri mu mu bubasha bw'inkiko z'ubucuruzi.

[18] Urukiko rurasanga, hakurikijwe ibimaze gusobanurwa haruguru, urubanza rwajuririwe rwaraciwe n'inkiko zibifitiye ububasha, bityo imvugo y'uburanira BRALIRWA Ltd y'uko Urukiko rw'Ikirenga rufite ububasha bushingiye ku kuba inkiko zibanza zaraciye urubanza rutari mu babasha bwazo, ikaba nta shingiro ifite.

### b. Iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga rishingiye ku kuba indishyi zagenwe mu rubanza rujurirwa zitageze nibura kuri 50.000.000 Frw

[19] Me Ruton Ndasheja Sonia, uburanira Gisa Frediane, avuga ko, ashingiye ku ngingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 7, y'Itegeko Ngenga N°03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, uru rubanza rutari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, kuko BRALIRWA Ltd yajuririye urubanza ku rwego rwa kabiri kandi haratanzwemo indishyi zingana na 8.200.000 Frw, mu gihe amafaranga make yemewe n'itegeko ari 50.000.000Frw nibura.

[20] Ababuranira BRALIRWA Ltd bavuga ko ingingo ya 28, igika cya kane, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL yerekana ko ubu bujurire bugomba kwakirwa mu Rukiko rw'Ikirenga, kubera ko indishyi zisabwa, haba mu kirego, haba no mu iburana rya GISA Frediane, ari 130.000.000Frw, bityo zikaba zirenga 50.000.000Frw ziteganyijwe n'itegeko ku bujurire bwa kabiri, ko kandi icyagombwa atari ukureba icyo urukiko rwatanze, ahubwo ko ari ukureba icyaregerwaga mbere.

# UKO URUKIKO RUBIBONA

[21] Ingingo ya 28, igika cya kabiri, agace ka 7, y'Itegeko Ngenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2012 rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga, iteganya ko: "Urukiko rw'Ikirenga rufite kandi ububasha bwo kuburanisha mu rwego rw'ubujurire imanza zaciwe ku rwego rwa kabiri n'Urukiko Rukuru, Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi cyangwa Urukiko Rukuru rwa Gisirikare, iyo izo manza [...] zagenwemo n'urukiko indishyi zingana nibura na miliyoni mirongo itanu z'amafaranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) cyangwa se zifite agaciro kagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka, kangana nibura n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni mirongo itanu (50.000.000 Frw)".

Dosiye y'uru rubanza igaragaza ko, mu ntangiriro, GISA [22] Frediane yareze BRALIRWA Ltd kuba varakoresheje amashusho n'amafoto bye mu kwamamaza inzoga yayo yitwa atayibihereye uburenganzira, Heineken abisabira indishvi mbonezamusaruro zingana 100.000.000Frw, na indishvi z'akababaro zingana 20.000.000Frw, amafaranga na y'ikurikiranarubanza angana na 5.000.000Frw<sup>2</sup> n'igihembo cy'Avoka kingana na 10.000.000Frw, yose hamwe akaba 135.000.000Frw. Ku rwego rwa mbere nta ndishyi GISA Frediane yigeze agenerwa kuko yatsinzwe, naho ku rwego rwa rw'Ubucuruzi) (mu Rukuru kabiri Rukiko agenerwa 5.000.000Frw y'indishyi z'uko amashusho n'amafoto bye byashyizwe na BRALIRWA Ltd ku bicuruzwa byayo nta burenganzira abitangiye, 2.000.000Frw y'indishyi z'akababaro ko gushorwa mu manza ku maherere na 1.200.000Frw akubiyemo igihembo cy'Avoka n'indishyi z'ibyatanzwe mu gukurikirana urubanza, yose hamwe aba 8.200.000Frw.

[23] Urukiko rurasanga, n'ubwo, nk'uko bimaze gusobanurwa haruguru, icyaregewe ku kubitiro ari indishyi za 130.000.000Frw zari zirenze 50.000.000Frw, avugwa mu ngingo ya 28 y'Itegeko Ngenga N°03/2012/OL yavuzwe haruguru, ariko hashingiwe ku biteganywa mu gika cya 2, agace ka 7, cy'iyo ngingo, urugero rw'indishyi zagenwe n'umucamanza igihe habaye impaka nirwo

 $<sup>^2</sup>$  Mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi urega yavuze indishyi zo gukurikirana urubanza zingana na 3.000.000Frw

rugomba gushingirwaho mu kwemeza niba ubujurire bwa BRALIRWA Ltd buri mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga, aho kuba gusa agaciro k'ikiburanwa katanzwe n'umuburanyi mu kirego cye nk'uko uburanira BRALIRWA Ltd ashaka kubyumvikanisha. Kuba rero muri uru rubanza bigaragara ko indishyi zagenwe n'umucamanza zingana na 8.200.000Frw, zikaba zitageze ku mubare wa 50.000.000 Frw uteganywa n'ingingo ya 28, igika cya 2, agace ka 7°, y'Itegeko Ngenga N°03/2012/OL yavuzwe haruguru, ibyo byerekana nta shiti, ko ubujurire bwa BRALIRWA Ltd butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga. Uyu murongo ni nawo wafashwe n'uru Rukiko mu rubanza RCOMAA 00020/2016/SC–RCOMAA 0025/15/CS rwaciwe ku wa 21/04/2017 (RURAL DEVELOPMENT SOLUTION COMPANY LTD vs AKARERE KA NYABIHU).

[24] Urukiko rurasanga rero, hashingiwe ku bimaze gusobanurwa haruguru, inzitizi y'iburabubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga yatanzwe na Gisa Frediane, ishingiye ku kuba indishyi zagenwe mu rubanza rujurirwa zitageze nibura kuri 50.000.000Frw, ifite ishingiro.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[25] Rwemeje ko inzitizi y'iburabusha bw'Urukiko rw'Ikirenga yatanzwe na Gisa Frediane ifite ishingiro;

[26] Rwemeje ko ubujurire bwa BRALIRWA Ltd butakiriwe kuko butari mu bubasha bw'Urukiko rw'Ikirenga;

[27] Rutegetse ko ingwate y'igarama yatanzwe na BRALIRWA Ltd ihwanye n'ibyakozwe mu rubanza

## ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) Ltd v. BRALIRWA Ltd

#### [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RCOMA 00003/2018/CA (Karimunda, P.J., Ngagi na Munyangeri, J.) 25 Mutarama 2019]

Amategeko agenga imanza z'ubucuruzi – Isosiyete – Isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite umuyobozi umwe – Gusimbura umuyobozi wa Sosiyete –Icyemezo gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB) n'icyo kigaragaza uwasimbuye umuyobozi wa sosiyete mu gihe bigaragara ko ariwe munyamigabane umwe rukumbi.

Amategeko agenga imiburanishirije y'imanza z'ubucuruzi – Iyakirwa ry'ikirego – Ububasha byo kurega – Kugira ngo ikirego cyakirwe urega n'uregwa bagomba kuba bafite ububasha (qualité) – Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 3.

**Incamake y'ikibazo**: Entreprise Twahirwa Faustin (ETF Ltd) ihagarariwe n'umuyobozi wayo Twahirwa Faustin, akaba n'umunyamigabane wayo umwe rukumbi, yakoranye amasezerano na Bralirwa Ltd yo kubaka amashuli. Igihe cyo kurangiza imirimo cyararenze, imirimo itararangira maze Bralirwa isesa amasezerano, ibyo bituma Entreprise Twahirwa itanga ikirego mu bunkemurampaka ivuga ko Bralirwa yasheshe amasezerano mu buryo bunyuranyije n'amategeko. Inteko y'abakemurampaka yemeje ko Bralirwa yishyura ETF Ltd 2.462.090Frw no guhita iyisubiza ibikoresho byose biri kuri « chantier » nk'uko byari bimeze ubwo byabarurwaga.

ETF ntiyishimiye iki cyemezo cy'ubukemurampaka maze iregera Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, ariko Umuyobozi wa ETF yaze kwitaba Imana urubanza muri uru Rukiko rutararangira, urubanza rukomezwa kuburanwa n'uwari uhagaririye nyakwigendera mu mategeko, Urukiko rwasanze ikirego kitagomba kwakirwa kubera ko kinyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 46 y'Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi.

Uhagarariye ETF mu izina ryayo yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga, nyuma y'ivugurura ry'inkiko, ubujurire bwayo bwimuriwe mu Rukiko rw'Ubujurire, asaba ko icyemezo cyafashwe n'Inteko y'Abakemurampaka cyahinduka avuga ko Inteko y'Abakemurampaka aho gusuzuma ikibazo cyo kuba BRALIRWA Ltd varasheshe amasezerano mu burvo budakurikije amategeko no gusuzuma igihombo cyatewe n'iryo seswa ry'amasezerano, yemeje ko ETF Ltd isubirana ibikoresho byayo byari kuri « chantier » BRALIRWA Ltd ikishyura 2.462.090Frw, kandi mu gihe agaciro k'ibyo bikoresho n'indishyi ETF Ltd isaba birenze miliyoni magana abiri.

Bralirwa yahitse izamura inzitizi, ivuga ko ubujurire bwa ETF Ltd butagomba kwakirwa kuko bwatanzwe n'umuntu udafite ububasha n'ubushobozi bwo kuyihagararira, kuko uwari umuyobozi n'umunyamigabane wayo umwe rukumbi yitabye Imana, akaba atarasimburwa muri izo nshingano ze kuko kugeza ubu ntawigeze amusimbura muri izo nshingano nk'umuyobozi mukuru kuko nta cyemezo cya Rwanda Development Board (RDB) kigaragaza uwasimbuye Twahirwa Faustin. Kuri iyi nzitizi, mu izina rya ETF Ltd, uyihagarariye avuga ko nta shingiro ifite kuko umugore wa nyakwigendera hamwe n'abana yasize aribo basigaranye ubuyobozi bwa sosiyete kuko babifite uburenganzira bahabwa n'amategeko yerekeye izungura, cyane cyane ko hajuriye ETF Ltd yari yanabaye umuburanyi ku rwego rwa mbere.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Inyandikomvugo y'inama rusange y'abanyamuryango ba sosiyete si ikimenyetso kigaragaza ugomba gusimbura umuyobozi wa sosiyete mu gihe bigaragara ko ariwe munyamigabane umwe rukumbi, ahubwo bigaragazwa n'icyemezo cya RDB.

2. Ikirego cyakirwa mu Rukiko nuko urega n'uregwa bagomba kuba bafite ububasha (*qualité*), mu gihe batabufite, nticyakirwa.

#### Inzitizi yo kutakira ikirego yatanzwe ifite ishingiro; Amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

#### Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, ingingo ya 3. Itegeko N° 17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, ingingo ya 142.

#### Nta manza zifashishijwe.

#### Inyandiko z'abahanga:

Serge GUINCHARD, Droit et pratique de la procedure civile, 5e edition, Paris, Dalloz, 2006-2007.

## Urubanza

## I. IMITERERE Y'IKIBAZO

[1] Entreprise Twahirwa Faustin (ETF Ltd) yagiranye na BRALIRWA Ltd amasezerano yo kubaka ishuri rya Rambo mu Karere ka Rubavu, muri ayo masezerano impande zombi zumvikana ko nizigirana ikibazo gifitanye isano n'ayo masezerano kizakemurwa n'urwego rw'Ubukemurampaka.

[2] BRALIRWA Ltd yaje gusesa ayo masezerano ishingiye ku kuba igihe imirimo yari kumara cyarangiye, ETF Ltd iza kubibona nko gusesa amasezerano mu buryo bunyuranye n'amategeko, bituma itangiza urubanza imbere y'Umukemurampaka witwa Rusanganwa Jean Bosco washyizweho n'Urukiko rw'Ubucuruzi rwa Nyarugenge mu rubanza RCOM 01657/2016/TC/NYGE, rwaciwe ku wa 23/03/2017 bisabwe na ETF Ltd.

[3] Inteko y'Abakemurampaka yafashe icyemezo ku wa 26/09/2017, itegeka BRALIRWA Ltd kwishyura ETF Ltd 2.462.090 Frw no guhita iyisubiza ibikoresho byose biri kuri « chantier » nk'uko byari bimeze ubwo byabarurwaga ku wa 24/08/2017.

[4] ETF Ltd ntiyishimiye icyo cyemezo, iregera Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, urwo Rukiko ruca urubanza RCOMA 00035/2017/CHC/HCC ku wa 27/04/2018, rusanga ubujurire bwa ETF Ltd busaba guhindura icyemezo cy'Inteko y'Abakemurampaka (réformation) bunyuranye n'ibiteganywa n'ingingo ya 46 y'Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 rverekeve ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi,igaragaza ko igisabwa urukiko rujuririrwa ari ivanwaho ry'icyemezo (annulation) aho kuba ihindurwa ryacyo nk'uko ETF Ltd yabisabye mu bujurire bwayo, rusanga kuba mu kujurira ETF Ltd nta mpamvu n'imwe ishingiraho mu ziteganywa n'ingingo ya 47 y'itegeko Nº005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryavuzwe haruguru, bituma ubujurire bwayo butagomba kwakirwa, rwemeza ko ikirego cya ETF Ltd kitakiriwe, ko ntagihindutse ku cyemezo cyo ku wa 26/09/2017 cyafashwe n'Inteko y'Ubukemurampaka cyajuririwe, rutegeka ETF Ltd kwishyura BRALIRWA Ltd amafaranga ibihumbi y'indishyi z'ikurikiranarubanza habariwemo 600.000Frw n'igihembo cya Avoka.

Me BUHURU Pierre Célestin, mu izina rya ETF Ltd, [5] yajuririye mu Rukiko rw'Ikirenga, urubanza ruhabwa RCOMA 00004/2018/SC. Nyuma y'ivugurura ry'inkiko, ubujurire bwayo bwimuriwe mu Rukiko rw'Ubujurire, ruhabwa RCOMA asaba ko icyemezo cyafashwe n'Inteko 00003/2018/CA, y'Abakemurampaka cyahinduka hagashingirwa ku biteganywa n'ingingo ya 46 y'Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi, avuga kandi ko mu cyemezo cyafashwe harimo kwivuguruza no kuvuguruza ibiteganywa n'amategeko, asaba Urukiko gusuzuma niba BRALIRWA Ltd yarasheshe amasezerano mu buryo bukurikije amategeko, no kumenya niba nta kindi gishya cyari kwiyongeraho kitareba ayo masezerano yasheshwe usibye ibijyanye n'igihombo yatejwe na BRALIRWA Ltd no kugena indishyi.

[6] Mu gusobanura izi mpamvu, Me Buhuru Pierre Célestin avuga ko Inteko y'Abakemurampaka aho gusuzuma ikibazo cyo kuba BRALIRWA Ltd yarasheshe amasezerano mu buryo budakurikije amategeko no gusuzuma igihombo cyatewe n'iryo seswa ry'amasezerano, yemeje ko ETF Ltd isubirana ibikoresho byayo byari kuri « chantier » BRALIRWA Ltd ikishyura 2.462.090Frw, mu gihe agaciro k'ibyo bikoresho n'indishyi ETF Ltd isaba birenze miliyoni magana abiri; aregeye Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ntirwahindura icyemezo ahubwo rwemeza ko ikirego kitakiriwe, akaba asaba ko Urukiko rw'Ubujurire rwashingira ku biteganywa n'ingingo ya 46 y'Itegeko N°005/2008 ryo ku wa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurapaka n'ubwunzi mu manza z'ubucuruzi maze rugakuraho icyemezo cyafashwe n'Ubukemurampaka.

[7] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 09/01/2019, Entreprise Twahirwa Faustin (ETF Ltd) iburanirwa na Me Buhuru Pierre Célestin, naho BRALIRWA Ltd iburanirwa na Me Abijuru Emmanuel, uyu akaba yaratanze inzitizi yo kutakira ubujurire bwa ETF Ltd kuko bwatanzwe n'umuntu udafite ububasha n'ubushobozi.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

#### Kumenya niba ubujurire bwa ETF Ltd budakwiriye kwakirwa kubera ko bwatanzwe n'utabifitiye ububasha n'ubushobozi.

[8] Me Abijuru Emmanuel, uhagarariye BRALIRWA Ltd, avuga ko ubujurire bwa ETF Ltd budakwiriye kwakirwa kuko bwatanzwe n'umuntu udafite ububasha n'ubushobozi bwo kuyihagararira. Asobanura ko ETF Ltd yahoze iyoborwa n'uwitwa Twahirwa Faustin nk'umuyobozi mukuru wayo ari nawe munyamigabane umwe rukumbi yari ifite, aza gupfa nk'uko « attestation de décès » yo ku wa 09/01/2018 ibigaragaza, kandi icyo igihe urubanza rwari rukiburanishwa mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi, kugeza ubu hakaba ntawigeze amusimbura muri izo nshingano nk'umuyobozi mukuru kuko nta cyemezo cya Rwanda Development Board (RDB) kigaragaza uwasimbuye Twahirwa Faustin, bityo BRALIRWA Ltd ikaba itazi uwatumye Me Buhuru Pierre Célestin gutanga ubujurire bwa ETF Ltd, asaba ko hasuzumwa niba ingingo ya 142 y'Itegeko N° 17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi ivuga uburyo amasosiyete y'ubucuruzi ahagararirwa yarubahirijwe.

[9] Me Buhuru Pierre Célestin, uhagarariye ETF Ltd, nawe avuga ko Twahirwa Faustin yari umunyamigabane umwe rukumbi wa ETF Ltd akaba n'umuyobozi mukuru wayo, ubu iyo sosiyete ikaba ihagaririwe na Mukandekezi Antoinette, ari na we uyigize hamwe n'abana be batanu aribo Twagirayezu Félicien, Mupenzi Jean Damascène, Mugisha Fred, Uwera Séraphine na Kwizera Claudine. Akomeza avuga ko abagize sosiyete bashobora kuvaho ariko sosiyete igakomeza ku bafite uburenganzira bahabwa n'amategeko yerekeye izungura, bityo akaba asanga iyi nzitizi nta shingiro ifite kuko hajuriye ETF Ltd yari yanabaye umuburanyi ku rwego rwa mbere.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[10] Ingingo ya 3, igika cya mbere, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko: "Ikirego cyakirwa mu rukiko iyo urega afite ububasha, inyungu n'ubushobozi byo kurega, keretse igihe itegeko ribiteganya ukundi". Ingingo ya 142, igika cya mbere, y'Itegeko N° 17/2018 ryo ku wa 13/04/2018 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi iteganya ko "Imirimo n'ibikorwa by'isosiyete biyoborwa cyangwa bikarebererwa n'Inama y'Ubutegetsi ifite ububasha bwose muri ubwobuyobozi (....). Naho igika cya kabiri cy'iyi ngingo kigateganya ko: "Iyo isosiyete idahamagarira rubanda kuyiguramo imigabane ifite umuyobozi umwe, uwo muyoboziniwe ufite ububasha n'inshingano z'Inama y'Ubutegetsi ziteganywa n'iri tegeko".

[11] Isesengura ry'izi ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru zisuzumiwe hamwe, ryumvikanisha ko ububasha bwo kugira igikorwa icyo ari cyo cyose cy'isosiyete kirimono gutanga ikirego mu rukiko kiyoborwa cyangwa kikarebererwa n'Inama y'Ubutegesi ifite ububasha bwose muri ubwo buyobozi, mu gihe sosiyete yaba ifite umuyobozi umwe akaba ari we ufite ububasha n'inshingano z'Inama y'Ubutegetsi.

[12] Ku byerekeranye n'uru rubanza, dosiye igaragaza ko Twahirwa Faustin yari umunyamigabane umwe rukumbi akaba n'umuyobozi mukuru wa sosiyete y'ubucuruzi yitwa Entreprise Twahirwa Faustin (ETF Ltd) akaba ari nawe wari uyihagaririye mu buryo bwemewe n'amategeko mu rubanza iyi sosiyete yarezemo BRALIRWA Ltd, kugeza aho apfiriye ku wa 04/01/2018, uru rubanza ruri mu Rukiko Rukuru rw'Ubucuruzi.

[13] Dosiye igaragaza na none ko nyuma y'aho Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi ruciriye urubanza RCOMA 00035/2017/CHC/HCC ku wa 27/04/2018, rukemeza ko ikirego cya ETF Ltd kitakiriwe, ku wa 25/05/2018, Me Buhuru Pierre Célestin yajuririye uru rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga mu izina rya ETF Ltd, ariko akaba ntaho bigaragara ko yaba yarabiherewe ububasha n'umuyobozi mukuru wa ETF Ltd waba warasimbuye Twahirwa Faustin nyuma y'urupfu rwe, akaba ari cyo BRALIRWA Ltd ishingiraho ivuga ko uwajuriye nta bubasha n'ubushobozi bwo kurega mu bujuririre afite.

[14] Mu iburanisha ryo ku wa 09/01/2019, ubwo Urukiko rwabazaga Me Buhuru Pierre Célestin uwaba yarasimbuye Twahirwa Faustin nk'umuyobozi mukuru wa ETF Ltd nyuma y'urupfu rwe, yasubije ko sosiyete ihagaririwe na Mukandekezi Antoinette, akaba ari we uyigize hamwe n'abana be batanu aribo Twagirayezu Félicien, Mupenzi Jean Damascène, Mugisha Fred, Uwera Séraphine na Kwizera Claudine, abajijwe ikimenyetso kigaragaza ko koko ibyo avuga byababyaremejwe n'Umwanditsi Mukuru muri RDB, avuga ko yari yarasabye Mukandekezi Antoinette gushaka ibyangombwa muri RDB ariko ntiyabikora.

[15] Dosiye y'urubanza igaragaza kandi ko iyi nzitizi yazamuwe na BRALIRWA Ltd mu nama ntegurarubanza yo ku wa 30/10/2018, ndetse icyo gihe Me Buhuru Pierre Célestin asabwa kuzageza muri uru rukiko ibimenyetso bigaragaza ko Mukandekezi Antoinette ari we wasimbuye Twahirwa Faustin ku buyobozi bwa ETF Ltd.

[16] Urukiko rurasanga impande zombi zemeranya ko ETF Ltd iriho mu buryo bwemewe n'amategeko ndetse narwo akaba ariko rubibona, kuko urupfu rw'umunyamigabane wa sosiyete, n'ubwo yaba ari umwe, rutabuza sosiyete gukomeza kubaho, ikaba yakomezwa n'abazungura ari uko babyemeye.

[17] Urukiko rurasanga ariko, usibye ko mu iburanisha ryo ku wa 09/01/2019, Me Buhuru Pierre Célestin yivugiraga ko yahawe uburenganzira bwo kujurira na Mukandekezi Antoinette, nta kimenyetso na kimwe yaragaragaje cyemeza ko uyu

Mukandekezi Antoinette yaba yarasimbuye Twahirwa Faustin nk'umuyobozi mukuru wa ETF Ltd, ngo abe noneho yaramuhaye uburenganzira bwo gutanga ikirego mu bujurire mu izina rya sosiyete ETF Ltd, ibi bikaba bishimangirwa n'abahanga mu mategeko barimo Serge Guinchard uvuga ko kugira ngo ikirego cyakirwe ari uko urega n'uregwa bagomba kuba bafite ububasha (qualité), ko mu gihe batabufite, ikirego kitakirwa<sup>1</sup>.

byerekeranye n'inyandiko yiswe [18] Ku ~ INAMA RUSANGE Y'ABANYAMURYANGO BA ENTREPRISE TWAHIRWA Faustin (E.T.F LTD) » yagaragaye muri dosiye ku wa 17/01/2019, nyuma y'ipfundikirwa rw'iburanisha ryo kuwa 09/01/2019, Urukiko, rushingiye ku ngingo ya 75, igika cya mbere<sup>2</sup>, icya kabiri<sup>3</sup> n'icya gatatu<sup>4</sup>, y'Itegeko Nº 22/2018 ryo ku 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize wa v'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi, rurasanga iyi nyandiko itakwakirwa ngo isuzumwe bitewe n'uko

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> "La qualité est une condition d'existence de l'action, exigée tant en demandant qu'en defense. Le défaut de qualité donne lieu à une fin de non-recevoir", Serge GUINCHARD, Droit et pratique de la procedure civile, 5e edition, Paris, Dalloz, 2006-2007, p.22.

<sup>&</sup>lt;sup>2</sup> Muri rusange nta nyandiko, imyanzuro y'urubanza cyangwa inyandiko ikubiyemo ingingo ziburanishwa bishobora kohererezwa urukiko nyuma y'inama ntegurarubanza.

<sup>&</sup>lt;sup>3</sup> Icyakora, igihe cyose urubanza rutaracibwa, iyo habonetse inyandiko cyangwa se ikindi kintu gishya cyafasha mu kugaragaza ukuri kivumbuwe n'umwe mu baburanyi, ashobora kugishyikiriza urukiko, rugasuzuma niba cyakwakirwa. Iyo iburanisha ryari ryarapfundikiwe, umuburanyi asaba ko ripfundurwa.

<sup>&</sup>lt;sup>4</sup> Urukiko ubwarwo ni rwo rusuzuma niba ari ngombwa gupfundura iburanisha, iyo rusanze ruzashingirakuri icyo kintu gishya mu guca urwo rubanza n'ikirego cy'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyo ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe ».

ntacyo yarufasha mu gufata icyemezo, icyari gikenewe kitigeze kigaragazwa ku gihe, si inyandikomvugo y'inama y'abanyamuryango ahubwo ni icyemezo cya RDB kigaragaza uwasimbuye Twahirwa Faustin ku mwanya w'umuyobozi mukuru wa ETF Ltd.

[19] Hashingiwe ku ngingo z'amategeko no ku bisobanuro bimaze gutangwa, Urukiko rurasanga Me Buhuru Pierre Célestin nta bubasha yari afite bwo gutanga ikirego mu bujurire mu mwanya wa ETF Ltd, inzitizi yatanzwe na BRALIRWA Ltd ikaba ifite ishingiro, bityo ubujurire bwa ETF Ltd bukaba butakiriwe.

# 2. Kumenya niba indishyi zasabwe na BRALIRWA Ltd zifite ishingiro

[20] Mu nama ntegurarubanza yo ku wa 30/10/2018, Me Abijuru Emmanuel, uhagarariye BRALIRWA Ltd, yasabye indishyi z'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka zingana na 1.500.000 Frw kuko ETF Ltd yayishoye mu manza zidafite ishingiro, ageze mu iburanisha ryo ku wa 09/01/2019 asaba ko amafaranga yasabwe yakongerwaho 200.000 Frw y'igihembo cya Avoka.

[21] Me Buhuru Pierre Célestin, uburanira ETF Ltd, avuga ko indishyi BRALIRWA Ltd isaba nta shingiro zahabwa kuko iyo ababuranyi batumvikanye baba bafite uburenganzira bwo kugana inkiko, ETF Ltd ikaba nta kindi kintu yakoze kidateganyijwe n'amategeko cyatuma itanga indishyi.

# UKO URUKIKO RUBIBONA

[22] Ingingo ya 111 y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi iteganya ko « Ikirego cy'amafaranga y'ikurikiranarubanza kiburanishirizwa rimwe n'ikirego cy'iremezo. Gishobora kandi kwakirwa kikanaburanishwa n'iyo ikirego cy'iremezo cyaba kitakiriwe ».

[23] Ku birebana n'amafaranga y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka uburanira BRALIRWA Ltd asaba, Urukiko rurasanga akwiye kuyahabwa kuko ETF Ltd yayishoye mu rubanza bituma yiyambaza uyiburanira, ariko ikaba igomba kuyagenerwa mu bushishozi bw'Urukiko kuko atagaragaza uburyo 1.700.000Frw asaba yayabaze, bityo BRALIRWA Ltd ikaba igomba guhabwa 500.000Frw y'igihembo cya Avoka na 200.000Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 700.000Frw.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[24] Rwemeje kwakira inzitizi yo kutakira ikirego yatanzwe na BRALIRWA Ltd;

[25] Rwemeje ko iyo nzitizi ifite ishingiro;

[26] Rutegetse Entreprise Twahirwa Ltd (ETF Ltd) guha BRALIRWA Ltd 500.000Frw y'igihembo cya Avoka na 200.000Frw y'ikurikiranarubanza, yose hamwe akaba 700.000Frw;

[27] Ruvuze ko amagarama y'urubanza ahwanye n'ibyakozwe mu rubanza.

IMANZA ZACIWE MU MIZI

# IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO

Ø

D

## CANDARI v. MUKAMANA N'ABANDI

[Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RCAA0024/14/CS (Mukanyundo P.J., Kayitesi R. na Gatete J.) 10 Mata 2015]

Amategeko agenga umuryango – Umuryango – Izungura – Abana batabyawe na nyakwigendera ntabwo bamuzungura kuko ntaho baba bahuriye kereka bigaragara ko yabagize abe ku bw'amategeko. (adoption).

Amategeko agenga umuryango – Umuryango – Imicungire y'umutungo w'abashingiranywe – Iyo abantu basezeranye ivangamutungo rusange, umwe muri bo ntashyire "réserve" (umwihariko) muri ayo masezerano, ku bijyanye n'umutungo yita uw'abana yashakanye, imitungo yose ifatwa ko ari iyabashyingiranywe

Amategeko agenga imanza mbonezamubano – Agaciro k'inyandiko – Inenge – Inyandiko nubwo yakorerwa imbere ya noteri ariko igakorwa hirengagijwe ibyo amategeko ateganya, ntabwo iyo nyandiko yahabwa agaciro.

Incamake y'ikibazo: Havugimana yabyaranye na Mwamini abana babiri aribo Mukamana Mamique na Havugimana Celestin. Mwamini yaje gupfa maze Havugimana ashakana na Candali, babyarana Iradukunda Jean Luc. Havugimana nawe yaje gupfa maze abana basizwe na Mwamini barega Candari mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo basaba guhabwa uburenganzira ku mutungo wasizwe n'ababyeyi babo. Urwo rukiko rwemeje ko umutungo wasizwe na Havugimana uzungurwa n'abana be bose, ½ cy'umutungo usigaye kigahabwa Candari Verena nk'umugore bari barashakanye nyuma mu buryo bwemewe n'amategeko.

Candari yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, uwitwa Umuhoza nawe wemejwe n'Urukiko ko nawe ari umwana wa Havugimana arugobokamo asaba ko nawe yagira uburenganzira bwo kuzungura umubyeyi we. Urukiko Rukuru rushingiye kw'Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashingiranywe, impano n'izungura ryakoreshwaga icyo gihe rwemeje ko imitungo ya Havugimana igomba kugabanwamo kabiri, ½ cya kabiri cyayo kigahabwa Candari nk'umugore we w'isezerano naho ½ kigahabwa abana ba Havugimana bose.

Candari yajuriye mu Rukiko rw'Ikirenga avuga ko imwe mu mitungo isabirwa kuzungurwa atayishakanye na Hvugimana kuko bashakanye ayifite indi ayibona nyuma yuko Havugimana yitabye Imana. Avuga kandi ko imwe muri iyo mitungo yamaze kuyigurisha. Bityo ko itajya mu mutungo rusange uzungurwa wa Havugimana.

Akomeza avuga ko nyuma yaje kugirana ubwumvikane n'abana ba Havugimana maze mu nyandiko yakorewe imbere ya Notaire yemera guhabwa 40% by'umutungo wa nyakwigendera, naho abana bemera gutwara 60%, bumvikana ko abana (Candari) yari afite mbere y'uko ashakana na Havugimana nabo bagomba kugira icyo babona, bityo asaba Urukiko guha agaciro ayo masezerano yo kwikiranura. Asobanura ko impamvu umwe mu bana ba nyakwigendera atagaragaye mu bagize inama y'umuryango nu kubera ko yari ataramenya ko ari umwana wa nyakwigendera.

Abaregwa muri uru Rukiko, biregura bavuga ko nta kigaragaza ko hari imitungo Candari yazanye kwa Havugimana kandi niba

66 \_\_\_\_

hari nuwo yazanye nta cyabuza ko izungurwa n'abazungura bose ba nyakwigendera kuko bari barasezeranye ivangamutungo rusange. Bavuga kandi ko imitungo avuga ko yayigurishije yabikoze imanza zaratangiye akaba yarabikoze mu rwego rwo kuyinyereza, kuba rero yaratinyutse kugurisha imitungo ikiburanwa, rikaba ari ikosa agomba guhanirwa, bakaba basaba Urukiko gutegeka ko iri gurisha nta gaciro rikwiye guhabwa ahubwo inzu ikagarurwa mu mutungo uzungurwa kuko yayigurishije agamije kunyereza imitungo izungurwa. Naho ku nyandiko yakorewe imbere ya Notaire, bavuga ko nta gaciro yagombye guhabwa kubera ko yakozwe urubanza rukiri mu rukiko, ndetse ikaba yarakozwe yirengagije umwe mu bana ba nyakwigendera kandi ko hongewemo abandi bana batazwi batigeze banavugwa mu manza zose zabaye.

**Incamake y'icyemezo:**1. Abana batabyawe na nyakwigendera ntabwo bamuzungura kuko ntaho baba bahuriye kereka bigaragara ko yabagize abe ku bw'amategeko. (adoption)

2. Iyo abantu basezeranye ivangamutungo rusange, umwe muri bo ntashyire "réserve" (umwihariko) muri ayo masezerano, ku bijyanye n'umutungo yita uw'abana yashatse afite, imitungo yose ifatwa ko ari iyabashyingiranywe.

3. Inyandiko nubwo yakorerwa imbere ya noteri ariko igakorwa hirengagijwe ibyo amategeko ateganya, ntabwo iyo nyandiko yahabwa agaciro.

Ubujurire bufite ishingiro kuri bimwe. Ubujurire bwuririye ku bundi bufite ishingiro.

#### Amategeko yishingiweho :

Itegeko n°15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo mu manza, ingingo ya 3.
Itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashingiranywe, impano n'izungura, ingingo ya 3,49,50,51,66 niya 70.
Itegeko teka ryo ku wa 30/07/1888, rigenga amasezerano cyangwa imirimo nshinganwa, Igitabo cya III cy'Urwunge rw'amategeko mbonezamubano, ingingo ya 263, 590 (Ryakuweho n'itegeko n'Itegeko n° 020/2019 ryo kuwa 22/08/2019 rikuraho amategeko yose yashyizweho mbere y'itariki y'ubwigenge)

#### Nta manza zifashishijwe.

## Urubanza

# I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, Mukamana Mamique na musaza we Havugmana Emmanuel, barega Candari Verena, umugore Se, Havugimana Céléstin yashatse nyina wababyaye amaze gupfa nawe nyuma akaza gupfa, mu kirego cyabo bakaba barasabaga ko bahabwa uburenganzira ku mutungo wasizwe n'ababyeyi babo.

[2] Urukiko rwaregewe rwemeje ko umutungo wasizwe na Havugimana Céléstin uzungurwa n'abana be bose, ½ cy'umutungo usigaye kigahabwa Candari Verena nk'umugore bari barashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko. [3] Candari yajuririye urwo rubanza mu Rukiko Rukuru, uwitwa Umuhoza Aïsha wemewe mu rubanza RC0095/12/TB/Kma ko ari mwene Havugimana Céléstin arugobokamo asaba ko nawe yagira uburenganzira bwo kuzungura umubyeyi we.

[4] Urukiko rwajuririwe rwemeje kuwa 25/04/2014, ko imitungo igizwe n'igipangu cy'amazu Candari atuyemo, inzu iri ku Gisozi haruguru y'Agakinjiro, inzu iri mu Kiyovu cya Kagugu n'imodoka iri mu rugo rwa Candari Verena, ariyo mitungo igomba kugabanwamo kabiri, ½ cya kabiri cyayo kigahabwa Candari nk'umugore wa Havugimana Céléstin w'isezerano naho ½ kigahabwa abana ba Havugimana Céléstin bose aribo Mukamana Mamique, Havugimana Emmanuel, hakiyongeraho Umuhoza Aïsha na Shema Iradukunda Jean Luc, bakakigabana ku buryo bungana.

[5] Candari Verena yajuririye n'Urukiko rw'lkirenga avuga ko Urukiko Rukuru rwirengagije ko ajya gushakana na Havugimana Célestin hari imitungo yari asanganywe, ko rwemeje ko mu mitungo izungurwa hashyirwamo n'iyo yashatse nyuma y'uko uwo basezeranye apfuye, nyamara iyo mitungo itariho mu gihe izungura ryafungurwaga Habimana amaze gupfa no kuba Urukiko rwarirengagije ibiteganywa n'amategeko agenga umutungo w'abashakanye.

[6] Iburanisha ry'urubanza ryashyizwe ku wa 04/11/2014, ariko rugenda rwimurwa hategerejwe umwanzuro ku rubanza Umuhoza Aïsha yaburanaga na Candari Verena, bigeze ku itariki ya 03/03/2015, ruburanishirizwa mu ruhame Candari Verena yitabye, yunganiwe na Me Mbonyimpaye Elias, Havugimana Emmanuel na Mukamana Mamique nabo bahari bunganiwe na Me Nzabonimana John Peter, naho Umuhoza Aïsha yunganiwe na Me Umutesi Jeanne d'Arc.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

#### Kumenya niba imitungo Candari Verena avuga yabonye nyuma y'urupfu rwa Havugimana Célestin ikwiye kuvamwa mu mitungo igomba kuzungurwa.

Me Mbonyimpaye Elias na Canadari Verena yunganira [7] bavuga ko uru rubanza rushingiye ku izungura ry'imitungo y'uwitwa Havugimana Céléstin wari warashakanye na Candari Verena mu buryo bwemewe n'amategeko, ko umutungo yashakanye na Havugimana Céléstin uhari, ari inzu imwe yubatse ku Gisozi haruguru y'urwibutso, ko indi mitungo igizwe n'inzu iherereye mu Kiyovu cya Kagugu n'indi iherereye ku Gisozi hejuru y'Agakinjiro ndetse n'imodoka abana ba Havugimana bavuga ko yayishakanye na Se atari byo kuko yayiguze umugabo we amaze gupfa, ko rero idakwiye gushyirwa mu mitungo izungurwa kubera ko mu gihe Havugimana yari maze gupfa, amasezerano y'ubushingiranywe na Candari Verena yahise arangira nk'uko biteganywa n'ingingo ya 236 y'Igitabo cya Mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano, bivuga ko n'uburyo bw'imicungire y'umutungo bw'ivangamutungo risesuye bari barahisemo nabwo bwahise burangira nk'uko biteganywa n'ingingo ya 24 y'Itegeko rigenga imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura.

[8] Akomeza avuga ko mu myanzuro yabo bagiye bagaragaza uburyo Candari yabonye imitungo ye, batanga n'ibimenyetso byerekana ko ubu yayigurishije ikaba itakiri mu maboko ye : ko imodoka bavuga yayihugujwe na Dusabemengu Aloys (nawe wigeze kuba umugabo we) mu rubanza Nº RC0277/12/HC/KIG ikaba itagihari. Avuga ko nyuma Candari yaje kugirana ubwumvikane n'abana ba Havugimana maze mu nyandiko yakorewe imbere ya Notaire kuwa 02/09/2014 Candari vemera guhabwa 40% by'umutungo wa nyakwigendera, naho abana bemera gutwara 60%, ko kandi bumvikanye ko abana Candari yari afite mbere y'uko ashakana na Havugimana nabo bagomba kugira icyo babona, ko rero asaba Urukiko guha agaciro ayo masezerano yo kwikiranura rushingiye ku ngingo ya 155 Mbere cy'urwunge rw'amategeko y'Igitabo cya mbonezamubano Candari asobanura ko impamvu Umuhoza Aïsha atagaragaye mu bagize inama y'umuryango kubera ko Candari yari ataramenya ko ari umwana wa Havugimana Céléstin.

[9] Mu myanzuro ye y'ubujurire, Candari Verena avuga ko inzu y'i Kagugu ntaho ihuriye n'imitungo yashakanye na Havugimana Célestin kubera ko iyo nzu umuzungu witwa Jeff wari inshuti ye wabanje kuyimutiza, amugiriye impuhwe kubera umwana w'uruhinja yari afite, agezaho arayimwegurira amubwira ngo nayijyanire azayireremo uwo mwana yabyaye ku ruhande utari uwa Havugimana.

[10] Asobanura ko mu mitungo abana ba Havugimana bashaka kuzungura, harimo n'iyo Candari Verena yashatse Havugimana yarapfuye, ko hari inzu yubatse mu kibanza yaguriye abana yabyaranye na Bukuru Ananie atarabana na Havugimana nubwo nyuma baje kucyongera ku cyo Havugimana yari asanganywe, akaba yarabyemeye kubera ko yizeraga ko nta vangura rizaba hagati y'abana be n'abo yasanganye umugabo we, ko rero uwo mutungo ari uwe kandi ko umwanditseho.

[11] Me Ndacyayisenga mu myanzuro yakoreye Candari Verena, avuga ko Umucamanza wo mu Rukiko Rukuru yirengagije imitungo Candari Verena yazanye ajya gushakana na Havugimana, kandi ko ntacyo yavuze ku bana yatahanyeyo aribo Dufatanye Trésor na Uwimana David ahubwo imitungo yabo yemeza ko ifasha abana ba Havugimana kandi abe ntacyo basigaranye haba kwa Havugimana cyangwa kwa Se Bukuru Ananie, ko rero umucamanza yirengagije ibiteganywa n'Itegeko rigenga umutungo w'abashakanye impano n'izungura, izungura rikaba ryarabaye ari uko Havugimana Célestin amaze kwitaba imana bivuze ko imitungo Candari yashatse nyuma y'urupfu rwe itagomba kugabanywa hagati y'abazungura be.

[12] Asobanura ko impamvu Candari atihutiye guha abazungura ba Havugimana Céléstin imitungo yabo byatewe ni uko bari bakiri bato ko kandi icyo gihe yayishakagamo inyungu agura, yongera arayigurisha, avuga ko yafashe ahantu yakuye kwa Bukuru ahafatanya n'ahabo, arangije ahubaka amazu menshi mu mwaka wa 2000, akoresheje amafaranga yishakiye, ko rero abana batavuga ko ntacyo yabamariye kandi yarabishyuriye amashuri uretse ko nyuma baje kumwivumburaho bapfuye amafaranga ya "expropriation" y'inzu yo ku Kimicanga.

[13] Me Nzabonimana John Peter, uburanira Mukamana Mamique na Havugimana Emmanuel yunganira, bavuga ko impamvu z'ubujurire za Candari nta shingiro zifite, kuko nta kigaragaza ko hari imitungo Candari yazanye kwa Havugimana Céléstin ayivanye kwa Bukuru Ananie, ko kandi biramutse byarabayeho nabwo nta cyabuza ko izungurwa n'abazungura bose ba nyakwigendera kuko bari barasezeranye ivangamutungo rusange, cyane ko amategeko ateganya ko uwapfakaye asigarana inshingano zo gucunga umutungo wose ndetse no kurera abana

72 \_\_\_\_\_

yasigiwe na nyakwigendera ariko ko Candari Verena we atubahirije izo nshingano zo kurera abana kuko Se akimara gupfa, bahise bakwira imishwaro bakaba batarigeze baniga Kaminuza kandi Se yari afite amafaranga. Abana ba Havugimana nabo bemera ko izungura ryafumguwe Se akimara gupfa koko, ko ariko nk'abazungura, basabye Candari Verena kugabana imitungo Havugimana yasize akabyanga, bituma bitabaza Inkiko. Kuba rero atarabikoze kandi ariwe ucunga ibintu, ibyo ntibimuha uburenganzira bwo kwikubira umutungo wa Nyakwigendera kugira ngo awugumane, keretse agaragaje ko nyuma y'urupfu rwa Havugimana izungura ryabayeho.

[14] Bavuga ko Candari Verena atakwitwaza ko inzu y'i Kagugu itajya mu mutungo uzungurwa kubera ko ngo yayigurishije nyamara yarabikoze tariki 28/02/2014, iyo nzu ikiburanwa ndetse n'Urukiko rwarayishyize mu mitungo igomba kuzungurwa, ibi akaba ariko bimeze no ku nzu iri ku Gisozi hejuru y'Agakinjiro, kuba rero yaratinyutse kugurisha imitungo ikiburanwa, rikaba ari ikosa agomba guhanirwa, bakaba basaba Urukiko gutegeka ko iri gurisha nta gaciro rikwiye guhabwa ahubwo inzu ikagarurwa mu mutungo wa Havugimana uzungurwa kuko Candari Verena yayigurishije agamije kunyereza imitungo izungurwa.

[15] Me Nzabonimana akomeza avuga ko ibyo Candari Verena avuga ko amazu yita aye yayubakishije amafaranga yishakiye bitashoboka bitewe nuko nta wundi mwuga akora ku buryo yakwaka umwenda muri Banki kugira ngo abashe kugura inzu ko ahubwo iyi mitungo yayishakanye na Havugimana Céléstin akajya kwaka ibyangombwa nyuma y'uko apfuye. Naho ku bijyanye n'inzu y'i Kagugu yagurishijwe kandi ikiburanwa, asanga nta kitagaragaza ko yakorewe "Mutation", ko Urukiko rwanareba ibaruwa yo ku wa 20/08/2012 Candari yandikiye ubuyobozi bw'Umurenge wa Gisozi abumenyesha imitungo yasizwe na Havugimana Céléstin

[16] Ku kibazo cy'amasezerano yabereye kwa Notaire, Me Nzabonimana avuga ko nta gaciro ayaha kuko Candari Verena yihereranye abana abumvisha ko ikibanza cyabo Leta igiye kukibatwara, nuko bemera gusinya, ko ariko iyo urebye uburyo byakozwemo ataribwo, kuko inama y'umuryango itari yuzuye kuko Aïsha atari ayirimo kandi yari asanzwe agoboka mu rubanza. Avuga ko indi nenge abona muri iyo nyandiko, ari uko ivugamo abana Candari yabyaranye na Bukuru Ananie kandi batabarwa mu bazungura ba Havugimana Célestin. Avuga nanone ko iyi nyandiko yakozwe abana bazi ko bibaye ku mpamvu za "expropriation" kuko Candari yababwiraga ko ngo nibadasinya Leta izahatwarira ubusa. Basabye Urukiko kuzaha agaciro inyandiko Candari Verena yandikiye Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gisozi kuwa 20/08/2012 awumenyesha imutungo ya Havugimana.

[17] Ku bijyanye n'imodoka Candari Verena avuga ko yatsindiwe mu rubanza yaburanye na Dusabemungu Aloys, avuga ko ari ikinamico ryakinywe kubera ko uyu Aloys wayitsindiye ari umugabo we banabyaranye umwana, ko ariko abana bemera ko yakurwa mu mutungo uzungurwa hagasigara amazu gusa.

[18] Me Umutesi Jeanne d'Arc na Umuhoza Aïsha yunganira bavuga ko kuba Havugimana Céléstin yarapfuye ariko ntihabe izungura (liquidation) kuko Candari atigeze yemerera abana b'umugabo we guhita bamuzungura akimara gupfa, ahubwo agakomeza gukoresha uwo mutungo, ibintu byose bigomba kugabanywa. [19] Bavuga ko ibyo Candari Verena aburanisha ko hari imitungo yavanye ku mugabo we akayivanga n'iya Havugimana nabyo nta shingiro bifite kuko yagombaga kuyitandukanya, kuba atarabikoze ibyo ntibyahabwa agaciro n'Urukiko rw'Ikirenga.

Naho kuba nta zungura ryabaye, Me Umutesi avuga ko [20] atarigeze agaragariza abana kuba Candari Verena ba Havugimana imitungo ye bagomba kuzungura ahubwo agakomeza kuyikoresha ayikuramo iyindi, yose igomba kugabanywa, ko ibyo yireguza y'uko hari imitungo yishakiye Havugimana amaze gupfa bikaba nta gaciro byahabwa kuva yarasezeranye ivangamutungo risesuye kandi nta zungura ryigeze rikorwa ko kuba Havugimana yarapfuye abana be bakiri bato, Candari Verena niwe wagombaga kubamenyera imitungo maze bakura akabagenera 50% by'umutungo wabo nawe agasigarana 50%.

[21] Me Umutesi akomeza avuga ko mu Rukiko Rukuru, umucamanza yasobanuye icyo ivangamutungo aricyo, avuga ko abashakanye bahisemo ubwo buryo baba basangiye imitungo, yaba iyo bashatse batarabana n'iyo baronse babana. Avuga ko mu gihe cyo gusezerana na Havugimana, Candari Verena atigeze avuga ko afite abandi bana cyangwa ngo avuge ko hari imitungo y'abo bana ashyize iruhande, ko abo bana abavugiye hano mu Rukiko.

[22] Ku nyandiko yakorewe imbere ya Notaire, Candari Verena aburanisha, Me Umutesi avuga ko nta gaciro yagombye guhabwa kubera ko yakozwe urubanza rukiri mu rukiko, ndetse ikaba yarakozwe yirengagije Aïsha kandi nawe ari umwana wa Havugimana Célestin, ko kandi n'ubwo Urukiko rwakongeramo Aïsha, nabwo nta gaciro yagira kuko hongewemo abandi bana batazwi batigeze banavugwa mu manza zose zabaye, bityo

hakaba hakwiye gushingirwa ku ngingo ya 70 y'Itegeko ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashakanye, impano n'izungura.

[23] Ku bijyanye n'umutungo wagurishijwe, avuga ko ari amakosa yakozwe na Candari Verena, akaba akwiye kumuhereraho kuko igihe cyose nta gabana ryabayeho, Candari yagombaga gucunga umutungo wose akazawumurikira abana. Umuhoza Aïsha avuga we ko n'imodoka igomba kugaruka kuko yayitsindiwe ku makosa ye kubera ko umugabo we yamaze gupfa akazana undi mugabo, kandi ko hari amafaranga yagabanywe ya "expropriation" y'inzu yo ku Kimicanga akaba yarihereranye abandi bana we adahari.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[24] Ingingo ya 3 y'itegeko N° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeye imicungire y'umutungo w'abashingiranywe, impano n'izungura iteganya ko "Ivangamutungo rusange ni amasezerano abashyingiranywe bagirana bumvikana gushyira hamwe umutungo wabo, wose, ibyimukanwa n'ibitimukanwa kimwe n'imyenda yabo yose".

[25] Ingingo ya 49 y'itegeko nº 22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ivuga ko kuzungura ari uguhabwa ububasha n'inshingano ku mutungo n'imyenda bya nyakwigendera, igika cya kabiri kikavuga ko izungura ritangira iyo umuntu amaze gupfa, rikabera ahantu yari atuye cyangwa aho yabaga.

[26] Ingingo ya 50 yo iteganya ko abana amategeko mbomezamubano yemera ko ari aba nyakwigendera bazungura

76 \_\_\_\_

ku buryo bungana nta vangura hagati y'umwana w'umuhungu n'umukobwa.

[27] Ingingo ya 51 ivuga ko igihe cy'igabana ry'umutungo uzungurwa n'abana, inama y'umuryango igena umutungo wo kurera abana bakiri bato n'ugomba guhita ugabanwa abana bose ba nyakwigendera.

[28] Naho ingingo ya 70, agace kayo ka 1° igateganya ko iyo umwe mu bashyingiranywe bafitanye amasezerano y'ivangamutungo rusange apfuye, usigaye asigarana umutungo wose agakomeza inshingano yo kurera abana no gufasha ababyeyi ba nyakwigendera iyo babikeneye, mu gace ka 7, igateganya ko "iyo nta mwana wa nyakwigendera uwapfakaye akirera, akongera gushaka, atwara 1/2 cy'umutungo wose, ikindi 1/2 gihabwa abazungura ba nyakwigendera".

[29] Isesengura ry'izi ngingo zimaze kuvugwa mu bika bibanziriza iki ryumvikanisha ko iyo umwe mu basezeranye ivangamutungo risesuye apfuye usigaye, asigara acunga umutungo wose (acte d'administration) agakomeza inshingano ku bana no ku babyeyi ba nyakwigendera mu gihe ari ngombwa, bikaba byumvikana ko usigaye atazungura umutungo wa mugenzi we, ko ahubwo nyakwigendera azungurwa n'abana be ndetse n'abandi bavandimwe be nk'uko bigaragara mu rutonde ruteganyijwe mu ngingo ya 66 y'Itegeko Nº 22/99 ryo ku wa birebana n'umutungo 12/11/1999. Ku wasizwe na nyakwigendera umupfakazi afitemo 50%.

[30] Mu nyandiko zigize urubanza harimo icyemezo cy'ubushyingiranywe hagati ya Havugimana na Candari Verena cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Kacyiru, icyo cyemezo kikaba kigaragaza ko basezeranye mu buryo bwemewe

n'amategeko, bakaba bari barahisemo uburyo bw'ivangamutungo risesuye mu micungire y'umutungo wabo.

Dosiye y'urubanza igaragaza ko Candari Verena na [31] Havugimana Céléstin babyaranye umwana umwe witwa Iradukunda Jean Luc, naho Havugimana Emmanuel na Mukamana Mamique, Havugimana Céléstin akaba yarabyaranye na Mwamini wapfuye mbere ye, hakiyongeraho Umuhoza Aïsha wemejwe n'Urukiko ko vabyawe na Havugimana Céléstin ku wundi mugore. Aba bana bose ababuranyi muri uru rubanza babemeranywaho ko ari aba Havugimana ndetse n'Urukiko Rukuru rukaba aruko rwabibonye mu rubanza Nº RCA0557/13/HC/KIG, ko n'imbere y'uru Rukiko nta muburanyi n'umwe wigeze ajurira avuga ko mu bana Urukiko Rukuru rwemeje ko bagomba kugabana umutungo wasizwe na Havugimana hari uwongewemo atabikwiye.

[32] Urukiko rurasanga ku bijyanye n'imitungo igomba kuzungurwa, hari Inzu iri ku Gisozi haruguru y'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, inzu iherereye mu Kiyovu cya Kagugu n'indi iherereye ku Gisozi hejuru y'Agakinjiro. Imodoka ivugwa mu rubanza yo bigaragara ko Candari Verena yaje kuyitsindirwa mu rubanza N° RCA0577/12/HC/KIG yaburanaga na Dusabemungu Aloys, rwemeje ko iriya modoka atari iye ahubwo ko ari iya Dusabemungu Aloys<sup>1</sup> ikaba igomba kuvanywa mu mitungo izungurwa ndetse n'abazungura ba Havugimana Célestin bakaba babyeranywaho<sup>2</sup> uretse Umuhoza Aïsha ariko nawe akaba atagaragaza ikindi cyakorwa.

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> Muri uru rubanza hemejwe ko Dusabemungu Aloys asubizwa imodoka ye Toyota Harrier ifite Plaque ya Congo n<sup>o</sup> 9880AA/19 ifitwe na Candari.

 $<sup>^2</sup>$ Reba inyandiko y'iburanisha ry'uru rubanza yo ku wa 03/03/2015 ku rupapuro rwa 5

[33] Ku birebana n'imitungo Candari Verena yagurishije kandi yari azi neza ko ayisangiye n'abana ba Havugimana, Urukiko rusanga ubwo bugure bwakozwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko nta gaciro bufite hashingiwe ku ngingo ya 263 y'Igitabo cya gatatu cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kuko yagurishije ibitari ibye, ibyo kandi akabikora yirengagije ko iyo mitungo yari ikiburanywa ndetse n'Inkiko zabanje zaramaze kuyifataho ibyemezo.

[34] Urukiko rurasanga nk'uko Urukiko Rukuru rwabyemeje, rwemeranya n'ibisobanuro byatanzwe n'urwo rukiko, ko rero rushingiye ku ngingo zimaze kuvugwa mu gika kibanziriza iki, imitungo igizwe n'igipangu cy'amazu ari ku Gisozi haruguru y'Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali iri mu kibanza n° 2710, inzu iri ku Gisozi haruguru y'Agakinjiro iri mu kibanza, inzu iri mu Kiyovu cya Kagugu, igomba kugabanywa n'abazungura ba Havugimana Célestin, ½ kigahabwa Candari Verena nk'umugore basezeranye mu buryo bwemewe n'amategeko, icya ½ gisigaye kigabanywa hagati ya Havugimana Emmanuel, Mukamana Mamique, Umuhoza Aïsha na Iradukunda Jean Luc hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 70, agace ka 7°, y'Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru.

[35] Urukiko rurasanga kandi ibyo Candari Verena aburanisha by'uko hari imitungo yashatse Havugimana Célestin yarapfuye nta shingiro byahabwa, kuko kuba izungura ryarafunguwe Havugimana Célestin akimara gupfa nk'uko biteganywa n'ingingo ya 49 y'Itegeko n° 22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryavuzwe haruguru, ariko ntihabe "liquidation" y'umutungo wasizwe na nyakwigendera, kandi Candari Verena yaragombaga gucunga umutungo wose awucungira abazungura ba Havugimana Célestin nk'uko biteganywa n'ingingo ya 70, agace

ka mbere<sup>3</sup>, y'Itegeko N<sup>o</sup> 22/99 ryo ku wa 12/11/1999, byumvikana ko ibyo yaguze nyuma niyo byaba bihari uretse ko nta bimenyetso abitangira, bigomba gufatwa ko byakomotse mu nyungu zabyawe n'umutungo yari asangiye na Havugimana Célestin. Kuba asaba ko yabigumana ngo kuko ari umutungo we bwite bikaba byaba ukwikungahaza mu buryo budakurikije amategeko ( enrichissement sans cause).

Urukiko rurasanga na none imiburanire ya Candari [36] Verena y'uko abana be Dufatanye Trésor na Uwimana David yabyaranye na Bukuru Ananie bagomba kugabana imitungo yashakanye na Havugimana Célestin nta gaciro byahabwa kubera ko ntaho aba bana bahuriye na Havugimana Célestin bitewe nuko batababyaranye cyangwa ngo habe hari icyemezo byerekana ko yabagize abe ku bw'amategeko (adoption). Byongeye kandi mu masezerano y'icungamutungo Candari Verena yagiranye na Havugimana Célestin basezerana imbere y'amategeko, nta "réserve" (umwihariko) bigeze bashyira ku bijyanye n'umutungo w'abana avuga ko yavanye ku mugabo we Bukuru Ananie, bityo ngo Urukiko rube rwabiheraho rwemeza ko uwo mutungo ariwo ugomba guherera kuri abo bana, ko rero hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 3 y'Iitegeko nº15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso n'itangwa ryabyo mu manza<sup>4</sup>, Candari atahabwa ibyo asaba kuko nta bimenyetso abitangira.

[37] N'ubwo inyandiko yo ku wa 02/09/2014 yakorewe imbere ya Notaire, abayishyizeho umukono bakemeranywa uburyo bagabana umutungo wa Havugimana Célestin, Urukiko

80

<sup>&</sup>lt;sup>3</sup> iyo umwe apfuye, usigaye asigarana umutungo wose akubahiriza inshingano yo kurera abana no gufasha ababyeyi ba nyakwigendera iyo babikeneye.

<sup>&</sup>lt;sup>4</sup> Buri muburanyi agomba kugaragaza ukuri kw'ibyo aburana.

rusanga nta gaciro yahabwa kubera ko yakozwe hirengagijwe ibiteganywa n'ingingo ya 50 y'Itegeko y'itegeko n° 22/99 ryo kuwa 12/11/1999, kuko nkuko byasobanuwe mu gika kibanza, abana Dufatanye Trésor na Uwimana David, Candari Verena yabyaranye na Bukuru Ananie, bashyizwe mu mubare w'abagomba kuzungura Havugimana Céléstin kandi nta kigaragaza ko ari abe mu buryo buteganywa n'amategeko mbonezamubano. Ikindi ni uko muri iriya nyandiko, Umuhoza Aïsha wagobotse muri uru rubanza yibagiranye nk'umwe mu bana bemewe n'amategeko ba Havugimana Célestin, bityo n'abayikoze bakaba badashobora kuyitwaza nk'uko biteganywa n'ingingo ya 590<sup>5</sup> y'Igitabo cya gatatu cy'amategeko Mbonezamubano kuko yakozwe ku wa 02/09/2014 kandi Umuhoza Aïsha yaremejwe nk'umwana wa Havugimana Célestin ku wa 28/12/2012.

Urukiko rurasanga ku bijyanye n'amafaranga ya [38] "expropriation" y'umutungo wari ku Kimicanga, Umuhoza Aïsha avuga ko atahaweho uruhare rwe nta shingiro bifite, kubera ko mu Rukiko Rukuru hatanzwe inyandiko yakozwe ku wa 20/12/2013, ikorwa n'ababuranyi bose na Umuhoza Aïsha ahari, bemeranya amafaranga ababuranyi vavuve ko muri "expropriation" agabanwa hagati ya Candari Verena, Mukamana Mamique na Havugimana Emmanuel, icyo kibazo kikaba cyararangijwe n'ayo masezerano yo kwikiranura impande zose zagiranye, bityo akaba adashobora kugarukwaho muri uru rubanza nk'uko biteganywa n'ingingo ya 591 y'Igitabo cy'amategeko cyavuzwe haruguru.

<sup>&</sup>lt;sup>5</sup>Amasezerano yo kwikiranura akozwe n'umwe mu basangiye inyungu ntagomba kubahirizwa namba n'abandi basangiye nawe inyungu, kandi nabo ntabwo bashobora kuyitwaza.

#### Ku bijyanye n'ubujurire bwuririye ku bundi

[39] Me Nzabonimana John Peter mu bujurire bwuririye ku bundi, asabira Mukamana Mamique na Havugimana Emannuel, indishyi z'akababaro zingana na 5.000.000Frw kubera ko ari imfubyi ariko bakaba baravukijwe uburenganzira ku mutungo wabo kandi yarabasigiwe na nyakwigendera maze aho kubarera akabashora mu manza z'amaherere. Basaba kandi 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka na 500.000 Frw y'ikurikiranarubanza.

[40] Me Umutesi Jeanne d'Arc nawe ashingiye ku ngingo ya 167 y'Itegeko n° 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryavuzwe haruguru, avuga ko Umuhoza Aïsha atanze ubujurire bwuririye ku bundi asaba Urukiko rw'Ikirenga gutegeka Candari Verena gutanga indishyi z'akababro n'iz'impozamarira zingana na 5.000.000 Frw kubera kumuvutsa uburenganzira ku mitungo ya Se no kumushora mu manza ku maherere, akamuha na 1.000.000Frw y'igihembo cya Avoka na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza.

[41] Me Mbonyimpaye Elias mu mwanzuro we avuga ko Urukiko rukwiye kwemeza ko ubujurire bwa Candari Verena bufite ishingiro maze abarezwe akaba aribo bamuha indishyi z'akababaro zingana na 1.000.000Frw na 500.000Frw y'ikurikiranarubanza harimo n'igihembo cya Avoka.

# UKO URUKIKO RUBIBONA

[42] Urukiko rurasanga indishyi z'akababaro abaregwa muri uru rubanza basaba bazihabwa kubera ko Candari Verena yabaruhije bakaba bamaze igihe kirekire bafite ibibazo n'imibereho idakwiye kandi hari imitungo yasizwe n'umubyeyi wabo Havugimana Céléstin yashoboraga kubafasha gukemura ibibazo bimwe na bimwe. Mu bushibshozi bwarwo, Urukiko rugeneye Mukamana Mamique Havugimana Emannuel na 1.000.000Frw y'indishyi Umuhoza Aïsha, buri wese y'igihembo z'akababaro. 500.000Frw cva Avoka n'ikurikiranarubanza kuri Mukamana Mamique na Havugimana 500.000Frw y'igihembo Emannuel na cva Avoka n'ikurikiranarubanza kuri Umuhoza Aïsha.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[43] Rwemeje ko ubujurire bwatanzwe na Candari Verena bufite ishingiro gusa ku birebana n'imodoka ikuwe mu mutungo ugomba kuzungurwa;

[44] Rwemeye kwakira ubujurire bwuririye ku bundi bwatanzwe na Mukamana Mamique, Havugimana Emmanuel na Umuhoza Aïsha kandi rwemeje ko bufite ishingiro;

[45] Rwemeje ko imikirize y'urubanza n° RCA 0557/13/HC/KIG rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 25/04/2014 ruhindutse gusa ku bijyanye n'imodoka ifite "plaque" n° 9880AA/19 igomba gukurwa mu mitungo igabanywa hagati y'abazungura ba Havugimana Célestin.

[46] Rwemeje ko abagomba kuzungura umutungo Havugimana Céléstin yashakanye na Candari Verena ari: Mukamana Mamique, Havugimana Emmanuel, Umuhoza Aïsha na Iradukunda Jean Luc;

[47] Rutegetse Candari Verena guha Mukamana Mamique, Havugimana Emmanuel na Umuhoza Aïsha buri wese 1.000.000Frw y'indishyi z'akababaro, agaha Mukamana Mamique na Havugimana Emmanuel 500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, Umuhoza Aïsha nawe akamuha 500.000Frw y'ikurikiranarubanza n'igihembo cya Avoka, yose hamwe akaba 4.000.000Frw.

[48] Rutegetse Candari Verena kwishyura amagarama y'urubanza angana na 100.000Frw.

## NIYIGENA v. NYIRISHEMA

#### [Rwanda URUKIKO RW'IKIRENGA – RS/INJUST/RC 00010/2017/SC (Hatangimbabazi, P.J., Ngagi na Kanyange, J.) 12 Mutarama 2018]

Amategeko agenga ubutaka – Umutungo utimukanwa – Inkomoko y'umutungo utimukanwa – Amasezerano y'ubugure – Amasezerano y'ubugure ubwayo gusa ntahagije gushingirwaho hemezwa ko umuntu ari nyiri umutungo utimukanwa ahubwo hagomba n'ukugaragazwa ko uwo awukomoraho nawe yari nyirawo ntibihagije kuvuga ko umuntu ari nyir'umutungo utimukanwa hashingiwe ku masezerano y'ubugure, hagomba no kugaragazwa ibimenyetso by'uko uwo awukomoraho nawe yari nyirawo.

**Incamake y'ikibazo:** Niyigena yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge arega Nyirishema Hodari kuba yarabohoje inzu ya se Ahishakiye Musafiri, uyu nawe akavuga ko yayiguze na Maso Tharcisse. Urwo rukiko, rwaciye urubanza, rwemeza ko inzu ari iya Niyigena kuko ayikomora kuri Se Ahishakiye Musafiri, bityo Nyirishema akaba agomba kuyivamo, rumutegeka nukumuha indishyi zitandukanye,

Nyirishema ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza, arujuririra mu Rukiko Rukuru, urwo Rukiko rusanga nta bimenyetso Niyigena yagaragaje by'uko inzu iburanwa ari iya Se cyangwa ko Nyirishema yayibohoje, rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse kuri byose, runategeka ko Niyigena amuha indishyi z'igihembo cy'Avoka Niyigena Marlène ntiyishimiye imikirize y'urubanza, yandikira Urwego rw'Umuvunyi asaba ko rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, nyuma yo gusuzuma urwo rubanza, Urwego rw'Umuvunyi rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga rusaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane. Ashingiye kuri raporo y'Ubugenzuzi Bukuru bw'Inkiko, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, yemeje ko urwo rubanza rwongera kuburanishwa.

Mwiburanisha mu Rukiko rw'Ikirenga, Niyigena aburana avuga ko inzu ari iya Ahishakiye Musafiri ibohozwa na Maso Tharcisse akayisigira Nyirishema Hodari n'inyandiko zatanzwe n'ubuyobozi zigaragaza ko Nyirishema Hodari yasigiwe iyo nzu na Maso Tharcisse wari warayibohoje, asaba ko yahabwa indishyi zitandukanye.

Nyirishema avuga ko nta karengane Niyigena Marlène yakorewe kubera ko nta nkomoko yumvikana y'inzu iburanwa yagaragaje, asaba ko yagenerwa indishyi zo gushorwa mu manza ku maherere.

Mu rwego rwo kumenya ukuri ku nzu iburanwa, Urukiko rw'Ikirenga rwabajije abatangabuhamya banyuranye, harimo abasinye ku masezerano y'ubugure hagati ya Nyirishema Hodari na Maso Tharcisse, n'abandi bafite icyo bazi ku nzu iburanwa: Uwimana Philippe, yavuze ko ari we wubatse inzu iburanwa mu mwaka wa 1981, mu kibanza yahawe na Nkundabagenzi Abdallah wamufataga nk'umwana we, ko yabaye muri iyo nzu kugeza mu mwaka wa 1988 ubwo yayigurishaga Ahishakiye Musafiri. Murari François nawe yavuze ko inzu iburanwa yubatswe na Uwimana Philippe mu kibanza yahawe na Nkundabagenzi Abdallah, nyuma ayigurisha Ahishakiye Musafiri, ko Maso Tharcisse yayibohoje, nyuma asubira ku ivuko kubera uburwayi ayisigira Nyirishema Hodari wari inshuti ye akaba n'uw'iwabo. Mukanyindo Clotilde avuga ko yashakanye na Ngaboyayezu Tharcisse (bitaga Maso) mu mwaka wa 1995, babana mu nzu iburanwa ariko akamubwira ko atari iye, ko igihe cyose nyirayo ashobora kuza akayimwaka. Yasobanuye ko hageze igihe umugabo we ashaka gusubira iwabo, iyo nzu ayisigira Nyirishema Hodari wari inshuti ye kandi bakomoka mu Karere kamwe, ko kandi atahamya ko yasinyiye kuyigurisha kuko itari iyabo.

Naho witwa Dusengimana Perijine, avuga ko Nyirishema Hodari yamubwiye ko yabonye inzu yo kugura amusaba kumuherekeza, amubera umugabo, ko kandi bari bazi ko ari iya Maso Tharcisse kuko ari we wayibagamo. Uwamariya Immaculée, yasobanuye ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Ngaboyayezu Tharcisse (Maso) yabaye iwe, ko umusaza witwa Rubagumya Georges yamurangiye inzu iburanwa, amubwira ko idafite inkurikizi za vuba, Ngaboyayezu Tharcisse arayitunganya anayishakiramo umugore, ariko nyuma aza kurwara yiyemeza gusubira iwabo ayisigira Nyirishema Hodari.

Kuri ubwo buhamya bwatanzwe, Niyigena Marlène avuga ko ubwa Uwimana Philippe, Murari François, Uwimana Immaculée na Mukanyindo Clotilde bushimangira ko inzu iburanwa yari yarabohojwe na Maso Tharcisse akaza kuyisigira Nyirishema Hodari. Asaba Urukiko ko rwakwemeza ko inzu ari iye bitewe n'uko ari we ugaragaza inkomoko yayo.

Naho Nyirishema avuga ko Mukanyindo wari umugore wa Maso Tharcisse, wanasinye ku masezerano y'ubugure, uyu munsi uvuga ko bari barabohoje icyo agamije nu gutesha agaciro ayo masezerano, kugira ngo ayisubirane abinyujije ku bandi avuga ko aribo ba nyirayo. Asoza avuga ko ibyo kuvuga ko Maso Tharcisse yavuze ko inzu itari iye, ari ibyo bamuvugira kuko atakiriho, akaba atari kujya asana inzu azi neza ko atari iye, ko rero Urukiko rutashingira ku magambo gusa mu gihe hari inyandiko y'amasezerano y'ubugure.

Incamake y'icyemezo: Amasezerano y'ubugure ubwayo gusa ntahagije gushingirwaho hemezwa ko umuntu ari nyiri umutungo utimukanwa ahubwo hagomba n'ukugaragazwa ko uwo awukomoraho nawe yari nyirawo. Bityo, kuba Nyirishema Hodari inkomoko y'inzu ayishingira ku bugure bwayo na Ngaboyayezu ariko ntagaragaze niba uwamugurishije yari iye, ubwo bugure nta gaciro bugomba guhabwa kuko uwagurishijeyaba yaragurishije ibitari ibye, inzu ikaba igomba kwegurirwa Niyigena kuko niwe ugaragaza ko ayikomora kuri se.

## Ikirego gisubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro.

#### Amategeko yashingiweho:

- Itegeko N° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo, ingingo ya 3, igika cya mbere, n'iya 65.
- Itegeko ryo ku wa 30 Nyakanga 1888 rishyiraho igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano: ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano (Ryakuweho n'itegeko n'Itegeko n° 020/2019 ryo kuwa 22/08/2019 rikuraho amategeko yose yashyizweho mbere y'itariki y'ubwigenge)

#### Nta manza zifashishijwe.

Inyandiko z'abahanga :

François Terré et Philippe Simler, Droit civil, Les Biens, Dalloz, 7<sup>ème</sup> éditional, p. 418.

### Urubanza

## I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Niyigena Marlène yatanze ikirego mu Rukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge arega Nyirishema Hodari ko yabohoje inzu ya Se Ahishakiye Musafiri, iri mu Mudugudu wa Ramiro, Akagari ka Karambo, Umurenge wa Gatenga mu Mujyi wa Kigali, Nyirishema Hodari we akavuga ko yayiguze ku wa 15/06/1997 na Maso Tharcisse.

[2] Urwo Rukiko rwaciye urubanza n<sup>o</sup> RC 0025/12/TGI/NYGE ku wa 29/06/2012, rwemeza ko inzu ari iya Niyigena Marlène kuko ayikomora kuri Se Ahishakiye Musafiri, Nyirishema Hodari akaba agomba kuyivamo, runamutegeka kumuha 1.000.000 Frw y'indishyi mbonezamusaruro, ikurikiranarubanza n'igihembo cy'Avoka.

[3] Nyirishema Hodari yajuririye mu Rukiko Rukuru, ruca urubanza n° RCA 0433/12/HC ku wa 24/01/2014, rusanga nta bimenyetso Niyigena Marlène yagaragaje by'uko inzu iburanwa ari iya Se Ahishakiye Musafiri, bikaba bitanavugwa ko Nyirishema Hodari yayibohoje, rwemeza ko urubanza rwajuririwe ruhindutse kuri byose, inzu igasubira mu maboko ya Nyirishema Hodari. Rwategetse kandi NiyigenaMarlène kumuha 2.000.000 Frw akubiyemo indishyi n'igihembo cy'Avoka.

[4] Niyigena Marlène yatanze ikirego ku Rwego rw'Umuvunyi asaba ko urubanza n<sup>o</sup> RCA 0433/12/HC/KIG rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane, Umuvunyi Mukuru yandikira Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asaba ko urwo rubanza rusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

[5] Urubanza rwaburanishijwe mu ruhame ku wa 14/11/2017, Niyigena Marlène ahagarariwe na Me Gahutu Joseph, naho Nyirishema Hodari ahagarariwe na Me Bimenyimana Emmanuel, rwongera kuburanishwa ku wa 13/12/2017 humvwa abatangabuhamya nk'uko byari byemejwe n'Urukiko mu iburanisha rya mbere, uwo munsi ababuranyi baburana bahagarariwe nka mbere.

## II. IBIBAZO BIRI MU RUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

## Kumenya niba inzu iburanwa ari iya Niyigena Marlène akomora kuri Se Ahishakiye Musafiri.

[6] Me Gahutu Joseph avuga ko mu kwemeza ko inzu iburanwa ari iya Niyigena Marlène, Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge rwabishingiye ku buhamya bwa Murari François wavuze ko yari iya Ahishakiye Musafiri kuva mbere ya 1994, ko yabohojwe na Maso Tharcisse waje kurwara akajya iwabo, akayisigira Nyirishema Hodari. Rwanashingiye ku nyandiko zatanzwe n'ubuyobozi zigaragaza ko Nyirishema Hodari yasigiwe iyo nzu na Maso Tharcisse wari warayibohoje.

[7] Avuga kandi ko ubwo buhamya bushimangirwa n'ubwa Uwimana Philippe uvuga ko ari we wiyubakiye inzu iburanwa, akayigurisha Ahishakiye Musafiri, ko no mu Rukiko Rukuru,

90

Mukanyindo Clotilde wari warashakanye na Maso Tharcisse, yasobanuye ko babaye muri iyo nzu bazi ko ari imbohozanyo. Akomeza avuga ko mu nyandiko zatanzwe n'Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, cyane cyane iyo ku wa 01/12/2009, Nyirishema Hodari yivugiye ko ku wa 30/12/2009 aribwo azatanga inzu iburanwa n'ibyangombwa byayo, bivuze ko nawe yemeraga ko atari iye.

[8] Na none kandi, ngo kuba uwo baburana avuga ko umutungo Niyigena Marlène yasabye kuzungura ari uwo mu Rugunga, ntibyabuza ko aburana inzu yo mu Gatenga kuko yemerewe kuzungura imitungo y'umubyeyi we aho yaba iri hose. Asanga rero Urukiko rugomba kwemeza ko inzu ari iye bitewe n'uko ari we ugaragaza inkomoko yayo kuko ari iya Se Ahishakiye Musafiri, nawe uyikomora kuri Uwimana Philippe, wayubatse mu kibanza yahawe na Nkundabagenzi Abdallah, ko rero amasezerano Nyirishema Hodari ashingiraho avuga ko yayiguze, nta gaciro agomba guhabwa kuko yayakoranye n'utari nyiri umutungo, akaba yateshwa agaciro hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 276 CCLIII.

[9] Uburanira Nyirishema Hodari avuga ko nta karengane Niyigena Marlène yakorewe kubera ko nta nkomoko yumvikana y'inzu iburanwa yagaragaje, ko ahubwo ibimenyetso batanze bigaragaza ko Ahishakiye Musafiri atigeze atunga inzu mu Kagari ka Karambo.

[10] Akomeza avuga ko n'ubwo batagamije kuvuga ko habayeho ubuzime bwo gukurikirana iyo nzu (prescription acquisitive), ariko bibaza impamvu nyina wa Niyigena Marlène, utarigeze uva mu gihugu, yatanze ikirego kirebana n'imitungo yo mu Rugunga, naho inzu iburanwa ikaregerwa nyuma y'imyaka 16, ko nubwo haba hari impamvu zatumye adakurikirana iyo nzu, ntacyari kubuza mushiki wa Ahishakiye Musafiri witwa Ahishakiye M.Rose, kuyikurikirana, cyane cyane ko yatanze ubuhamya mu rubanza n° RC 0224/08/TB/NYMBO avuga ko Niyigena Marlène yabyawe na musaza we, ko ahubwo ibyo bishimangira ko imitungo ya Ahishakiye Musafiri ari iyo mu Biryogo aho yabanaga na nyina wa Niyigena Marlène, kuko no mu rubanza yaburanye asabira umwana we kuzungura imitungo ya Se, yavuze ko iyo mitungo iri mu Rugunga, akaba ataravuze ko hari imitungo iri mu Gatenga.

[11] Akomeza avuga ko Mukanyindo Clotilde wari umugore wa Maso Tharcisse, wanasinye ku masezerano y'ubugure yo ku wa 15/06/1997, uyu munsi avuga ko bari barabohoje iyo nzu mu rwego rwo gushaka gutesha agaciro ayo masezerano, agamije kuyisubirana abinyujije ku bandi avuga ko aribo ba nyirayo.

[12] Avuga kandi ko nubwo uwo baburana avuga ko inzu iburanwa yubatswe na Uwimana Philippe akayigurisha Ahishakiye Musafiri, nta muntu wo mu Karambo wemeza ko ahamuzi, ndetse na Murari François washingiweho n'Urukiko Rwisumbuye rwa Nyarugenge nk'umuntu wahatuye mbere ya 1994, ubuhamya bwe buvuguruzwa n'ikimenyetso batanze (kuri cote ya 15) kigaragaza ko yaje kuhatura nyuma ya 1994 avuye mu Bugesera. Byongeye kandi, mu buhamya yatanze muri urwo Rukiko, yavuze ko Ahishakiye Musafiri ari we wubatse inzu iburanwa, mu gihe Uwimana Philippe avuga ko ari we wayigurishije Ahishakiye Musafiri, hakaba hakwibazwa uwayubatse hagati y'abo bombi.

[13] Ku birebana n'uko Nyirishema Hodari yemeye ko azatanga inzu n'ibyangombwa byayo ku wa 30/12/2009, umuburanira avuga ko uwo baburana avugisha inyandiko yo ku wa 01/12/2009 ibyo itavuga, ko ahubwo icyo yemeye ari uko

92 \_

azatanga ibyangombwa cyangwa inzu, ariko ibimenyetso, akaba yarerekanye ibyo byangombwa bigizwe n'amasezerano y'ubugure hamwe n'icyangombwa cy'umutungo bimuhesha uburenganzira ku nzu yaguze na Maso Tharcisse wari uyituyemo, akaba kandi afatwa nka nyirayo kuko ari we uwaguze yayisanzemo, ko kandi ibivugwa n'uwo baburana by'uko Maso Tharcisse yasigiye iyo nzu Nyirishema Hodari mu rwego rw''ubukode, bitahabwa agaciro kuko nta masezerano y''ubwo bukode yagaragajwe.

[14] Nk'uko byavuzwe haruguru, mu rwego rwo kumenya ukuri ku nzu iburanwa, habajijwe abatangabuhamya banyuranye, harimo abasinye ku masezerano y'ubugure hagati ya Nyirishema Hodari na Maso Tharcisse, n'abandi bafite icyo bazi ku nzu iburanwa.

[15] Mu buhamya bwatanzwe na Uwimana Philippe, yavuze ko ari we wubatse inzu iburanwa mu mwaka wa 1981, mu kibanza yahawe na Nkundabagenzi Abdallah wamufataga nk'umwana we, ko yabaye muri iyo nzu kugeza mu mwaka wa 1988 ubwo yayigurishaga Ahishakiye Musafiri.

[16] Murari François nawe yavuze ko inzu iburanwa yubatswe na Uwimana Philippe mu kibanza yahawe na Nkundabagenzi Abdallah, nyuma ayigurisha Ahishakiye Musafiri, ko Maso Tharcisse yayibohoje, nyuma asubira ku ivuko kubera uburwayi ayisigira Nyirishema Hodari wari inshuti ye akaba n"uw"iwabo. Yasobanuye kandi ko yageze mu Karambo mu mwaka wa 1981 akodesha inzu ya Nkundabagenzi Abdallah, ko abavuga ko atahabaye bari bataraza kuhatura.

[17] Mukanyindo Clotilde nawe yabwiye Urukiko ko yashakanye na Ngaboyayezu Tharcisse (bitaga Maso) mu mwaka

wa 1995, babana mu nzu iburanwa ariko akamubwira ko atari iye, ko igihe cyose nyirayo ashobora kuza akayimwaka. Yasobanuye ko hageze igihe umugabo we ashaka gusubira iwabo, abanza gushaka gusigira iyo nzu abavandimwe be b'abasirikari kugira ngo nyirayo naza bazayimusubize, ariko bamubwira ko batabishobora kubera akazi bakoraga, ari nabwo yayisigiye Nyirishema Hodari wari inshuti ye kandi bakomoka mu Karere kamwe, amusaba 150.000 Frw yo kumufasha gusubira iwabo, undi amuha 60.000 Frw. Yakomeje asobanura ko nyuma y'igihe gito, umugabo we yitabye Imana, aza gusaba Nyirishema Hodari kumuha ku mafaranga yasigaye, amuhamo 10.000 Frw, agarutse aramwirukana amubwira ko ntacyo agomba kumwishyuza ngo kuko nabo inzu bari barayibohoje, ko kandi atahamya ko vasinyiye kuyigurisha kuko itari iyabo, cyane cyane ko ku masezerano handitseho Korotirida gusa, akibaza impamvu hatanditseho Mukanyindo, ko n'umukono uriho abona atari uwe.

[18] Umutangabuhamya witwa Dusengimana Perijine, nawe yabwiye Urukiko ko yakoranaga na Nyirishema Hodari akazi ko gutwara abantu (taximan), amubwira ko yabonye inzu yo kugura amusaba kumuherekeza, amubera umugabo, ko kandi bari bazi ko ari iya Maso Tharcisse kuko ari we wayibagamo.

[19] Hanabajijwe Uwamariya Immaculée, asobanura ko mu Karambo ahaba kuva mu mwaka wa 1991, ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, Ngaboyayezu Tharcisse (Maso) yabaye iwe kuko ava inda imwe n'umugabo we. Yakomeje asobanura ko umusaza witwa Rubagumya Georges yamurangiye inzu iburanwa, yakorerwagamo icyo gihe n'abantu babazaga, amubwira ko idafite inkurikizi za vuba, Ngaboyayezu Tharcisse arayitunganya anayishakiramo umugore, ariko nyuma aza kurwara yiyemeza gusubira iwabo. Avuga ko yamubwiye ko yasabye abavandimwe be kuyibasigira bakamwangira, ko ariko azayisigira Nyirishema Hodari, amubajije icyo bumvikanye kubyo yakoze kuri iyo nzu, amubwira ko azamuha 120.000 Frw cyangwa 150.000 Frw (ko atabyibuka neza), ariko aza kumubwira ko yamuhaye 60.000 Frw yonyine.

[20] Yakomeje asobanura ko Ngaboyayezu Tharcisse yaje kwitaba Imana, umugore we aza kwaka Nyirishema Hodari ku mafaranga yasigaye, amubwira ko yamuhaye 10.000 Frw, nyuma agarutse kumwaka andi aramwirukana amubwira ko inzu itari iyabo.

[21] Undi wagize icyo avuga ariko ntafatwe nk'umutangabuhamya kuko ari umugore wa Nyirishema Hodari, ni Umutesi Chantal, wavuze ko umugabo we yaguze inzu na Maso Tharcisse hari ubuyobozi, ko kandi iyo nzu yari iye kuko ari we wayibagamo akanayisana.

[22] Mujyambere Schadrack nawe yavuze ko Nyirishema Hodari yaguze inzu na Maso Tharcisse abibera umugabo, ko kandi bari bazi ko iyo nzu ari iye kuko bayimubonagamo.

[23] Kuri ubwo buhamya bwatanzwe, uburanira Niyigena Marlène avuga ko ubwa Uwimana Philippe, Murari François, Uwimana Immaculée na Mukanyindo Clotilde bushimangira ko inzu iburanwa yari yarabohojwe na Maso Tharcisse akaza kuyisigira Nyirishema Hodari wari inshuti ye, bivuze ko yari azi neza ko yari yarayibohoje, bikanashimangirwa n'ubuhamwa bwatanzwe<sup>1</sup> n<sup>c</sup>uwitwa Mutambuka Evariste, wavuze ko

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> Mu nama y'abaturage yakoreshejwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gatenga ku wa 07/09/2015.

Nyirishema Hodari yashatse kubaka urugo, uwari Responsable (witwa Gitenge) amubuza kubaka ku butaka butari ubwe.

[24] Uburanira Nyirishema Hodari avuga ko ubuhamya bwa Mukanyindo Clotilde bugaragaza ko afitiye urwango uwo aburanira, ariyo mpamvu ashaka gutesha agaciro amasezerano y'ubugure, ko kandi ibyo kuvuga ko Maso Tharcisse yavuze ko inzu itari iye, ari ibyo bamuvugira kuko atakiriho, akaba atari kujya asana inzu azi neza ko atari iye, ko rero Urukiko rutashingira ku magambo gusa mu gihe hari inyandiko y'amasezerano y'ubugure.

## **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[25] Ingingo ya 3, igika cya mbere, y'Itegeko n° 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n"itangwa ryabyo, iteganya ko "buri muburanyi agomba kugaragaza ukuri kw'ibyo aburana". Ingingo ya 65 y'iryo Tegeko, iteganya ibikurikira: "Urukiko ni rwo rwonyine rupima ko imikirize y'abatangabuhamya ihuye n'ikiburanwa, ifite ingingo zikiranuye kandi ikaba ikwiye kwemerwa cyangwa guhakanwa. Ntirwitsitsa ku mubare w'abatangabuhamya. Rwita cyane cyane ku bumenyi bwabo bw'ibyabaye, no ku buryo babivuga uko byagenze nta cyo bihimbira".

[26] Nk'uko imiburanire y'impande ziburana ibigaragaza, ikimenyetso nyamukuru Nyirishema Hodari ashingiraho avuga ko inzu iburanwa ari iye, ni amasezerano y'ubugure yakoranye na Maso Tharcisse ku wa 15/06/1997, mu gihe NiyigenaMarlène avuga ko iyo nzu ari iya Se Ahishakiye Musafiri, Maso Tharcisse akaba yari yarayibohoje, nyuma yo gusubira iwabo akayisigira Nyirishema Hodari.

[27] Urukiko rurasanga ariko nubwo Nyirishema Hodari agaragaza ko yaguze inzu iburanwa na Maso Tharcisse (ari we Ngaboyayezu), ubwabyo bidahagije kwemeza ko ari nyiri umutungo, kuko hagombye kugaragazwa ibimenyetso by'inkomoko yawo nk'uko binemezwa n'abahanga mu mategeko François Terré et Philippe Simler, bavuga ko inyandiko zirimo n'ubugure, ubwazo zidahagije kugaragaza ko umuntu ari nyiri umutungo utimukanwa, ko agomba kugaragaza ko uwo awukomoraho nawe yari nyirawo<sup>2</sup>.

[28] birebana n'inkomoko Ku y'inzu iburanwa. abatangabuhamya Murari François, Mukanyindo Clotilde na Uwamariya Immaculée, bahuriza ku mvugo y'uko inzu iburanwa itari iya Ngaboyayezu Tharcisse (Maso), ko yari yarayibohoje nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994, kandi nta mpamvu yatuma ubwo buhamya budahabwa agaciro kuko ababutanze bagaragaza ko bazi iby'iyo nzu, cyane cyane ko Murari François avuga ko yari Umuyobozi mu gace iyo nzu yubatsemo (yari responsable), akaba rero atayoberwa iby'ayo, Uwamariya Immaculée nawe akaba atabiyoberwa kuko ahaturiye kandi akaba azi Ngaboyayezu Tharcisse (Maso) nk'uko

<sup>&</sup>lt;sup>2</sup> Lorsque le demandeur est en mesure de faire état de titre de propriété, c'està-dire d'actes juridiques d'acquisition (achat, échange, donation, testament...), ceux-ci ne sont pas invoqués en tant que conventions translatives du droit. Ils ne permettent pas, en effet, d'établir avec une absolue certitude la régularité du transfert. En prouvant par un titre que l'on a acquis tel immeuble, on ne prouve pas irréfutablement que l'on en est devenu propriétaire. On n'a pu le devenir que si le cédant ou disposant avait lui-même cette qualité. Et il ne suffit pas de fournir le titre en vertu duquel ce dernier est devenu propriétaire, car il faudra démontrer que son propre auteur l'était déjà, et ainsi de suite : François Terré et Philippe Simler, Droit civil, Les Biens, Dalloz, 7e edition, P.418

yabisobanuye, naho Mukanyindo Clotilde akaba yarayibanyemo n'umugabo we Ngaboyayezu Tharcisse (Maso).

[29] Usibye ibyemejwe n'abatangabuhamya bamaze kuvugwa by'uko inzu yari yarabohojwe na Ngaboyayezu Tharcisse (Maso), hari n'ubuhamya bwa Uwimana Philippe uvuga ko ari we wayubatse mu kibanza yahawe na Nkundabagenzi Abdallah, ibyo kandi bikaba byaranemejwe na Murari François. Iby'uko ari we wubatse iyo nzu, Uwimana Philippe yanabivugiye mu nama yakoreshejwe n'Umunyamabanga v'abaturage Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gatenga ku wa 07/09/2015, bikaba bigaragara ko nta muturage wabivuguruje, ahubwo byashimangiwe n'abandi bari muri iyo nama barimo Simbayobewe Elisé, wavuze ko atuye aho inzu iburanwa iherereye kuva mu mwaka wa 1975, ko azi ko Uwimana Philippe ari we wayubatse mu kibanza yahawe na Abdallah, ko kandi iyo nzu yayigurishije Ahishakiye Musafiri.

[30] Muri iyo nama kandi, uwitwa Minani Emmanuel yavuze ko mu mwaka wa 1995, yakoreye mu nzu iburanwa akazi ko kubaza, nyuma uwari "Responsible" witwa Ngarambe ayiha Ngaboyayezu Tharcisse, ibyo kandi akaba yarabihurijeho na Nyirababirigi Annonciata nawe wari muri iyo nama.

[31] Urukiko rurasanga, kuba kuri Nyirishema Hodari, inkomoko y'inzu iburanwa ayishingira ku bugure bwayo na Ngaboyayezu Tharcisse (Maso), ariko ntagaragaze niba uwamugurishije yari iye, mu gihe ku rundi ruhande ubuhamya bwatanzwe n'abantu batandukanye bavuzwe haruguru, bwumvikanisha ko iyo nzu itari iya Ngaboyayezu Tharcisse (Maso), ko ahubwo yari yarayitijwe, kandi ubwo buhamya bukaba bugomba guhabwa agaciro kuko ababutanze bafite ibyo bahurizaho byinshi, ndetse na Nyirishema Hodari akaba atagaragaza impamvu yatuma budashingirwaho usibye kuri Mukanyindo Clotilde avuga ko amufitiye urwango ariko ntavuge impamvu yarwo mu gihe ibyo yavuze abihurizaho n'abandi.

[32] Ku birebana n'ubuhamya bwa Mujyambere Schadrack n'ubwa Dusengimana Perijine, Urukiko rurasanga bigaragara ko batazi inkomoko y'inzu iburanwa, kuko kuvuga gusa ko bari bazi ko ari iya Maso Tharcisse kuko bayimubonagamo cyangwa kuko yayibagamo, bitamugira nyirayo nk'uko byasobanuwe haruguru.

[33] Urukiko rurasanga rero, ubugure Nyirishema Hodari ashingiraho avuga ko inzu iburanwa ari iye, nta gaciro bugomba guhabwa kuko Ngaboyayezu Tharcisse (Maso) yaba yaragurishije ibitari ibye kandi Nyirishema Hodari abizi neza nk'uko na none byemezwa n'abatangabuhamya Uwamariya Immaculée na Mukanyindo Clotilde bavuze ko yayimusigiye nk'umuntu wari inshuti ye, hakaniyongeraho ko Uwimana Philippe yivugiye ko ari we wubatse iyo nzu, akayigurisha Ahishakiye Musafiri, kandi hakaba hari abatangabuhamya babyemeje.

[34] Hashingiwe ku byasobanuwe haruguru no ku ngingo ya 276 y'Igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano (CCLIII) ivuga ko "Kugurisha ikintu cy'undi ari impfabusa; rishobora gutangirwa indishyi iyo umuguzi atigeze amenya ko icyo kintu ari icy'undi", Urukiko rurasanga ubugure bwabaye hagati ya Nyirishema Hodari na Ngaboyayezu Tharcisse (Maso) nta gaciro bufite, hakaba hagomba kwemezwa ko inzu iburanwa ari iya NIYIGENA Marlène kuko ari we ugaragaza ko ayikomora ku mubyeyi we Ahishakiye Musafiri.

#### Kumenya niba indishyi zasabwe na buri ruhande zatangwa

[35] Mu myanzuro y'uburanira NiyigenaMarlène, avuga ko Nyirishema Hodari yanze kumuha inzu iburanwa kandi azi neza ko ayikomora kuri Se, akaba yaramushoye mu manza bitari ngombwa, ahubwo yagombye kuba abyaza umusaruro iyo nzu, ko kubera izo mpamvu yategekwa kumuha 5.000.000 Frw akubiyemo indishyi z'akababaro, ikurikiranarubanza no gukomeza gushorwa mu manza, hamwe na 1.000.000 Frw y'igihembo cy'Avoka.

[36] Uburanira Nyirishema Hodari avuga ko indishyi NiyigenaMarlène asaba nta shingiro zaryo, ko ahubwo yategekwa guha uregwa 5.000.000 Frw yo gushorwa mu manza ku maherere.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[37] Urukiko rurasanga, mu ndishyi zingana na 5.000.000 Frw zikubiyemo NivigenaMarlène asaba iz"akababaro, ikurikiranarubanza no gushorwa mu manza, yagenerwa gusa 300.000 Frw y'ikurikiranarubanza agenwe mu bushishozi bw'Urukiko, kuko byumvikana ko kuva imanza zatangira hari amafaranga yagiye atanga mu kuzikurikirana, naho indishyi z'akababaro no gushorwa mu manza akaba atazigenerwa kuko atagaragaza ishingiro ryazo, akaba kandi yagenerwa amafaranga v'igihembo cy'Avoka kuko bigaragara ko mu nkiko yaburaniyemo kugeza mu Rukiko rw'Ikirenga, yari afite Avoka umuburanira, bityo ku nzego zose yaburaniyemo akaba vagenerwa 1.000.000 Frw, vose hamwe akaba 1.300.000 Frw.

[38] Ku birebana n'indishyi zisabwa na Nyirishema Hodari, Urukiko rurasanga atazigenerwa kuko atsinzwe n'urubanza nk'uko byasobanuwe haruguru.

## III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[39] Rwemeje ko ikirego cya NiyigenaMarlène cyo gusubirishamo urubanza ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro;

[40] Rwemeje ko urubanza nº RCA 0433/12/HC rwaciwe n'Urukiko Rukuru ku wa 24/01/2014 ruhindutse;

[41] Rwemeje ko inzu iburanwa iri mu Mudugudu wa Ramiro, Akagari ka Karambo, Umurenge wa Gatenga mu Mujyi wa Kigali, ari iya NiyigenaMarlène;

[42] Rutegetse Nyirishema Hodari kuva muri iyo nzu;

[43] Rutegetse Nyirishema Hodari guha NiyigenaMarlène 1.300.000 Frw y'igihembo cy'Avoka n'ikurikiranarubanza;

[44] Rumutegetse kandi gutanga amagarama y'urubanza.

## IMANZA NSHINJACYAHA

Ø

D

## UBUSHINJACYAHA v. NIYOMURAGIJE

## [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA 00475/2018/CA (Kaliwabo, P.J.,) 17 Gicurasi 2019]

Amategeko agenga ibimenyetso – Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Ukwivuguruza k'umuburanyi – Amakimbirane hagati y'uregwa n'uwakorewe icyaha – Ukwivuguruza k'umuburanyi si ikimenyetso gihagije kimushinja icyaha mu gihe nta bindi bimenyetso simusiga bikimushinja kuko adafite inshingano yo gutanga ibimenyetso bimushinja – Amakimbirane hagati y'uregwa n'uwakorewe icyaha ubwabyo si ikimemyetso kigaragaza ko uregwa yakoze icyaha ashinjwa.

Amategeko agenga ibimenyetso – Ibimenyetso mu manza nshinjabyaha – Ibimenyetso biziguye (les preuves indirectes) – Ibimenyetso biziguye (les preuves indirectes) bigira agaciro iyo isesengura ryabyo ryerekana ko nta wundi mwanzuro byageraho uretse ibikorwa bigize icyaha ushinjwa akurikiranyweho.

**Incamake y'ikibazo:** Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, Ubushinjacyaha burega Niyomuragije icyaha cyo kwica umubyeyi we Uzamukunda hashingiwe ku kuba yaremeraga ko ariwe wamuvanye mu rugo avuga ko agiye kumugurira inzoga nyuma uyu mubyeyi akaza kuboneka yishwe. Ubushinjacyaha bwashingiye kandi ku mvugo z'abavandimwe ba Niyomuragije bahamije ko bari basanganywe amakimbirane kubera ubujura bwa Niyomuragije, ndetse bunashingira ku kuba ngo hari amaraso yabonetse ku myenda no ku mubiri w'uregwa. Urwo Rukiko rwemeje ko uregwa ahamwa n'icyaha cyo kwica umubyeyi we maze rumuhanisha igifungo cya burundu.

Uregwa ntiyishimiye imikirize y'urwo rubanza maze ajuririra Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana avuga ko nta ruhare yagize mu rupfu rw'umubyeyi we, ko ntacyo bari basanzwe bapfa kuko n'uwo munsi bari bagiye gusangira inzoga, ko abavandimwe bamushinja ibinyoma kugira ngo bazasigare bigabanira imitungo y'umuryango.

Urukiko Rukuru rwahamishijeho imikirize y'urubanza rwajuririwe hashingiwe ngo ku kuba uregwa atarashoboye kuvuguruza ibimenyetso byashingiwe ho mu Rukiko Rwisumbuye ndetse no kuba yaritangiye umutangabuhamya akamushinja mu mwanya wo kumushinjura, ubuhamya bwe bwibanze mu kugaragaza ko hari hasanzwe amakimbirane hagati y'uregwa n'umubyeyi we.

Niyomuragije yarongeye ajuririra Urukiko Rw'Ikirenga, Ubujurire bwe bwoherezwa mu Rukiko Rw'Ubujurire nyuma y'ivugurura ry'ububasha bw'Inkiko. Akaba yaragaragazaga ko Urukiko Rukuru rwirengagije ko yatashye mbere y'umubyeyi we kubera uburwayi bw'igicuri yari asanganywe, kandi ko nta kibazo yari asanzwe afitanye n'umubyeyi we kuko n'uwo munsi bari basangiye, yongeyeho ko amaraso bivugwa ko yamubonetseho bayitiranyije n'amakashi y'ibitoki yari ku ikabutura ye, ko Ubugenzacyaha bwayifatiriye umurambo utarashyingurwa ku buryo aya maraso yagombaga gupimishwa muri "laboratoire" yabugenewe kugira ngo asanishwe n'urupfu rwa Uzamukunda.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko ubuhamya bwatanzwe n'abavandimwe b'uregwa bugaragaza amakimbirane yari afitanye n'umubyeyi wabo Uzamukunda, ubwo buhamywa ngo

bunagaragaza kandi uburyo yatashye imyenda ye iriho amaraso. Ubushinjacyaha bwongeraho ko umutangabuhamya yahamije ko yabonye Niyomuragije agegena igiti cyabonetse hafi y'umurambo kiriho amaraso, bunavuga kandi ko, kuba amaraso atarapimwe bitavanaho ireme ry'ibindi bimenyetso byatanzwe.

**Incamake y'icyemezo:** 1. Amakimbirane hagati y'uregwa n'uwakorewe icyaha ubwabyo si ikimemyetso kigaragaza ko uregwa yakoze icyaha ashinzwa. Bityo Urukiko Rukuru ntirwagombye kuba rwarahagarariye ku mvugo irebana n'imibanire ngo ruyifate nk'ubuhamya bushinja nyamara nta gikorwa cyirebana n'ubwicanyi kirimo.

2. Ukwivuguruza k'umuburanyi si ikimenyetso gihagije kimushinja icyaha mu gihe nta bindi bimenyetso simusiga bikimushinja kuko adafite inshingano yo gutanga ibimenyetso bimushinja. Bityo imvugo ya Niyomuragije waranzwe no kwivuguruza ku birebana n'amaraso bivugwa ko yaba yarabonetse ku myenda ye no ku mubiri we, ntizishobora kuba ikimenyetso kimushinja ubwicanyi.

3. Ibimenyetso biziguye (les preuves indirectes) bigira agaciro iyo isesengura ryabyo ryerekana ko nta wundi mwanzuro byageraho uretse ibikorwa bigize icyaha ushinjwa akurikiranyweho.

Ubujurire bufite ishingiro; Imikirize y'urubanza rwajuririwe irahindutse; Amagarama y'urubanza aherereye ku isanduku ya Leta.

#### Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 165.

#### Imanza zifashishijwe:

Prosecutor vs Ntagerura, ICTR-99-46-A' Judgment, 7 July 2006, par.306.

### Urubanza

## I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Kuwa 01/01/2016 Niyomuragije Xavier wo mu Murenge wa Rubona yajyanye umubyeyi we Uzamukunda Vestine kwa Musabimana Eliane aho yamuguriye inzoga. Mu ijoro ryo kuwa 01/01/2016, mu gihe cya saa ine z'ijoro umurambo wa Uzamukunda wabonetse mu nzira ufite ibikomere, Niyomuragije afatwa akekwa ho kuba ariwe wamwishe akoresheje igiti cy'ingereveriya.

[2] Mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu rubanza RP 0069/16/TGI/NGOMA, Ubushinjacyaha bwareze Niyomuragije Xavier bushingiye ku kuba yemera ko ariwe wamuvanye mu rugo avuga ko agiye kumugurira inzoga nyuma uyu akaza kuboneka yishwe. Ubushinjacyaha bwashingiye kandi ku mvugo z'abavandimwe ba Niyomuragije aribo Nzeyimana Samuel, Umwali Anitha na Niyibizi Kevin bahamije ko aba bari basanganywe amakimbirane kubera ubujura bwa Niyomuragije, ko igiti cy'ingeriveriya cyabonetse hafi y'umurambo wa Uzamukunda cyari cyaciwe na Niyomuragije, ko hari amaraso

108

yabonetse ku myenda no ku mubiri wa Niyomuragije. Ubushinjacyaha bwashingiye kandi ku mvugo ya Musabimana Eliane wavuze ko nyuma yuko Uzamukunda na Niyomuragije basohotse iwe, uyu yaje kugaruka yahinduye umupira yari yambariye.

[3] Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, rumaze gusuzuma imyiregurire y'ababuranyi, rwasanze ibimenyetso by'Ubushinjabyaha byavuzwe haruguru bifite ishingiro, kuwa 12/05/2016 ruca urubanza ruhamya Niyomuragije Xavier icyaha cyo kwica umubyeyi we Uzamukunda Vestine, rumuhanisha igifungo cya burundu.

[4] Niyomuragije Xavier yajuririye Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana avuga ko nta ruhare yagize mu rupfu rw'umubyeyi we, ko ntacyo bari basanzwe bapfa kuko n'uwo munsi bari bagiye gusangira inzoga, ko yamusize akinywa inzoga we agataha kare kubera uburwayi bw'igicuri asanganywe, ko yatabaranye n'abavandimwe be bahurujwe ko umubyeyi wabo yapfuye. Uyu yajuriye avuga kandi ko nta maraso yamubonetseho, ko abavandimwe bamushinja ibinyoma kugira ngo bazasigare bigabanira imitungo y'umuryango.

[5] Mu rubanza RPA 00174/2017/HC/RWG rwaciwe kuwa 27/02/2018 Urukiko Rukuru rwagumishijeho imikirize y'urubanza rujuririrwa rubishingiye ku kuba Niyomuragije Xavier atarashoboye kuvuguruza ibimenyetso byashingiwe ho mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye, ko kandi umutangabuhamya Nzeyimana Samuel watanzwe na Niyomuragije ariko mu ibazwa rye akamushinja mu mwanya wo kumushinjura (ubuhamya bwe bwibanze mukugaragaza ko hari hasanzwe amakimbirane hagati ya Niyomuragije na Uzamukunda).

[6] Niyomuragije Xavier yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, nyuma y'ivugurura ry'ububasha bw'Inkiko ikirego cye cyohererezwa Urukiko rw'Ubujurire hakurikijwe ingingo ya 52 n'iya 105 z'Itegeko No 30/2018 ryo kuwa 02/06/2018 rigena ububasha bw'inkiko.

[7] Mu mwanzuro w'ubujurire, Niyomuragije Xavier yavuze ko Urukiko Rukuru rwirengagije ko yatashye mbere y'umubyeyi we kubera uburwayi bw'igicuri yari asanganywe, ko nta kibazo yari asanzwe afitanye n'umubyeyi we kuko n'uwo munsi bari bagiye gusangira inzoga, ko yitiriwe igiti cyakoreshejwe mu kwica Uzamukunda kandi nta muntu wakimubonanye. Mu miburanire ye, Niyomuragije Xavier yunganiwe na Me Nyirabasinga Helene yagarutse ku maraso bivugwa ko yamubonetseho avuga ko abeshyerwa kuko ngo bayitiranya n'amakashi y'ibitoki yari ku ikabutura ye, ko nta perereza ryakozwe ngo amaraso avugwa apimwe ndetse asanishwe n'aya Uzamukunda wishwe.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko ubuhamya bwatanzwe [8] Niyomuragije n'abavandimwe ba Xavier bugaragaza amakimbirane yari afitanye na Uzamukunda Vestine, n'uburyo yatashye imyenda ye iriho amaraso, ko kandi Musabimana Eliane yahamije ko Niyomuragije yatahanye na Uzamukunda akaza kugaruka yahinduye umupira, ko Niyibizi Kevin yabonye Niyomuragije agegena igiti cy'ingeriveriya ari nacyo cyabonetse hafi y'umurambo kiriho amaraso. Ubushinjacyaha buvuga kandi ko, kuba amaraso atarapimwe bitavanaho ireme ry'ibindi bimenyetso byatanzwe, ko kurwara igicuri bitagize impamvu ivanaho Niyomuragije icyaha ashinjwa.

[9] Urukiko rwifuje kumva abatangabuhamya muri uru rubanza, aribo Nzeyimana Samuel, Niyibizi Kevin, Umwali Anitha na Musabimana Eliane, bose ntibarwitaba.

[10] Muri uru rubanza harasesengurwa ireme ry'ikimenyetso gihamya amakimbirane yari hagati ya Niyomuragije na Uzamukunda, icy'amaraso yaba yarabonetse kuri Niyomuragije, inkomoko y'igiti cyakoreshejwe mu kwica Uzamukunda no kumenya iby'uburwayi bw'igicuri Niyomuragije avuga ko byatumye ataha mbere ya Uzamukunda.

## II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

#### A. Ku birebana n'amakimbirane hagati ya Niyomuragije Xavier na Uzamukunda Vestine

[11] Niyomuragije Xavier yunganiwe na Me Nyirabasinga Helene yaburanye avuga ko, kubera inyungu yo kumuheza muri gereza no kwikubira umutungo w'umuryango, abavandimwe be bagambanye kumushinja amakimbirane yaba yari hagati ye na Uzamukunda, nyamara ko nta kibazo yari afitanye n'umubyeyi we byatuma amwica, ko we n'umubyeyi we bakundaga gusangira inzoga kandi ko no ku munsi apfa bari basangiye inzoga kwa Musabimana Eliane, bityo ko iki kitagize ikimenyetso kimushinja urupfu rwa Uzamukunda.

[12] Ubushinjacyaha buhagarariwe na PN Niyonzima Vincent buvuga ko amakimbirane yari hagati ya Uzamukunda na Niyomuragije uyu ayashinjwa n'umuvandimwe we Nzeyimana Samuel yari yitangiye nk'umutangabuhamya umushinjura, ko umubyeyi we yamuzizaga ingeso yo kwiba kandi ibi ngo na raporo y'inzego z'ibanze ikaba yarabigaragaje.

### **UKO URUKIKO RUBIBONA**

[13] Urukiko rurasanga, ingingo ikomeye Urukiko Rukuru rwashingiyeho ruca urubanza RPA 00174/2017/HC/RWG ari imvugo ya Nzeyimana Samuel wagaragaje ko Uzamukunda yacyahaga Niyomuragije amuziza ubujura bwe, ko uvu vamwishe ashaka kumwikiza, ko we (Nzeyimana) nta makimbirane afitanye n'abavandimwe be ku buryo atahangara kubeshyera murumuna we, ngo n'isambu y'umuryango yagurishije yayiguzemo indi nayo akayandika ku muryango; Urukiko rukaba rwarabibonyemo ikimenyetso cy'umutangabuhamya ushinja Niyomuragije yari kandi yamutanze ho nk'umutangabuhamya umushinjura.

Urukiko rurasanga, Urukiko Rukuru, Urugereko rwa [14] Rwamagana rwarananiwe gusobanura ikibazo nyamukuru kirebana n'ibimenyetso bishinja Niyomuragije urupfu rwa Uzamukunda Vestine ahubwo ikibazo rukimurira mu makimbirane hagati ya Uzamukunda na Niyomuragije. Urukiko rurasanga, Nzeyimana Samuel, unavuga ko adatuye mu Murenge umwe na Uzamukunda kandi atari ahari ku munsi umubyeyi wabo yicwa, ubuhamya bwe bwibanda ku mibanire yari hagati ya Niyomuragije na Uzamukunda yerekana ko batari babanye neza, akavuga n'uburyo we nta kibazo afitanye n'umuryango. Iyi mvugo igaruka ku mibanire (nayo idafitiwe gihamya) ntabwo ubwayo yaba ikimenyetso gishinja Niyomuragije urupfu rwa Uzamukunda. Kuba inshuti cyangwa umwanzi w'umuntu byaba impamvu yo gukora cyangwa kudakora icyaha ariko si cyo kimenyetso gishinja umuntu icyaha. Urukiko Rukuru

ntirwagombye guhagararira kuri iyi mvugo irebana n'imibanire ngo ruyifate ho nk'umutangabuhamya watanzwe na NIYOMURAGIJE akaba amushinja, nyamara nta gikorwa na kimwe kirebana n'ubwicanyi Nzeyimana amushinja kuko ubwe yivugira ko adatuye mu murenge umwe n'ahabereye icyaha.

[15] Urukiko rurasanga kandi Urukiko Rukuru rwaraciye urubanza rudasobanuye impamvu rushingiyeho aho mu mvugo yarwo iri rusange iboneka mu gika cya 12 cya kopi y'urubanza RPA 00174/2017/HC/RWG, rugira ruti "Niyomuragije ntiyashoboye kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho mu guca urubanza rujuririrwa", nyamara uyu anenga ubuhamya yatangiwe ndetse agahakana n'amaraso bivugwa ko yamubonetseho. Urukiko rwagombye kugaragaza ireme ruvuga ko riri mu bimenyetso ushinjwa anenga.

#### B. Ku birebana n'amaraso bivugwa ko yabonetse kuri Niyomuragije no ku giti cyabonetse hafi y'umurambo.

[16] Niyomuragije yunganiwe na Me Nyirabasinga yajuriye avuga ko amaraso yitirirwa ko yari ku myenda yari yambaye ari ukwitiranya amakashi y'ibitoki n'ibizinga bijyanye n'imirimo yakoraga harimo n'ibiraka yahabwaga ku ibagiro, ko ntamaraso yamubonetseho. Niyomuragije avuga ko yatashye asanga Umwali ahishije bagasangira ariko ko nta muntu wigeze amubaza amaraso yaba yari ku myenda ye, kandi ko nta n'imyenda yinitse mu mazi. Me Nyirabasinga umwunganira aburana avuga ko Ubugenzacyaha buvuga ko bwafatiriye ikabutura bivugwa ko yariho amaraso kandi ko bayifatiriye umurambo utarashyingurwa ku buryo aya maraso yagombaga gupimishwa muri "laboratoire" yabugenewe kugira ngo asanishwe n'urupfu rwa Uzamukunda. [17] Me Nyirabasinga akomeza avuga ko bitumvikana uburyo Musabimana wacuruzaga inzoga yaba yarakurikiranye kugira ngo amenye ko Niyomuragije agarutse mu kabare yahinduye imyenda, ko ikimenyetso kamarampaka cyari ugupima amaraso abonetse, kutabikora kukaba gutera ugushidikanya kurengera ushinjwa.

[18] Ubushinjcyaha bwaburanye buvuga ko kuba amaraso atarapimwe bidashobora gusimbura ibindi bimenyetso birimo n'imvugo za Niyomuragije ubwe wemeye ko amaraso yamubonetseho yatewe n'uko yabaye mu bambere batabaye ndetse ko n'ikabutura ye yayihanaguje amaguru, nyamara ngo ibi byose bikaba ari ibinyoma kuko yageze aho umurambo wari uri nta maraso akiva.

[19] Ubushinjacyaha buvuga kandi ko Niyomuragije wahakanye ko atigeze agaruka mu kabare hari ahandi yemeye ko yagarutse aje gufata inzoga bagombaga kunywera mu rugo, bityo ko ibyo Musabimana Eliane avuga bifite ishingiro kuko vamubonye koko. Bukomeza buvuga ko nta nyungu abavandimwe ba Niyomuragije bafite mu kumushinja. Ubushinjacyaha busobanura kandi ko imvugo ya Niyomuragije yuko amaraso bivugwa ko yabonetse ku ikabutura ye ari amavuta y'ingurube, iyi mvugo yavugurujwe na mushiki we Umwali Anitha wasobanuye ko amavuta y'ingurube Niyomuragije yayazanye muri "sachet" iri mu gafuka ku buryo atigeze ameneka ku myenda ye.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[20] Urukiko rurasanga ikimenyetso cy'amaraso avugwa ko yaba yarabonetse ku mubiri no ku myenda ya Niyomuragije

114

aricyo kimenyetso cyakabaye gihatse ibindi muri iyi dosiye nyamara uburyo cyateguwe ntibyemeza Urukiko ko ayo maraso ari ayatarukiye kuri Niyomuragije akora icyaha cyo kwica Uzamukunda. Niyomuragije wabajijwe ibijyanye n'amaraso yaba yaramubonetse ku itama no ku gutwi ndetse n'ayabonetse ku myenda ye yabitanzeho ibisobanuro binyuranye aho yavuze ko yabwiwe n'abandi bantu ko hari amaraso yumiye ku gutwi no ku itama, ko ayo yaba yarayavanye aho umurambo wa Uzamukunda wari uri kuko yawegereye awureba (ifoto iboneka kuri cote 35 iragaragaza amaraso menshi mu gisambu aho umutwe wa Uzamukunda wajanjaguriwe). Mu bindi bisobanuro, Niyomuragije yavuze ko ikabutura ye yandujwe n'amakashi y'ibitoki ndeste n'amavuta y'ingurube yamugiyeho, naho mushiki we Umwali Anitha akavuga ko amavuta y'ingurube Niyomuragije yayazanye mu isashi (sachet) iri mu gafuka ku buryo atigeze amumenekaho. Mu yindi mvugo Niyomuragije yavuze ko umwenda we wabonetseho amaraso yawuhanaguje amaguru amaze kwoga nyuma yo kuva aho umurambo wari uri bawuriza mu modoka.

[21] Urukiko rurasanga imvugo ya Niyomuragije, waranzwe no kwivuguruza ku birebana n'amaraso bivugwa ko yaba yarabonetse ku myenda ye no ku mubiri we, zidashobora kuba ikimenyetso kimushinja ubwicanyi hashingiwe gusa kuri iyo mpamvu yo kwivuguruza k'ushinjwa. Imvugo yemera icyaha iba ikimenyetso gishinja nyirayo iyo Urukiko ruyisesenguye rugasanga ihuza n'ibindi bimenyetso kandi ifite ireme rihuza n'uko ibintu byagenze; ntabwo ukuri kwayo gushakirwa mu ukwivuguruza kw'ushinjwa kuko adategetswe kwishinja.

[22] Urukiko rurasanga Ubushinjacyaha bwaranyuzwe n'ibimenyetso biziguye (preuves indirectes) nyamara bwari

bufite inzira yo kubona ibimenyetso bitaziguye (les preuves directes) byari kubonerwa mu gupimisha amaraso buvuga ko yabonetse ku myenda ya Niyomuragije no kuyasanisha n'umurambo. Mu gihe Ubushinjacyaha buburanisha imvugo yuko Niyomuragije yageze mu rugo abavandimwe be bakamubonaho amaraso, uyu ngo akaba yarahise yinika imyenda mu mazi mbere yo gusubira mu kabari (bivuze ko iyi myenda atariyo yari yambaye igihe yajyaga gutabara), mu gihe kandi Ubushinjacyaha bwerekana ko iyi myenda yafatiriwe ndetse n'umurambo utarashyingurwa, aha niho hari izingiro ry'ibimenyetso kuko ibipimo byari kuboneka byari kuba simusiga bikemura impaka z'amaraso yaba yaratarukiye Niyomuragije mu gihe cyo gutabara ndetse no kuyatandukanya n'amavuta y'ingurube cyangwa amakashi; kutabikora bikaba bituma ntawakwemeza nta shiti ko imyenda yafatiriwe yariho amaraso afitanye isano n'umurambo wa Uzamukunda. Ibimenyetso biziguye (les preuves indirectes) bigira agaciro iyo isesengura ryabyo ryerekana ko nta wundi mwanzuro byageraho uretse ibikorwa bigize icyaha ushinjwa akurikiranyweho. "It is settled jurisprudence that the conclusion of guilty can be inferred from circumstantial evidence if it is the only reasonable conclusion available on the evidence. If there is also reasonably open from that evidence and which is consistent with the nonexistence of that fact, the conclusion of guilty beyond reasonable doubt cannot be drawn"<sup>1</sup>

#### C. Kubirebana n'igiti cyakoreshejwe mu kwica Uzamukunda

[23] Niyomuragije yunganiwe na Me Nyirabasinga anenga ikimenyetso cy'igiti cy'ingereveriya ashinjwa kuba yaricishije Uzamukunda aho avuga ko nta muntu wamubonye aca icyo giti,

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> Prosecutor vs Ntagerura, ICTR-99-46-A' Judgment, 7 July 2006, par.306

ko kuba bivugwa ko cyavuye mu biti byari hafi y'urugo rwabo bitavuze ko ari we wagiciye, ko badasobanura uburyo yavuye mu kabare akaza guconga igiti bavuga ko cyari kigegennye.

[24] Ubushinjacyaha bwo busobanura ko Niyibizi Kevin (murumuna wa Niyomuragije) yamubonye mu gitondo agegena iki giti ngo akagihisha, ko Ubugenza cyaha bwageze aho iki giti cyavuye bugasanga cyaraciwe mu biti byari hafi y'urugo rwa Uzamukunda, kandi ko Umwali nawe yemeza ko yaherekeje Niyomuragije amusabye kumumurikira ngo ajye ku musarani uri hafi y'ibiti bivugwa muri iyi dosiye, ko kandi iki giti cyabonetse hafi y'umurambo wa Uzamukunda kiriho amaraso, bityo ko nta wundi muntu wakoresheje iki giti uretse Niyomuragije wari wagiteguye.

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[25] Urukiko rurasanga ikidashidikanywaho aruko Uzamukunda yicishijwe igiti cy'ingereveriya nk'uko cyabonetse hafi y'umurambo kandi kiriho amaraso, ikibazo kikaba ari ukumenya uwakoresheje iki giti. Urukiko rurasanga mu kwemeza ko iki giti cyakoreshejwe na Niyomuragije, Urukiko rwashingiye ku mvugo ya Niyibizi Kevin, umwana uvuga ko yamubonye agegena igiti cy'ingeriveriya, yibwira ko ari kumukorera agakinisho (akamarimari) nyamara ngo akaza guhisha icyo giti cyasanishijwe n'ibiti by'ingeriveriya byari hafi y'urugo rwa Uzamukunda mu rutoki; aha kandi akaba ariho Umwali Anitha avuga ko yaherekeje Niyomuragije mu ijoro avuga ko agiye ku musarani.

[26] Urukiko rurasanga imvugo y'umwana Niyibizi Kevin itihagije mu gushinja Niyomuragije kuko, uretse no kuba ivugwa

n'umwana muto udafite ubushishozi buhagije, nta n'ubwo Urukiko rwemeranywa n'iyi mvugo yuko Kevin yabonye Niyomuragije ahisha iki giti kuko atari kumenya ko afite icyo ahishe atazi ko hari icyaha giteganijwe. Urukiko nanone rusanga imvugo ya Umwali ko waherekeje Niyomuragije ku musarane hafi y'ibiti idashinja uyu ko yari agiye gufata igiti cyakoreshejwe kwica Uzamukunda kuko isesengura rv'imvugo mu z'Ubushinjacyaha ryerekana ko Niyomuragije ashinjwa kuba yarishe umubyeyi we mu gihe bavaga kwa Kangoro (nk'uko biboneka mu nyandiko itanga ikirego) hanyuma uyu akaza mu rugo guhindura imyenda (ari nacyo gihe Umwali yamuherekeje ku musarane) akabona gusubira mu kabare nk'uko byahamijwe na Musabimana Eliane; ibi bikaba bivuze ko Niyomuragije atagiye ku musarane agamije gufata igiti yicishije Uzamukunda kuko ibisobanuro bivuzwe haruguru byaba byumvikanisha ko Uzamukunda yari yamaze kwicwa.

# D. Ku birebana n'uburwayi bw'igicuri Niyomuragije avuga ko abana nabwo

[27] Niyomuragije yajuriye avuga ko asanzwe agira uburwayi bw'igicuri kandi ko afata imiti ku buryo buzwi na gereza n'abavandimwe, ko ku munsi ashinjwa kwica Uzamukunda uyu yari yamusabye gutaha hakiri kare kugira ngo ataza gufatwa n'uburwayi ku buryo bubagora gutaha, bityo ko atabazwa urupfu rwe kuko batatahanye.

[28] Ubushinjacyaha bwo busobanura ko igicuri Niyomuragije arwara kitamubuza gukora icyaha, ko kandi kitagombera amasaha runaka, bityo ko adashobora kubyitwaza ahakana urupfu rwa Uzamukunda, ko nubwo avuga ko yatashye kare nyamara nawe yemera ko yasubiye mu kabare agiye gushaka inzoga ngo bagombaga kunywera mu rugo.

118 \_\_\_\_

## UKO URUKIKO RUBIBONA

[29] Urukiko rurasanga imvugo ya Niyomuragije yuko yatashye kare kubera indwara y'igicuri nta shingiro ifite kuko mu ibazwa rye yasobanuye uburyo yageze mu rugo iwabo agasubira kwa Musabimana Eliane agiye gushaka inzoga ajyana mu rugo, uyu akaba yarasobanuye n'icyatumye adatwara iyi nzoga (ko itariryoshye) iyi mvugo akayihurizaho na Musabimana Eliane. Urukiko rurasanga uburwayi bw'igicuri Niyomuragije avuga ko afite ataribyo bimushinjura ku cyaha ashinjwa, kuko nta sano na rito bifitanye, ahubwo ko ashinjurwa no gushidikanya kuboneka mu bimenyetso by'Ubushinjcyaha nk'uko byasobanuwe haruguru.

[30] Urukiko rurasanga Niyomuragije Xavier yarahamijwe icyaha cyo kwica umubyeyi we Uzamukunda Vestine nta kimenyetso gifatika Urukiko rushingiyeho bityo ugushidikanya kuri mu bimenyetso byatanzwe n'Ubushinjacyaha bikaba bigomba kungukira ushinjwa nk'uko biteganywa mu ngingo ya 165 y'Itegeko N°30/2013 ryo kuwa 24/05/2013<sup>2</sup> ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[31] Rwemeje ko ubujurire bwa Niyomuragije Xavier (ubaruwe ku izina rya Xaverine) bufite ishingiro;

<sup>&</sup>lt;sup>2</sup> Iyi ngingo iteganya ko Iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze.

#### 120 ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

[32] Rwemeje ko Niyomuragije Xavier (Xaverine) agizwe umwere ku cyaha cyo kwica Uzamukunda Vestine;

[33] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RPA 00174/2017/HC/RWG rwaciwe n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana kuwa 27/02/2018 ihindutse;

[34] Rutegetse ko Niyomuragije Xavier (Xaverine) ahita afungurwa uru rubanza rukimara gusomwa;

Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku isanduku [35] ya Leta.

### UBUSHINJACYAHA v. NZITAKUZE

## [Rwanda URUKIKO RW'UBUJURIRE – RPAA 00500/2018/CA (Muhumuza, P.J.,) 23 Gicurasi 2019]

Amategeko mpanabyaha – Ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi – Kugira ngo habeho uburyozwacyaha ku cyaha cy'ubwiracyaha bw'ubwicanyi, ntibihagije gushingira gusa ku bikoresho cyangwa intwaro uregwa yafatanywe ahubwo hagomba kugaragazwa niba yari afite umugambi cyangwa ubushake bwo kwica – Itegeko N° 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko, ingingo ya 27.

Incamake y'ikibazo: Uru rubanza rwatangiriye mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, Nzitakuze akurikiranyweho icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi, Ubushinjacyaha buvuga ko ubwo yari kumwe nuwitwa Nsabimana mu kabari baje kugirana amakimbirane nuko uregwa aza kumutegera mu nzira ashaka kumwicisha umuhoro ariko ku bw'amahirwe Nsabimana ahita amubona, barwanira wa muhoro yaragiye kumutemesha, hanyuma abaturage baratabara basanga bakirwanira umuhoro barawubaka, baranabakiza. Urwo Rukiko rwahamije uregwa icyaha rumuhanisha igifungo cya burundu, rushingiye ku buhamya bw'abari mu batabaye ubwo Nsabimana na Nzitakuze barwanaga, no kuri raporo y'Inzego z'umutekano yemeje ko umuhoro uregwa yari afite yawukuye k'uwitwa Hakizimana.

Uregwa yajuriye mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana, avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwamuhamije icyaha atakoze rwirengagije ibimenyetso yarushyikirije nuko urwo Rukiko rwemeza ko nta gihindutse ku rubanza rwajuririwe, rusobanura ko impamvu uregwa ahamwa n'icyaha akurikiranyweho ari uko atabashije kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu kumuhamya icyaha.

Uregwa na none yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga urubanza rwimurirwa mu Rukiko Rw'Ubujurire nyuma y'ivugururwa ry'ububasha bw'inkiko. Mu bujurire bwe akaba avuga ko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha rudasesenguye neza ibimenyetso byashingiweho mu ku muhamya icyaha, ko rwanirengagije ibisobanuro bye kandi rugaca urubanza rudakoze iperereza ryimbitse kandi yarabisabye guhera igihe cy'iperereza, yongeraho ko umuhoro yari afite yari awujyanye ku kazi ke k'izamu hanyuma ubwo yari mu nzira agahura na Nsabimana uyu akavuga ko agiye kumutema, bagafatana, bakaza gukizwa n'abaturage. Akomeza avuga ko anenga urubanza rwajuririwe kuberako ruvuga ko yateze igico Nzitakuze kandi atari byo, cyane cyane ko nta cyo bapfaga, ko Urukiko Rukuru rwafashe icyemezo ntaho rushingiye.

Ubushinjacyaha bwo buvuga ko Inkiko zombi zibanza zafashe ibyemezo zishingiye ku bimenyetso birimo raporo y'Inzego z'umutekano, umuhoro wari aho Nzitakuze na Nsabimana barimo kurwanira, kandi ko abahuruye bose bemeje ko basanze Nzitakuze ari hejuru ya Nsabimana barimo kurwanira umuhoro Nzitakuze yashakaga kumutemesha. Bwongeraho ko abari mu kabari babajijwe basobanuye ko Nzitakuze amaze gutongana na Nsabimana yahise ataha afata umuhoro ajya gutega Nsabimana, bwanavuze ko kuba nta gikomere Nsabimana yarafite bitaturutse ku bushake bw'uregwa ko ahubwo aruko yarushijwe imbaraga, busoza busaba Urukiko kwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha akurikiranyweho. **Incamake y'icyemezo:** 1. Ku cyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi, ntibihagije gushingira ku bikoresho cyangwa intwaro uregwa yafatanywe ahubwo hagomba kugaragazwa niba yari afite umugambi cyangwa ubushake bwo guzikoresha mu gukora icyaha, bityo ntaho Urukiko rwahera rwemeza ko uregwa ahamwa n'icyaha.

#### Ubujurire bufite ishingiro; Imikirize y'urubanza rwajuririwe ihindutse kuri byose; Amagarama y'urubanza aherereye ku isanduku ya Leta.

#### Amategeko yashingiweho:

Itegeko N° 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko, ingingo ya 27. Itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye

imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ingingo ya 165.

#### Nta manza zifashishijwe.

#### Inyandiko z'abahanga:

Arshworth Andrew, Sentencing and Criminal Justice, sixth edition, Cambridge University Press p.127

#### Urubanza

#### I. IMITERERE Y'URUBANZA

[1] Ubushinjacyaha bwareze Nzitakuze Théoneste mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma bumukurikiranyeho icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi buvuga ko yakoreye uwitwa Nsabimana Blaise, ubwo bari kumwe mu kabari bakaza kugirana amakimbirane. Ubushinjacyaha buvuga ko Nsabimana Blaise yasohotse atashye, Nzitakuze Théoneste nawe arasohoka ajya kuzana umuhoro, amutegera mu nzira ashaka kumwica ariko ku bw'amahirwe Nsabimana Blaise ahita amubona, barwanira wa muhoro yaragiye kumutemesha, Nsabimana Blaise avuza induru abaturage baratabara basanga bakirwanira umuhoro barawubaka, baranabakiza.

[2] Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, mu rubanza RP 0402/15/TGI/NGOMA, rwaciwe ku wa 05/11/2015, rwamuhamije icyaha, rumuhanisha igifungo cya burundu, rushingiye ku buhamya bwa Mukarukundo Languida n'ubwa Nyirahabimana Juliette bari mu batabaye ubwo Nsabimana Blaise na Nzitakuze Théoneste barwanaga, no kuri raporo y'Inzego z'umutekano yemeje ko umuhoro Nzitakuze Théoneste yari afite yawukuye kwa Hakizimana Valens.

[3] Nzitakuze Théoneste yajuriye mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana, avuga ko Urukiko Rwisumbuye rwamuhamije icyaha atakoze rwirengagije ibimenyetso yarushyikirije.

[4] Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana mu rubanza RPA 0480/15/HC/RWG, rwaciwe ku wa 12/05/2016, rwemeje ko nta gihindutse ku rubanza rujuririrwa, rusobanura ko impamvu Nzitakuze Théoneste ahamwa n'icyaha akurikiranweho ari uko atabashije kuvuguruza ibimenyetso byashingiweho n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mu kumuhamya icyaha.

[5] Nzitakuze Théoneste na none yajuririye urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga, avuga ko Urukiko Rukuru rwamuhamije icyaha rudasesenguye neza ibimenyetso byashigiweho mu ku muhamya icyaha, ko rwanirengagije ibisobanuro bye kandi rugaca urubanza rudakoze iperereza ryimbitse

[6] Mbere yuko uru rubanza ruburanishwa habayeho ivugururwa ry'Inkiko, hashyirwaho Urukiko rw'Ubujurire, uru rubanza rwimurirwa muri urwo Rukiko hakurikijwe ibiteganywa n'Ingingo ya 52 n'iya 105, z'Itegeko N° 30/2018 ryo kuwa 02/06/2018, rigena ububasha bw'Inkiko.

[7] Iburanisha ry'urubanza ryabereye mu ruhame ku wa 09/04/2019, Nzitakuze Théoneste yunganiwe na Me Hategekimana Gratien, Ubushinjacyaha buhagarariwe na Rudatinya Gaspard, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.

### II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURA RYABYO

# Kumenya niba Nzitakuze Theoneste yarahamijwe icyaha atakoze.

[8] Nzitakuze Théoneste avuga ko yajuriye kubera ko Urukiko Rukuru rwaciye urubanza rudasesenguye ibimenyetso yarushyikirije, ko nta perereza rwakoze kandi yararisabye guhera mu Bugenzacyaha aho yasabaga ko habazwa nyirakabari banyweragamo, na Hakizimana Valens bivugwa ko ariwe wamuhaye umuhoro, yemera ko ubwo yajyaga mu kabari yahahuriye na Nsabimana Blaise akamusaba kumugurira inzoga, undi akamusubiza ko nta mafaranga afite, ko yahise ataha mu rugo akajya kuzana umuhoro yagombaga kujyana ku kazi k'izamu, hanyuma mu kuzamuka agiye ku kazi ko ari bwo yahuye na Nsabimana Blaise, uyu akavuga ko agiye kumutema, bagafatana, Nsabimana Blaise agatabaza abaturage bakaza bakabakiza, bakabaka n'umuhoro barwaniraga. Avuga ko ibyo bavuga ko yemeye icyaha atari byo kuko atigeze yemera ko yaragiye kwica Nsabimana Blaise, ko ahubwo yemeye ko yafashe umuhoro awukuye iwe awujyanye ku izamu.

[9] Me Hategekimana Gracien umwunganira, avuga ko icyo we n'uwo yunganira banenga urubanza rwajuririwe ari uko bivugwa ko Nzitakuze Théoneste yateze igico Nsabimana Blaise kandi atari byo, ko yasabye iperereza kugirango hamenyekane ko Nsabimana yahuye na Nzitakuze Théoneste agiye ku izamu bityo bivaneho iyo mvugo yuko yari yamuteze igico, cyane cyane ko nta cyo bapfaga, ko Urukiko Rukuru rwafashe icyemezo ntaho rushingiye. Asoza avuga ko nubwo Nzitakuze Théoneste nta cyaha yakoze ariko Urukiko ruramutse rubibonye ukundi kikamuhama, akwiye guhanwa hashingiwe ku Itegeko N° 68/2018 ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha muri rusange kuko ari ryo riteganya ibihano byoroheje.

[10] Uhagarariye Ubushinjacyaha avuga ko Inkiko zombi zibanza zafashe ibyemezo zishingiye ku bimenyetso birimo raporo y'Inzego z'umutekano, umuhoro wari aho Nzitakuze Théoneste na Nsabimana Blaise barimo kurwanira, abahuruye bose bemeje ko basanze Nzitakuze Théoneste ari hejuru ya Nsabimana Blaise barimo kurwanira umuhoro Nzitakuze yashakaga kumutemesha. Avuga ko mu Rukiko Rwisumbuye Nzitakuze Théoneste yasobanuye ukuntu yagiye mu kabari akahasanga Nsabimana Blaise wamusabye kumusengerera, asobanura ukuntu bateranye amagambo, ukuntu yatashye akahamusiga, akagaruka ku izamu afite umuhoro.

[11] Akomeza avuga ko abari mu kabari babajijwe basobanuye ko Nzitakuze Théoneste amaze gutongana na

126 \_\_\_\_\_

Nsabimana Blaise yahise ataha afata umuhoro ajya gutega Nsabimana Blaise, ko kuvuga ko nta gikomere Nsabimana Blaise yarafite nta gaciro byahabwa kuko kuba ataramwishe bitaturutse ku bushake bwe, ko ahubwo byaturutse ku kuba Nsabimana Blaise yaramurushije imbaraga, ko asanga impamvu z'ubujurire za Nzitakuze Théoneste ntashingiro zifite, asaba uru Rukiko kwemeza ko Nzitakuze Théoneste ahamwa n'icyaha akurikiranweho cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi ariko mu kugena ibihano ko hazakurikizwa ingingo ya 21, igika cya 3 y'Itegeko N° 68/2018 ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha muri rusange.

#### UKO URUKIKO RUBIBONA

[12] Ingingo ya 27 y'Itegeko N° 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana ryariho Nzitakuze akurikiranwa iteganya ko ubwinjiracyaha buhanirwa iyo umugambi wo gukora icyaha wagaragajwe n'ibikorwa biboneka bidashidikanywa by'intangiriro y'icyaha, bigamije gushyigikira ko gikorwa, nyuma bigahagarikwa, bikabuzwa kugera ku cyifuzo cyangwa bikazitirwa n'impamvu zidakomoka ku bushake bwa nyir'ugukora icyaha.

[13] Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma rwahamije Nzitakuze Théoneste icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi rushingiye ku mvugo y'umutangabuhamya Mukarukundo Languida umushinja kuba ubwo yatabaraga yaramusanze hejuru ya Nsabimana Blaise, bigashimangirwa na raporo y'Inzego z'umutekano yemeza ko umuhoro Nzitakuze Théoneste yarafite yawukuye kwa Hakizimana Valens. [14] Mu Rukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana Nzitakuze Théoneste yahamijwe icyaha hashingiwe ku kuba atarabashije kuvuguruza ibimenyetso byatanzwe n'Ubushinjacyaha byanashingiweho n'Urukiko Rwisumbuye mu kumuhamya icyaha, birimo imvugo z'abatangabuhamya babajijwe, raporo y'ubuyobozi no kuba ubwo yabazwaga mu Bugenzacyaha yaremeye ko we na Nsabimana Blaise barwaniye umuhoro.

[15] Dosiye y'urubanza igaragaza ko ubwo Mukarukundo Languida yabazwaga mu Bugenzacyaha ku wa 16/07/2015 ko yaba azi uburyo Nzitakuze Théoneste yashatse gutema Nsabimana Blaise, yasubije ko yumvise induru zivuga aryamye, arabyuka agenda agiye gutabara ahageze asanga Nsabimana Blaise aryamye hasi Nzitakuze Théoneste amuri hejuru barwanira umuhoro, ko we n'abandi bahahuriye bahise babambura uwo muhoro, ahita ahamagara ushinzwe umutekano kandi ko nta kintu azi Nzitakuze Théoneste apfa na Nsabimana Blaise.

[16] Dosiye y'urubanza igaragaza kandi ko ku wa 11/07/2015 Ubuyobozi bw'Umudugudu icyaha cyakorewemo bwakoze raporo bugaragaza uko ibintu byagenze, busobanura ko mu ijoro ryo ku wa 11/07/2015 saa 22h Nsabimana Blaise yarikumwe na Nzitakuze Théoneste na Hakizimana Valens mu kabari ka Nyirabungeri Alphonsine, ariko Nsabimana Blaise aza gusiga abo bagenzi be muri ako kabari arataha, ko aribwo Nzitakuze Théoneste yahise azenguruka ako kabari ajya kwihisha mu miyenzi yo ku rugo rwo kwa Nsabimana Blaise afite n'umuhoro ashaka kuwumutemesha, kandi ko ubwo bari muri ako kabari bari babanje kugirana amakimbirane.

128 \_\_\_\_\_

[17] Ku wa 12/07/2015 Ubuyobozi bw'Akagari ka Ntebe nabwo bwakoze raporo bugaragaza ko Umusore witwa Nzitakuze Théoneste yategeye umuturanyi we Nsabimana Blaise ku rugo rwe ashaka kumutema dore ko yaranafite umuhoro, ariko Nsabimana Blaise akigera ku irembo yahise abona Nzitakuze Théoneste yihishe mu miyenzi aza amusanga afite umuhoro, abanguye umuhoro kumutema Nsabimana Blaise arasimbuka barwanira uriya muhoro ari nako avuza induru abaturage baratabara basanga bombi bafashe uwo muhoro barawubaka.

[18] Ubwo Nzitakuze Theoneste yabazwaga mu Bugenzacyaha ku wa 12/07/2015, yavuze ko ubwo bari mu kabari we na Nsabimana Blaise bateranye amagambo, birangiye arataha ajya iwe kuzana umuhoro ngo ajye ku kazi k'izamu, ko yageze haruguru yo kwa Nsabimana Blaise asanga yamutegeye mu agiye kwiruka yumva yamufashe, barafatana miyenzi, Nsabimana Blaise aramutega yikubita hasi ariko bakomeza kurwanira umuhoro, Nsabimana Blaise avuza induru, hatabara Hakizimana Valens wahise abaka uwo muhoro, aribwo hahitaga haza abantu batabaye barimo ushinzwe umutekano bakamushinja ko varagiye kwica Nsabimana Blaise, ariko ko uwo muhoro atari uwo yaragiye kumwicisha ahubwo ari uwo yarajyanye mu kazi ke k'izamu.

[19] Mw'ibazwa rya Nsabimana Blaise mu Bugenzacyaha ku wa 15/07/2015, yavuze ko Nzitakuze Théoneste yamutegeye ku irembo atashye abona ahubutse mu miyenzi afite umuhoro awubanguye ashaka kumutema aramuhusha aribwo yamufataga barawurwanira, atabaza abaturanyi, habanza kuza uwitwa Hakizimana Valens ari nawe wari watije Nzitakuze Théoneste umuhoro, arabakiza abaka n'umuhoro, haza n'abandi barimo Mukarukundo, kandi ko ntacyo bapfa usibye kumugirira ishyari ryuko atunze we adatunze.

[20] Isesengura ry'ingingo ya 27 y'Itegeko N° 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 ryagarutsweho haruguru ryumvikanisha ko kugirango habeho ubwinjiracyaha kandi buhanwe, ari ngombwa ko haba habayeho ibikorwa biboneka kandi bidashidikanywaho mu rwego rwo gutangira gushyira mu bikorwa umugambi wo gukora icyaha, hanyuma ibyo bikorwa bigakomwa mu nkokora n'impamvu zitaturutse kuri nyir'ukubikora.

[21] Ibi by'umugambi mu bwinjiracyaha ni nako abahanga mu mategeko babisobanura, aho bavuga ko"the culpability required for an attempted murder is an intent to kill"<sup>1</sup> tugenekereje mu Kinyarwanda bisobanura ko kugirango habeho uburyozwacyaha ku cyaha cy'ubwiracyaha bw'ubwicanyi, ni ngombwa ko habaho umugambi cyangwa ubushake bwo kwica.

[22] Ku birebana n'uru rubanza, Urukiko rurasanga hashingiwe ku bikubiye muri dosiye nkuko byibukijwe haruguru, nubwo uregwa n'uwakorewe icyaha batabivugaho rumwe, ibyabaye hagati ya Nsabimana Blaise na Nzitakuze Théoneste ari imirwano ishingiye ku makimbirane bari bagiranye ubwo bari mu kabari, kuko Ubushinjacyaha butashoboye kugaragariza Urukiko ko Nzitakuze Théoneste yateze Nsabimana Blaise afite umugambi wo kumwica.

[23] Urukiko rurasanga abatangabuhamya babajijwe bose bemeza ko basanze Nzitakuze Théoneste na Nsabimana Blaise barwanira umuhoro, ariko ntawamenye uko byatangiye (niba

<sup>&</sup>lt;sup>1</sup> Arshworth Andrew, Sentencing and Criminal Justice, sixth edition, Cambridge University Press p.127.

barahuye buri wese akikanga undi, cyangwa harabaye ko umwe atega undi kubera amakimbirane bari bagiranye) kuko bose bavuga ko baje bahuruye bagakiza abarwanaga, bakaba batagaragaza ko hari ubushake ku ruhande rwa Nzitakuze Theoneste bwo kwica Nsabimana Blaise, akabibuzwa gusa nuko uyu yatabawe.

[24] Urukiko rurasanga hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 165 y'Itegeko Nº 30/2013 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize v'imanza z'inshinjabyaha ivuga ko gushidikanya birengera ushinjwa, ko iyo urubanza rwakurikiranywe mu buryo bwose, ntihagire ibimenyetso nyakuri biboneka byemeza nta shiti abacamanza ko ushinjwa yakoze icyaha koko, bagomba kwemeza ko atsinze.

[25] Rurasanga hari ugushidikanya ku bimenyetso ku cyaha cy'ubwinjiracyaha mu cyaha cy'ubwicanyi Nzitakuze Théoneste akurikiranyweho kuko nta cyarugaragariye ko yagize umugambi wo gushaka kwambura Nsabimana Blaise ubuzima, bityo Urukiko rukaba ntaho rwahera rwemeza ko icyaha akurikiranyweho kimuhama.

#### III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

[26] Rwemeje ko Ubujurire bwa Nzitakuze Théoneste bufite ishingiro;

[27] Rwemeje ko imikirize y'urubanza RPA 0480/15/HC/RWG rwaciwe ku wa 12/05/2016 n'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Rwamagana ihindutse muri byose;

#### 132 ICYEGERANYO CY'IBYEMEZO BY'INKIKO

[28] Rwemeje ko Nzitakuze Théoneste adahamwa n'icyaha cy'ubwinjiracyaha bw'ubwicanyi yarakurikiranweho;

[29] Rutegetse ko Nzitakuze Théoneste waburanaga afunzwe ahita arekurwa uru rubanza rukimara gusomwa;

[30] Rutegetse ko amagarama y'urubanza aherera ku Isanduku ya Leta.

## RWANDA LAW REPORTS

## **ENGLISH VERSION**

#### **TABLE OF CONTENTS**

TEAM OF EDITORS	iii
MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE	iv
PREFACE	vii
SCOPE OF THE REPORTS	viii
CITATION	viii
LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTR CONSIDERED	
LIST OF CASES CONSIDERED	xi
SUBJECT INDEX	xiii
Re. KABASINGA	1
BRALIRWA v. GISA	
CANDARI V. MUKAMANA ET AL	53
NIYIGENAv. NYIRISHEMA	73
ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) BRALIRWA Ltd	
PROSECUTION v. NIYOMURAGIJE	107
PROSECUTION v. NZITAKUZE	123

#### **TEAM OF EDITORS**

#### LAW REPORTING TEAM

KAGABO U. Stephanie

KAVUTSE M. Claude

KUBWIMANA Jean Claude

MUJABI K. Naphtal

NINAHAZWA Roselyne

#### **MULTI-INSTITUTIONAL COMMITTEE**

Prof. Dr. NGAGI M. Alphonse	: President of the Committee, Judge of the Court of Appeal
Dr. MUHIRE G. Yves	: Vice President of the Committee, Lecturer in the School of Law/UR
BUKUBA Claire	: Secretary of the Committee, Inspector of Courts
Dr. KARIMUNDA M. Aimé	: President of Court of Appeal
RUKUNDAKUVUGA F. Regis	: Judge at Supreme Court
NDAHAYO Xavier	: President of High Court
RUTAZANA Angeline	: Inspector General of Courts
KALIWABO Charles	: Judge of the Court of Appeal
Dr. KAYIHURA Didas	: Rector of ILPD
BWIZA N. Blanche	: Inspector of Courts
KIBUKA Jean Luc	: Judge at Commercial High Court

HABARUREMA Jean Pierre	:	Prosecutor at National Level
BUNYOYE Grace	:	Prosecutor at National Level
KABIBI Specioza	:	State Attorney
MUREREREHE Saouda	:	Judge at High Court
Lt. col. MADUDU A. Charles	:	Judge at Military Court
UWANTEGE Yvette	:	Chief Registrar of Court of Appeal
GIRANEZA Clémentine	:	Judge of the Intermediate Court
<b>BAGABO Faustin</b>	:	Advocate at Rwanda Bar Association

#### PREFACE

Dear Readers,

We are pleased to present to you the Law Reports Volume 2 [2020]. As usual, we select cases that can be useful in solving some of the legal issues you encounter, either in your career or in your daily life.

This volume contains seven (7) cases, which includes; five (5) cases in merit; two (2) civil cases, two (2) penal cases and one (1) petition seeking to declare a law unconstitutional, while the remaining two (2) are procedural cases.

These cases can be accessed on the website of the judiciary: <u>http://decisia.lexum.com/rlr/en/nav.do</u>.

Dr NTEZILYAYO Faustin President of the Supreme Court and President of the High Council of Judiciary

#### **SCOPE OF THE REPORTS**

These reports cover cases decided by the Supreme Court and the Court of appeal cited under the heading below:

#### CITATION

The Reports in this volume are cited thus: [2020] 2 RLR

#### LIST OF STATUTES AND STATUTORY INSTRUMENTS CONSIDERED

<i>The Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 as amended in 2015, article 29, 61</i>
International Covenant on Civil and Political Rights, (ICCPR), article 14
Law N° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general, article 49, 58, 60 and 1515
Law N° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, article 3
Law N° 17/2018 of 13/04/2018 governing companies, article 142
Law N°15/2004 of 12/06/2004 relating to evidence and its production, article 3
Law N° 09/2004 of 29/04/2004 relating to the code of ethics for the Judiciary, article 4 and 55
Organic Law N° 01/2012/OL of 02/05/2012 establishing the penal code (repealed), article 785 article 27125
Organic Law N°06/2012/OL of 14/09/2012 determining the organisation, functioning and jurisdiction of commercial courts,

Organic Law N $^{\circ}$ 03/2012 / OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court, article 28	
Law N° 30/2013 of 24/05/2013 relating to the code of criminal procedure, article 165	
Law N° 22/99 of 12/11/1999 to supplement book I of the civil code and to institute part five regarding matrimonial regimes, liberalities and successions, article 355	
Decree Law of 30/07/1888, relating to contracts or obligations, civil code book III (abrogated by the law N° 020/2019 of 22/08/2019 abrogating all laws established before the independence), article 263 and 590	

X \_\_\_\_\_

#### LIST OF CASES CONSIDERED

*Prosecution v Barakagwira Gilbert, RP 00062/2019/TGI/HYE, rendered by the Intermediate Court of Huye on 18/02/2019......5* 

Prosecution		and B		menya	Venant		
RP00357/201	8/TGI/NG	GOMA,	rendered	by the	Intermediate		
Court	of	Ngor	na	on	14/06/2019 5		
					018/TGI/MUS, 5		
Prosecutor vs par.306	0		R-99-46-A'	0	nt, 7 July 2006, 109		
RCOMAA 00	020/2016/	SC - R	COMÁA 0	025/15/0	ere ka Nyabihu, CS rendered by 38		
(139/89, 289	/89) [199	0] ZAS	SCA 38; 1	990 (2)	ms; S v Bruce SA 802(A D); 6		
-	-			-	[1987] LRC		
Supreme Cou	rt of Cana	da, R v	Smith, [19	87] 1 S.C	C.R. 10456		
-				, ,	[1983] 2 SCR 6		
Supreme Cou 48 (2010)					orida, 560 U.S. 6		
Supreme Cou 586 (1978)					<i>Ohio, 438 U.S.</i>		

United States Supreme Court, Jurek v. Texas, 42	28	U.S.	262
(1976), July 2, 1976	•••••	••••	5
United States Supreme Court, Roberts v. Louisiana	(19	977),	No.
76-5206, June 6, 1977			6

#### SUBJECT INDEX

**Commercial law** – Company – Private Company which have one dorector – Replacement of the director –The document issued by Rwanda Development Board (RDB) is the only proof to confirm the successor of the Director of a company in which s/he was the sole shareholder.

#### ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) Ltd v. BRALIRWA Ltd......93

**Commercial procedure** – Jurisdiction of commercial courts – Non-contractual obligations – Non-contractual obligations are treated as commercial obligations when they arise from commercial activity – The cases which results from such obligations are within the jurisdiction of the commercial courts

#### BRALIRWA v. GISA......35

Jurisdiction of courts – Pecunial jurisdiction – Damages awarded in the case – The amount of damages awarded by a judge in the event of a dispute shall be the basis for determining whether the appeal is within the jurisdiction of the Supreme Court – Organic Law N° 03/2012 / OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the supreme court, article 28, paragraph 2, section 7

#### BRALIRWA v. GISA......35

Admissibility of the claim – Standing of the plaintif – The claim is only admissible to court when the plaintif and the defendants have the standing – Law N° 22/2018 of 29/04/2018 relating to the civil, commercial, labour and administrative procedure, article 3.

#### ENTREPRISE TWAHIRWA FAUSTIN (ETF) Ltd v. BRALIRWA Ltd......93

**Constitution** – Due process of law – Due process of law consists of a series of requirements to be followed in the course of the proceedings based on procedural due process and fair justice that prevents the enactment of laws or other irrational measures that infringe on rights of the population (substantive due process) – The Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 as amended in 2015, article 29

Re. KABASINGA.....1

Due process of law – Madatory sentencing –The mandatory sentencing is contrary to the principle of due process of law because the convict cannot appeal the sentence because the appellate judge cannot change it because it is mandatory – In criminal cases, while sentencing the convict, the judge is obliged to consider the manner in which it was committed, the conduct and welfare of the offender, on the society in which it was committed and on the victim.

Re. KABASINGA.....1

Freedom and Independence of the judge – Mandatory sentencing –In exercising their judicial functions, judges at all times do it in accordance with the law and are independent from any power or authority – The judge is not independent, if during sentencing s/he is obligated to impose a mandatory sentence which is not proportional to the gravity of the crime, the manner in which it was committed, and mitigating circumstances that would have reduced his sentence in case there are any – The Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, article 151.

#### Re. KABASINGA.....1

Criminal Law – An attempt of murder – To hold liability for an attempt of murder, it is not sufficient to rely on weapons or tools found with the accused, instead, the culpability required for an attempted murder is an intent of committing an offence – Organic Law N°01/2012/OL of 02/05/2012 instituting the penal code, article 27.

PROSECUTION v. NZITAKUZE.....123

**Evidence law** – Value of a document – Defectivness – A document even concluded before the notary, but disregarding the provision of the Law, is void.

CANDARI V. MUKAMANA ET AL.....53

Evidence in criminal matters – Contradiction of the party to the case – Conflicts between the accused and the victim – Contradiction of the party to the case is not a sufficient incriminating evidence when it is not corroborating with other reliable elements of evidence because he/she is not required to accuse himself/herself – Conflicts between the accused and the victim cannot be solely considered as an incriminating evidence.

PROSECUTION v. NIYOMURAGIJE.....107

